

REPUBLICQUE RWANDAISE

REPUBLIKA Y'U RWANDA

DECRET — LOI N° 21/77 DU 18 AOUT 1977
INSTITUANT LE CODE PENAL.

ITEGEKO — TEKA N° 21/77 RYO KUWA 18
KANAMA 1977 LISHYIRAHU IGITABO
CY'AMATEGEKO AHANA.

Nous, HABYARIMANA Juvénal,
Président de la République,

Twebwe, HABYARIMANA Yuvenali,
Prezida wa Republika,

Vu la Proclamation du 5 juillet 1973 du
Haut-Commandement de l'Armée Rwandaise,
spécialement en son paragraphe 5, 4°;

Tumaze kubona Itangazo ryo kuwa 5 nyakanga
1973 ryatanzwe n'Abategetsi Bakuru b'Ingabo z'u
Rwanda, cyane cyane mu gika cyaryo cya 5, 4°;

Sur proposition de notre Ministre de la Justice et
après avis du Conseil du Gouvernement, spécialement en
sa séance du 10 septembre 1976.

Tubisabwe na Ministri wacu w'Ubucamanza kandi
tumaze kwumva icyifuzo cy'Inama ya Leta, cyane cyane
mu iteraniro ryayo ryo kuwa 10 nzeli 1976,

AVONS DECRETE ET DECRETONS :

TWACIYE ITEKA KANDI DUCIYE ITEKA :

Article premier.

Il est institué un code pénal dont le texte est annexé
au présent décret-loi.

Ingingo ya mbere.

Hashyizweho igitabo cy'amategeko ahana, ali nacyo
ngereka y'ili tegeko-teka.

Article 2.

Toutes dispositions de caractère législatif ou régle-
mentaire contraires au code pénal institué par le présent
décret-loi sont abrogées, et notamment, tels que modifiés
à ce jour :

Ingingo ya 2.

Amategeko cyangwa amabwiliza yose anyuranije
n'igitabo cy'amategeko ahana gishyizweho n'ili tegeko-
teka avanyweho cyane cyane aya akulikira, nkuko
yahinduwe kugeza ubu :

- le décret du 30 janvier 1940 instituant le code pénal;
- l'ordonnance législative du 20 octobre 1961 rela-
tive aux fautes militaires graves;
- l'ordonnance législative du 29 avril 1942 sur les mutilations
volontaires;
- le décret du 15 juillet 1949 sur l'abandon de famille;
- le décret du 25 juin 1948 sur l'adultère et la bigamie;

- iteka ryo kuwa 30 mutarama 1940 lishyiraho igitabo
cy'amategeko ahana;
- itegeko-teka ryo kuwa 20 ukwakira 1961 ryerekeye
amakosa akomeye ya gisilikare;
- itegeko-teka ryo kuwa 29 mata 1942 ryerekeye
ukwiyononera umubili ku bushake;
- iteka ryo kuwa 15 nyakanga 1949 ryerekeye ugu-
tererana urugo;
- iteka ryo kuwa 25 kamena 1948 ryerekeye ubu-
sambanyi n'ubuhalike;

- l'ordonnance législative du 22 janvier 1903 relative au chanvre à fumer;
- le décret du 6 août 1922 concernant les infractions à l'égard desquelles la loi ne détermine pas de peines particulières;
- l'ordonnance législative du 15 septembre 1961 concernant les peines à appliquer en cas d'infraction à des mesures d'ordre général;
- l'ordonnance du 10 juin 1939 réprimant l'ivresse publique;
- l'arrêté du 19 janvier 1901 relatif aux jeux de hasard;
- le décret du 17 août 1927 relatif aux loteries;
- l'ordonnance législative du 16 mai 1951 relative aux concours de pronostics;
- l'ordonnance du 16 septembre 1925 sur le tapage nocturne;
- le décret du 21 juin 1937 sur la réhabilitation des condamnés;
- le décret du 12 mars 1923 sur les chèques non provisionnés et les autres effets tirés sans droit.
- itegeko-teka ryo kuwa 22 mutarama 1903 ryerekeye inywa ry'urumogi;
- iteka ryo kuwa 6 kanama 1922 ryerekeye ibyaha itegeko lidateganyiliza ibihano byihariye;
- itegeko-teka ryo kuwa 15 nzeli 1961 ryerekeye ibihano bitangirwa icyaha cyo guhungabanya umutekano rusange;
- iteka ryo kuwa 10 kamena 1939 rihana isindwe ryo ku mugaragaro;
- iteka ryo kuwa 19 mutarama 1901 ryerekeye ugutera urusimbi;
- iteka ryo kuwa 17 kanama 1927 ryerekeye ugukoresha tombola;
- itegeko-teka ryo kuwa 16 gicurasi 1951 ryerekeye irushanwa ryo kuvuga ibizaba;
- iteka ryo kuwa 16 nzeli 1925 ryerekeye urusaku mu ijoro;
- iteka ryo kuwa 21 kamena 1937 ryerekeye ihanagura busembwa ku bakatiwe;
- iteka ryo kuwa 12 werurwe 1923 ryerekeye shaki zitazigamilijwe n'izindi nyandiko z'invunja-franga zakozwe mu buryo bw'ubuliganya.

Article 3.

Le présent décret-loi entrera en application à la date que déterminera le Président de la République par voie d'arrêté.

Kigali, le 18 août 1977.

Ingingo ya 3.

Ili tegeko-teka lizatangira gukulikizwa ku italiki izemezwa na Prezida wa Republika, akoresheje iteka.

Kigali, kuwa 18 kanama 1977.

HABYARIMANA Juvénal,
Général—Major.

CODE PENAL

LIVRE PREMIER

DES INFRACTIONS ET DE LA REPRESSION

EN GENERAL

TITRE I

DISPOSITIONS PRELIMINAIRES

Chapitre I

De l'infraction en général.

Article premier.

L'infraction est une action ou une omission qui se manifeste comme une atteinte à l'ordre social et que la loi sanctionne par une peine.

Nulle infraction ne peut être punie des peines qui n'étaient pas prononcées par la loi, avant qu'elle fut commise.

Toutefois, dans le concours de deux lois pénales, l'une ancienne sous l'empire de laquelle l'infraction a été commise et l'autre promulguée depuis l'infraction et avant qu'un jugement définitif ait été rendu, la loi nouvelle doit seule être appliquée si elle édicte une peine moins sévère.

Sauf dispositions contraires, le livre premier du présent code est applicable aux infractions prévues par les lois et règlements particuliers. Toutefois cette application ne se fera pas lorsqu'elle aurait pour effet de réduire les peines pécuniaires établies pour assurer la perception des droits fiscaux ou la réparation civile du préjudice causé à l'Etat ou à une autre personne morale de droit public.

Article 2.

La loi cesse d'être applicable aux infractions commises pendant sa validité, si elle est abrogée avant que le jugement de ces infractions soit définitif, à moins que la loi nouvelle n'en ait disposé autrement.

Article 3.

Les dispositions pénales ne peuvent être étendues et doivent être interprétées restrictivement; il n'appartient pas aux tribunaux de prononcer par analogie.

Article 4.

Lorsque plusieurs dispositions pénales régissent la même matière, la disposition spéciale déroge à la disposition générale, sauf s'il en est édicté autrement.

IGITABO CY'AMATEGEKO AHANA

IGITABO CYA MBERE

IBYAHA N'IBIHANO KU BURYO RUSANGE

INTERURO YA I

AMATEGEKO ABANZA

Umutwe wa I

Icyaha ku buryo rusange.

Ingingo ya mbere.

Icyaha ni ugukora ikibujijwe cyangwa kwanga gukora igitegetswe ku buryo bihungabanya umutekano mu bantu kandi hali itegeko libiteganiliza ibihano.

Nta cyaha gihanishwa ibihano bitali biteganijwe n'itegeko ryatangajwe mbere y'uko gikorwa.

Aliko rero igihe habayeho amahulirane y'amategeko abili ahana, irya mbere ryaliko mu gihe icyaha gikorwa n'ilindi ryatangajwe nyuma y'icyaha, aliko urubanza rutaracibwa burundu, itegeko lishya ni ryo ryonyine ligomba gukulikizwa iyo igihano liteganya alicyo gito.

Iyo nta mategeko abiteganywa ukundi, igitabo cya mbere cy'amategeko ahana kigenga ibyaha byateganijwe n'amategeko cyangwa amabwiliza yandi. Aliko kandi, ntigikurikizwa iyo ayo mategeko cyangwa amabwiliza akena indishyi nkeya zagenewe Leta cyangwa undi mulyango ufite ubwihagaralire kandi ushingiyeye kuli Leta.

Ingingo ya 2.

Itegeko lirorera gukulikizwa ku byaha byakozwe likiriho, iyo ryavuyeho urubanza rw'ibyo byaha rutarakemurwa burundu, keretse iyo itegeko lishya ryabiteganijwe ukundi.

Ingingo ya 3.

Amategeko ahana ntashobora gukoreshwa ku buryo butandukira, agomba gufatwa uko ateye; nta bubasha inkiko zifite bwo guca imanza ku buryo bugenekereje.

Ingingo ya 4.

Iyo habonetse amategeko menshi ahana icyaha kimwe, itegeko ryihaliye lisimbura itegeko rusange, keretse iyo biteganyijwe ukundi.

Article 5.

Nul ne peut être puni deux fois du chef de la même infraction.

Chapitre II – De la territorialité de la loi pénale

Article 6.

Toute infraction commise sur le territoire rwandais par des Rwandais ou des étrangers est punie conformément à la loi rwandaise, sous réserve de l'immunité diplomatique consacrée par les conventions ou les usages internationaux.

Article 7.

Est réputée commise sur le territoire rwandais toute infraction dont un acte caractérisant un de ses éléments constitutifs a été accompli au Rwanda.

Article 8.

Par territoire rwandais, il faut entendre l'espace terrestre, fluvial, lacustre, aérien, compris dans les limites des frontières de la République.

Est réputée commise sur le territoire rwandais toute infraction perpétrée par ou contre un citoyen rwandais dans un lieu non soumis à la souveraineté d'un Etat, ou par toute personne soit à bord d'un bateau battant pavillon rwandais et se trouvant en dehors des eaux soumises à la souveraineté d'un Etat, soit à bord d'un aéronef immatriculé au Rwanda, s'il se trouve en vol ou en dehors des territoires soumis à la souveraineté d'un Etat.

Article 9.

Tout citoyen rwandais qui, en dehors du territoire de la République s'est rendu coupable d'un fait qualifié crime puni par la loi rwandaise, peut être poursuivi et jugé par les juridictions rwandaises.

Article 10.

Tout citoyen rwandais qui, en dehors du territoire de la République s'est rendu coupable d'un fait qualifié délit par la loi rwandaise, peut être poursuivi et jugé par les juridictions rwandaises si le fait est puni par la législation du pays où il a été commis.

Article 11.

Les dispositions des articles 6 à 10 sont applicables à ceux qui n'ont acquis la nationalité rwandaise que postérieurement au fait qui leur est imputé.

Ingingo ya 5.

Nta muntu ushobora guhanwa kabili ku cyaha kimwe.

Umutwe wa II – Ifasi y'itegeko lihana

Ingingo ya 6.

Icyaha cyose gikorewe mw'ifasi y'u Rwanda cyakorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, gihanishwa itegeko ry'u Rwanda, uretse ubuziragatoki bw'abahagararizi b'umubano w'amahanga bwemejwe n'amasezerano cyangwa umuco amahanga yose ahuliyeho.

Ingingo ya 7.

Icyaha cyemerwa ko cyakorewe mw'ifasi y'u Rwanda, iyo igikorwa kimwe gihanywe imwe mu ngingo z'ishingiro zigize icyo cyaha cyakorewe mu Rwanda.

Ingingo ya 8.

Kuvuga ifasi y'u Rwanda ni ukuvuga ubusesure bw'ubutaka, inzuzi, ibiyaga, n'ikirere bya Republika kugeza ku mbibi zayo.

Icyaha cyemerwa ko cyakorewe mu ifasi y'u Rwanda, ni icyaha icyo alicyo cyose, cyakozwe n'umunyarwanda cyangwa cyakorewe umunyarwanda gikorewe ahantu hatagira igihugu kihategeka, cyangwa n'umuntu uwaliwe wese, uli mu bwato bw'u Rwanda kandi buli mu mazi atagira igihugu kiyategeka cyangwa uli mu ndege ifite icyapa cy'u Rwanda, iyo iguruka cyangwa ili mu ifasi itagira igihugu kiyitegeka.

Ingingo ya 9.

Umunyarwanda wese wakoreye ahatali mu ifasi ya Republika, icyaha cy'ubugome gihanishwa itegeko ry'u Rwanda ashobora gukurikiranwa no gucirwa urubanza n'inkiko z'u Rwanda.

Ingingo ya 10.

Umunyarwanda wese wakoreye ahatali mu ifasi ya Republika, icyaha gikomeye cyateganijwe n'itegeko ry'u Rwanda, ashobora gukurikiranwa no gucirwa urubanza n'inkiko z'u Rwanda, niba icyo cyaha gihanishwa itegeko ry'igihugu cyakorewemo.

Ingingo ya 11.

Ibivugwa kuva ku ngingo ya 6 kugeza kuya 10 bikurikizwa ku bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda bararangije gukora icyaha baregwa.

Article 12.

Quiconque, s'est, sur le territoire de la République rendu complice d'un crime ou d'un délit commis à l'étranger, peut être poursuivi et jugé par les juridictions rwandaises si le fait est puni à la fois par la loi étrangère et par la loi rwandaise, à la condition que le fait qualifié crime ou délit ait été constaté par une décision définitive d'une juridiction étrangère.

Article 13.

Tout citoyen rwandais ou étranger qui, hors du territoire de la République, s'est rendu coupable d'un crime ou d'un délit attentatoire à la sûreté de l'Etat ou de contrefaçon du sceau de l'Etat ou de monnaies nationales, peut être poursuivi et jugé d'après les dispositions de la loi rwandaise comme si le crime ou le délit avait été commis sur le territoire.

Article 14.

La poursuite des crimes et délits commis à l'étranger ne peut être intentée qu'à la requête du ministère public.

Aucune poursuite n'aura lieu, si l'inculpé justifie qu'il a été jugé définitivement à l'étranger, et, en cas de condamnation, qu'il a subi ou prescrit sa peine ou obtenu sa grâce.

Article 15.

L'extradition est réglementée par la loi rwandaise en conformité avec les conventions et les usages internationaux.

Elle n'est admise que si le fait donnant lieu à la demande est érigé en infraction par la loi rwandaise et par la loi étrangère. Elle n'est pas accordée pour les infractions de caractère politique ou si elle est demandée dans un dessein politique.

Article 16.

L'extradition d'un citoyen rwandais n'est jamais accordée, la qualité de citoyen étant appréciée à l'époque de l'infraction pour laquelle l'extradition est requise.

Article 17.

La sentence pénale étrangère peut à la requête du ministère public ou de la victime de l'infraction, être reconnue au Rwanda, si elle prononce des condamnations civiles dont l'exécution doit être poursuivie sur le territoire de la République.

Ingingo ya 12.

Uwo aliwe wese, wabaye mu ifasi ya Republika, icyitso ku cyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, cyakorewe mu mahanga, ashobora gukurikiranwa no gucirwa urubanza n'inkiko z'u Rwanda, iyo icyo gikorwa gihanwa n'itegeko ry'amahanga n'itegeko ry'u Rwanda, kandi icyo gikorwa kitwa icyaha cy'ubugome cyangwa igikomeye, kikaba cyaremejwe n'urukiko rw'amahanga, ku buryo budasubirwaho.

Ingingo ya 13.

Umunyarwanda wese cyangwa umunyamahanga wese wakoreye ahatali mu ifasi ya Republika, icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, cyototera kulimbura Leta cyangwa kigamije kwigana kashe ya Leta cyangwa ifranga ry'Igihugu, ashobora gukurikiranwa no gucirwa urubanza hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nkaho icyaha cyaba cyarakorewe mu Rwanda.

Ingingo ya 14.

Gukurikirana ibyaha by'ubugome cyangwa bikomeye byakorewe mu mahanga, ntibishobora gutangira, bidasabwe n'ubushinja-cyaha.

Nta nkurikizi yindi ibaho, iyo ushinjwa agaragaza ko mu mahanga yaciriwe urubanza rudasubirwaho, kandi niba yaratsinzwe, ko yarangije igihano, cyangwa ko yababaliwe.

Ingingo ya 15.

Gutanga abakurikiranyweho icyaha, bigengwa n'itegeko ry'u Rwanda bakurikije amasezerano n'umuco ibihugu bihuriyeho.

Byemerwa gusa iyo igikorwa gituma bisabwa cyagizwe icyaha n'itegeko ry'u Rwanda n'iry'amahanga Ntibyemerwa ku byaha bya politiki cyangwa bisabiwe imhanvu za politiki.

Ingingo ya 16.

Ntana limwe umunyarwanda azegulirwa ubucamanza bw'amahanga, ubwene-gihugu aliko bugasuzumwa bahereye ku muni icyaha gituma asabirwa kwegurirwa abamu-saba cyakoreweho.

Ingingo ya 17.

Urubanza rw'ibihano rwakirijwe mu mahanga, rushobora kwemerwa mu Rwanda, bisabwe n'ubushinja-cyaha cyangwa n'uwarenganijwe n'icyo cyaha, iyo rwemeza indishyi zigomba kwishyulizwa mu ifasi ya Republika.

Chapitre III – De la classification des infractions

Article 18.

L'infraction que les lois punissent à titre principal d'une peine d'emprisonnement n'excédant pas deux mois et d'une amende n'excédant pas deux mille francs ou de l'une de ces peines, est une contravention.

Les infractions aux lois, arrêtés, règlements d'administration publique et de police, à l'égard desquelles la loi ne détermine pas de peines particulières, sont des contraventions.

Article 19.

L'infraction que les lois punissent à titre principal d'une peine d'emprisonnement supérieure à deux mois et n'excédant pas cinq ans et d'une amende supérieure à deux mille francs, ou de l'une de ces deux peines, est un délit.

Article 20.

L'infraction que les lois punissent à titre principal de la peine de mort ou d'une peine d'emprisonnement supérieure à cinq ans, est un crime.

Chapitre IV – De la tentative.

Article 21.

Il y a tentative punissable lorsque la résolution de commettre une infraction a été manifestée par des actes extérieurs, non équivoques, formant commencement d'exécution, et qui, devant avoir pour conséquence directe et immédiate de consommer l'infraction, n'ont été suspendus ou n'ont manqué leur effet que par des circonstances indépendantes de la volonté de l'auteur.

Article 22.

La tentative est punissable même si le but recherché ne pouvait être atteint en raison d'une circonstance de fait ignorée par l'auteur.

Article 23.

Si l'auteur a renoncé volontairement à l'action, il n'encourt des peines que si les actes déjà commis constituent par eux-mêmes une infraction.

Article 24.

Les tentatives de crime et de délit sont considérées comme le crime ou le délit lui-même. Les tentatives de contravention ne sont pas punissables.

Umutwe wa III – Irondora ry'ibyaha

Ingingo ya 18.

Icyaha amategeko ahanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kitarenze amezi abili n'ihazabu y'amafranga atarenze ibihumbi bibili, cyangwa kimwe muli ibyo bihano, kitwa icyaha gito.

Ibyaha bikomoka ku kutumvira amategeko, amateka, amabwiliza y'ubutegetsi bwa Leta, n'ayo gushyigikira amahoro iyo nta tegeko bwite libihana, byitwa ibyaha bito.

Ingingo ya 19.

Icyaha amategeko ahanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kirenze amezi abili, aliko kitarenze imyaka itanu, n'ihazabu y'amafranga arenze ibihumbi bibili, cyangwa kimwe muli ibyo bihano byombi, cyitwa icyaha gikomeye.

Ingingo ya 20.

Icyaha amategeko ahanisha igihano cy'iremezo cy'urupfu, cyangwa cy'igifungo kirenze imyaka itanu, kitwa icyaha cy'ubugome.

Umutwe wa IV – Ubwinjira-cyaha.

Ingingo ya 21.

Ubwinjira-cyaha buhanirwa iyo imigambi yo gukora icyaha, yagaragajwe n'ibikorwa bibonka, bidashidika nywa by'intangiro y'icyaha, bigenewe kugitsotsoba, bigaharikwa gusa cyangwa bikabuzwa kugera ku cyifuzo, bikazitirwa gusa n'impanvu zikomoka ku bwende bwa nyili icyaha.

Ingingo ya 22.

Ubwinjira-cyaha burahanwa naho icyali cyagenderewe kitashoboye kugerwaho bitewe n'impanvu nyili cyaha atashoboye kumenya.

Ingingo ya 23.

Iyo ugendereye icyaha yigaruye ku bwende bwe, ntahanwa, keretse iyo ibyo yamaze gukora, ubwabyo ali icyaha.

Ingingo ya 24.

Ubwinjira-cyaha bw'ibyaha by'ubugome n'ubw'ibyaha bikomeye, buhanwa kimwe n'ibyaha by'ubugome cyangwa bikomeye. Ubwinjira-cyaha bw'icyaha gitoya ntibuhanwa.

TITRE II.

DES PEINES EN GENERAL

Article 25.

Le tribunal applique la loi dans les limites qu'elle détermine; il doit énoncer les motifs qui justifient sa décision.

Chapitre I – De la classification des peines.

Article 26.

Les peines principales sont :

- 1° la mort;
- 2° l'emprisonnement;
- 3° l'amende.

Article 27.

Les peines accessoires sont :

- 1° la confiscation spéciale;
- 2° l'interdiction de séjour et l'obligation de séjour;
- 3° la mise à la disposition du gouvernement;
- 4° la dégradation civique.

Chapitre II – Des diverses catégories des peines.

Section I – De la peine de mort.

Article 28.

Tout condamné à mort sera passé par les armes.

Article 29.

Le lieu et les autres modalités de l'exécution sont fixés par arrêté du ministre qui a la justice dans ses attributions.

Le condamné, accompagné d'un ministre du culte de son choix, sera transporté au lieu du supplice et exécuté immédiatement.

Article 30.

Aucune condamnation ne pourra être exécutée les jours fériés légaux.

Article 31.

S'il est vérifié qu'une femme condamnée à mort est enceinte, elle ne subira la peine qu'après sa délivrance.

Article 32.

Les corps des suppliciés seront remis à leurs familles si elles les réclament, à charge par elles de les faire inhumer sans aucun appareil.

INTERURO YA II.

IBIHANO KU BURYO RUSANGE.

Ingingo ya 25.

Urukiko rukurikiza ku buryo ntarengwa ibyataganijwe n'itegeko. Rugomba kugaragaza impanvu rushyigiyeho rukemura urubanza.

Umutwe wa I – Irondora ry'ibihano.

Ingingo ya 26.

Ibihano by'iremezo ni :

- 1° kwicwa;
- 2° igifungo;
- 3° ihazabu.

Ingingo ya 27.

Ibihano by'ingereka ni :

- 1° ubunyagwe bw'ibikomoka ku cyaha;
- 2° ukubuza kuba ahantu n'ugutegeka kuba ahantu;
- 3° ugushyira mu maboko ya Leta;
- 4° ukwambura uburenganzira umuntu afite mu igihugu.

Umutwe wa II – Amoko y'ibihano.

Icyiciro cya I – Igihano cyo kwicwa.

Ingingo ya 28.

Uwakatiwe wese urubanza rwo gupfa azicishwa amasasu.

Ingingo ya 29.

Ahantu harangirizwa icyo gihano n'uburyo bikorwa, bitegekwa n'iteka rya ministri ushinze ubucamanza.

Uwaciriwe urubanza rwo gupfa, aherekajwe n'uwo yihitiyemo uhagarariye idini ye, azajyanwa aho arasirwa kandi ahereko araswa.

Ingingo ya 30.

Uwaciliwe urubanza rwo gupfa ntazaraswa ku minsi y'ikiruhuko yemewe n'amategeko.

Ingingo ya 31.

Umugore waciriwe urubanza rwo gupfa iyo bigaragaye ko atwite, ntaraswa atarabyara.

Ingingo ya 32.

Imirambo y'abarashwe ihabwa ababo iyo babisabye kandi bagomba kubahamba babyiherecranye.

Article 33.

Le procès-verbal d'exécution sera dressé sur-le-champ par le greffier. Il sera signé par le président de la juridiction qui a prononcé la condamnation ou par son remplaçant, par le représentant du ministère public et par le greffier.

Le procès-verbal sera transcrit par le greffier au pied de la minute de l'arrêt.

Section II – De l'emprisonnement

Article 34.

La durée de l'emprisonnement est soit perpétuelle, soit temporaire.

Article 35.

La durée de l'emprisonnement à temps est au minimum d'un jour et au maximum de vingt années, selon les cas spécifiés par la loi, et sauf dans les cas de récidive ou autres où la loi aurait déterminé d'autres limites.

Elle se calcule, comme toutes les peines temporaires, par jour, mois et années du calendrier grégorien.

La peine d'un jour est de vingt quatre heures. Celle d'un mois est de trente jours.

Article 36.

La durée de toute peine privative de la liberté compte du jour où le condamné est détenu en vertu de la condamnation, devenu irrévocable qui prononce la peine.

Article 37.

La détention préventive sera toujours intégralement déduite de la durée de la peine prononcée par le jugement ou l'arrêt de condamnation.

Article 38.

Dans le calcul de l'exécution des peines temporaires il n'est pas tenu compte du temps pendant lequel le condamné a été soumis par voie administrative à une mesure de sûreté privative de liberté, ni du temps pendant lequel il s'est volontairement soustrait à son exécution.

Article 39.

Les peines privatives de liberté s'exécutent dans des établissements pénitentiaires. Chaque condamné pourra être employé au travail qui lui sera imposé.

Article 40.

Les femmes et les mineurs exécutent les peines privatives de liberté dans des quartiers spéciaux des établissements pénitentiaires.

Ingingo ya 33.

Inyandiko-nvugo y'irangiza rubanza izandikwa ako kanya n'umugerefiye. Izasinywa na prezida w'urukiko rwacye igihano cyangwa umusimbura we, n'uhagarariye ubushinje-cyaha n'umu gerefiye.

Iyo nyandiko-nvugo, umugerefiye azayandukulira ahahera ho ku rupapuro rwanditsweho imikirize y'urubanza.

Icyiciro cya II – Igifungo

Ingingo ya 34.

Igifungo ni icya burundu cyangwa ikimara igihe.

Ingingo ya 35.

Igifungo kimara igihe, kimara byibura umunsi umwe kandi ntikirenza imyaka makumyabili ukurikije uko biteganyijwe n'itegeko, keretse mu gihe cy'insubira-cyaha cyangwa mu bihe bindi itegeko liba ryarateganyije ibindi bihano.

Kibahirwa ku minsi, amezi, n'imyaka bya kalendali isa nzwe, kimwe n'ibihano byose bigenewe igihe.

Igihano cy'umunsi umwe ni amasaha makumyabili n'ane icy'ukwezi ni iminsi mirongo itatu.

Ingingo ya 36.

Igihe cy'igifungo cyose kibarwa kuva ku munsi urubanza ruhana umuntu rwaciriweho, kandi rutagisubiweho.

Ingingo ya 37.

Igihe umuntu amaze mu gifungo cy'agateganyo, uko cyakabaye, kivanwa mu gihe cy'igihano urubanza rwategetse.

Ingingo ya 38.

Mu ibara ryerekeye irangiza-bihano bimara igihe gishira, ntawita ku gihe uwakatiwe yamaze mu gifungo yashyizwemo n'ubutegetsi butali uhacamanza ku buryo bumuziga, cyangwa ku gihe ubwe yihungishije igihano.

Ingingo ya 39.

Ibihano by'igifungo birangilizwa muli za gereza. Uwakatiwe wese, akora umulimo ategetswe.

Ingingo ya 40.

Abagore n'abana bafungirwa mu bice by'ibigo byabagenewe muli za gereza.

Article 41.

Les modalités d'exécution des peines privatives de liberté sont fixées par arrêté du ministre ayant la justice dans ses attributions.

Section III – De l'amende

Article 42.

L'amende est de un franc au moins; elle est perçue au profit de l'Etat.

Le taux des amendes pénales prévues par le présent code est, nonobstant toute disposition antérieure, net de tous décimes.

Article 43.

L'amende est prononcée dans les limites légales, individuellement contre chacun des condamnés à raison d'une même infraction, en tenant compte de la gravité de l'infraction.

Article 44.

Le tribunal fixe le délai dans lequel l'amende doit être payée; ce délai ne peut excéder un an.

Le tribunal peut décider que l'amende sera payée par versements échelonnés ou remplacée par des prestations de service au bénéfice de l'Etat ou de la commune. A défaut de fixation par le tribunal, le délai de paiement de l'amende est d'un mois.

Article 45.

Toute condamnation pénale est prononcée sans préjudice des restitutions et dommages-intérêts qui peuvent être dus aux parties.

Article 46.

En cas de concurrence de l'amende avec les restitutions et les dommages-intérêts sur les biens insuffisants du condamné, ces dernières condamnations obtiendront la préférence.

Article 47.

Tous les individus condamnés pour une même infraction sont tenus solidairement des amendes, des restitutions, des dommages-intérêts et des frais.

Toutefois, le tribunal peut, par décision motivée, exonérer en tout ou partie de la solidarité certains des condamnés.

Ingingo ya 41.

Uburyo bukulikizwa mu irangiza ry'ibihano by'igifungo bushyirwaho n'iteka rya ministri ushinzwe ubucamanza.

Icyiciro cya III – Ihazabu

Ingingo ya 42.

Ihazabu igizwe byibura n'ifranga limwe; igenewe isanduku ya Leta.

Umubare w'amafranga y'ihazabu uteganywa muli iki gitabo ntacyo wongerwaho, n'ubwo haba hali amategeko yabiteganyaga ukundi.

Ingingo ya 43.

Ihazabu icibwa mu buryo butarenze ibyateganijwe n'itegeko, igacibwa buli muntu ku giti cye, mu bakatiliwe icyaha bafatanije, hakurikijwe imikomerece yacyo.

Ingingo ya 44.

Urukiko rushyiraho igihe ngombwa ihazabu izatagirwamo; icyo gihe ntigishobora kurenza umwaka.

Urukiko rushobora gutegeka ko ihazabu izatangwa ibice-bice cyangwa ko izasimburwa n'imilimo ikorwe Leta cyangwa kome. Iyo urukiko rutashyizeho igihe, ihazabu itangwa mu gihe cy'ukwezi kumwe.

Ingingo ya 45.

Igihano cyose gicibwa ku buryo butabuza gusubiza ibintu bene byo, no guha indishyi z'akababaro abagomba kuzibona.

Ingingo ya 46.

Iyo ihazabu ihuliranye n'ibisubizwa, n'indishyi z'akababaro, mw'irihisha likulikiranywe ku bintu bidahagije by'uwasinzwe, ibisubizwa n'indishyi z'akababaro ni byo bibanza kurihishwa.

Ingingo ya 47.

Buli wese mubatsindiwe urubanza rw'icyaha basangiye, agomba gutanga mu mwanya wa bese, amahazabu, ibisubizwa, indishyi z'akababaro n'amafranga y'urubanza.

Aliko rero, urukiko, rushingiye ku cyemezo cyarwo kivugiwe impamvu, rushobora gusonera bamwe mu batsinzwe n'irugire icyo rubaca cyangwa rukabaca gusa igice cy'ibigomba gutangwa.

Article 48.

Lorsqu'une condamnation à l'amende, aux frais, à tout paiement au profit du Trésor Public, à des restitutions ou à des dommages-intérêts envers une partie civile aura été prononcée par une juridiction répressive, celle-ci, pour le cas où la condamnation demeurerait inexécutée, fixe la durée de la contrainte par corps. Cette mesure, qui consiste dans l'emprisonnement du débiteur pour l'obliger à payer sa dette, ne se confond pas avec la peine; elle ne peut excéder un an.

Lorsque la contrainte par corps garantit le recouvrement de plusieurs créances, le maximum d'un an peut être appliqué autant de fois qu'il y a de condamnations distinctes.

Article 49.

Le condamné qui a subi une contrainte par corps n'est pas libéré du montant des condamnations pour lesquelles elle a été exercée.

Article 50.

La contrainte par corps ne peut être prononcée ni contre les individus âgés de moins de 16 ans accomplis à l'époque des faits qui ont motivé la poursuite, ni contre ceux qui ont commencé leur soixante-cinquième année au moment de la condamnation. Elle ne peut davantage être prononcée contre les personnes civilement responsables.

Elle ne peut être exercée simultanément contre le mari et la femme, même pour le recouvrement des sommes afférentes à des condamnations différentes.

Article 51.

Les individus contre lesquels la contrainte a été prononcée peuvent en prévenir ou en faire cesser les effets, soit en payant ou consignat une somme suffisante pour éteindre leur dette, soit en fournissant une caution reconnue bonne et valable par le président du tribunal.

La caution doit se libérer dans le mois, faute de quoi elle peut être poursuivie sur son patrimoine.

Si le paiement intégral n'est pas effectué, la contrainte par corps peut être exercée de nouveau pour le montant des sommes dues.

Ingingo ya 48.

Igihe urukiko ruciye ihazabu, n'amafranga y'urubanza, n'ubwishyu ubwo alibwo bwose bugenewe isanduku y'igihugu, n'ibintu bigomba gusubizwa cyangwa n'indishyi z'akababaro bigenewe uwakorewe icyaha, rwemeza igihe ingwatira-mubili izamara, ibyategetswe biramutse bidata-nzwe. Iyo ngwatira-mubili, igizwe no gufunga ulimo umwenda kugira ngo ahatirwe kwishyura, ntiyitiranywa n'igihano; kandi ntishobora kurenza igifungo cy'umwaka.

Iyo ingwatira-mubili ikorewe kwishyura imyenda myinshi, igihe-ntarengwa cy'umwaka umwe gishobora gukoreshwa inshuro zingana n'uko ibihano bitandukana.

Ingingo ya 49.

Uwatsinzwe iyo yarangije igifungo cy'ingwatira-mubili, ntaba asonewe kwishyura umwenda yafunguwe.

Ingingo ya 50.

Ingwatira-mubili ntishyirwaho aho ku batali buzaza imyaka 16 y'amavuko igihe icyaha gikurikiranwa cyakoreweho, aho ku batangiye umwaka wa mirongo itandatu n'itanu w'amavuko ku muni urubanza rwakirijweho. Ni nk'uko itashyirwaho ku waba ategetswe kurahirira nyiri icyaha.

Umugabo n'umugore ntibashobora gufungirwa icya-limwe by'ingwatira-mubili naho byaba bishingiye ku bukurikirane bw'ubwishyu bw'amafranga yo mu manza zitandukanye.

Ingingo ya 51.

Abategekewe igifungo cy'ingwatira-mubili bashobora kukilinda cyangwa kugiharika, aho uko bishyuye cyangwa batanze ingwate ikwiranye n'umwenda, cyangwa bagize ubwishingirwe bufite agaciro kemewe na prezida w'urukiko.

Ubwishingirwe bugomba gushirana n'ukwezi kumwe, bitabaye bityo, ubwishyu bukurikiranwa kubyo ubwishingira atunze.

Iyo umwenda utishyurwe wose, ubugwatira-mubili bushobora kwongera kubaho kubera igice cyawo gisigaye.

Section IV De la confiscation spéciale.

Article 52.

En cas de crime ou de délit, la confiscation spéciale des biens qui forment le corps de l'infraction, ou qui ont servi ou ont été destinés à la commettre, ou qui ont été produits par l'infraction, pourra être prononcée accessoirement à la peine principale, lorsque la propriété desdits biens appartient au condamné.

Lorsque la propriété des biens décrits ci-dessus n'appartient pas au condamné, ainsi qu'en matière de contravention, la confiscation spéciale ne pourra être prononcée que dans les cas prévus par la loi.

Article 53.

La confiscation générale, portant sur la totalité du patrimoine présent et futur du condamné, est interdite.

Section V De l'interdiction de séjour et de l'obligation de séjour.

Article 54.

L'interdiction de séjour consiste dans la défense faite à un condamné de paraître dans certains lieux.

L'obligation de séjour consiste dans l'obligation faite à un condamné de résider dans certains lieux.

Article 55.

La durée de l'interdiction de séjour et de l'obligation de séjour est de deux à dix ans.

Article 56.

L'interdiction de séjour ou l'obligation de séjour peut être prononcée, outre les cas expressément déterminés par la loi :

- 1° contre tout condamné à une peine supérieure un an d'emprisonnement;
- 2° contre quiconque, ayant été condamné à une peine égale ou supérieure à six mois d'emprisonnement, aura, dans un délai de dix ans après l'expiration de cette peine ou sa prescription, été condamné de nouveau à une peine égale ou supérieure à six mois d'emprisonnement.

Icyiciro cya IV – Ubunyagwe bw'ibintu bikoma ku cyaha.

Ingingo ya 52.

Igihe hakoze icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, ubunyagwe bw'ibintu bigize icyaha, cyangwa ibyagikoreshejwe, cyangwa ibyagenewe kugikora, cyangwa se ibyo cyabyaye, buzashobora kwemezwa inw'ica ry'urubanza, bwongewe ku gihano cy'iremezo, iyo ibyo bintu ali iby'uwakatiwe.

Iyo ibyo bintu bimaze kuvugwa atali iby'uwakatiwe cyangwa se bituruka ku byaha bitoya, ubwo bunyagwe buzashobora kwemezwa gusa mu bihe biteganywa n'itegeko.

Ingingo ya 53.

Ubunyagwe butsembye bw'ibintu byose uwahawe atunze n'ubw'ibyo ashobora kuzatunga, burabujijwe.

Icyiciro cya V – Ukubuza kuba ahantu n'ugutegeka kuba ahantu.

Ingingo ya 54.

Ukubuza umuntu kuba ahantu ni ugutegeka uwakatiwe kutagera aha n'aha.

Ugutegeka kuba ahantu ni ugutegeka uwakatiwe kuguma aha n'aha.

Ingingo ya 55.

Igihe ukubuza kuba ahantu n'ugutegeka kuba ahantu bimara, ni ukuva ku myaka ibili kugeza kw'icumi.

Ingingo ya 56.

Ukubuza kuba ahantu cyangwa ugutegeka kuba ahantu, uretse aho byaba byateganijwe ukundi n'itegeko, bishobora kwemezwa n'urubanza :

- 1° ku wahanishijwe wese igifungo kirenze umwaka umwe;
- 2° ku muntu wese wamaze guhanishwa igifungo cy'amezi atandatu cyangwa kiyarenze, akongera guhanishwa igifungo kingana n'amezi atandatu cyangwa kiyarengeje, mu myaka itarenze icumi kuva arangije icyo gihano, cyangwa igihe cyo gukurikirana irangiza ryacyo cyararenze.

Article 57.

La peine d'interdiction de séjour ou d'obligation de séjour prend cours à la date à laquelle le condamné a exécuté sa peine d'emprisonnement. S'il est libéré conditionnellement, le point de départ de la peine accessoire est la mise en liberté.

La réincarcération du condamné, pour quelque cause que ce soit, n'entraîne pas prolongation de la durée de ces peines.

Article 58.

Les conditions d'application des articles 54 à 57 sont déterminées par arrêté présidentiel.

Section VI – De la mise à la disposition du gouvernement.

Article 59.

Tout récidiviste qui, dans un intervalle de dix ans, non compris les peines d'emprisonnement subies a encouru trois condamnations d'au moins six mois d'emprisonnement, pourra, par l'arrêt ou le jugement de condamnation, être mis à la disposition du gouvernement pour une durée de cinq à dix ans prenant cours à l'expiration de la durée de la dernière peine d'emprisonnement.

La mise à la disposition du gouvernement est subie soit dans un établissement pénitentiaire, soit sous le régime de la liberté conditionnelle.

Article 60.

Les jugements ou arrêts relatifs aux condamnations antérieures sont joints au dossier de la nouvelle poursuite.

Article 61.

La décision qui ordonnera la mise à la disposition du gouvernement sera spécialement motivée sur ce point. Elle devra, à peine de nullité, relever que chaque condamnation ayant servi de base au prononcé de la peine était devenue définitive lorsqu' a été commise l'infraction subséquente.

Article 62.

Lorsqu' un condamné a été mis à la disposition du gouvernement par deux décisions successives, la seconde mise à la disposition prend cours à la suite de la première en date, si celle-ci n'est pas encore expirée au terme de la peine d'emprisonnement prononcée par la seconde décision.

Ingingo ya 57.

Igihano cy'ukubuza kuba ahantu cyangwa cy'ugu-tegeka kuba ahantu, gitangira kw'italiki uwahanwe arangirijeho igihano cy'igifungo. Iyo afunguwe by'agateganyo igihano cy'ingereka gitangira umunsi afunguriweho.

Kwongera gufungwa kw'uwanawe, ku mpamvu izo alizo zose, ntibimuviramo kwongera igihe ibyo bihano bigenewe kumara.

Ingingo ya 58.

Uburyo bwo gukulikiza ingingo kuva kuya 54 kugeza kuya 57 busobanurwa n'iteka rya Prezida w' Republika.

Icyiciro cya VI – Gushyirwa mu maboko ya Leta.

Ingingo ya 59.

Umuntu wese usubiriye icyaha, akaba yarakatiwe gatatu igifungo cy'amezi nibura atandatu. mu gihe cy'imyaka cumi hatabariwemo igihe cy'ibihano by'igifungo yarangiye, ashobora, mu rubanza aciriwe gushyirwa mu maboko ya Leta. mu gihe cy'imyaka kuva kuli itanu kugeza ku icumi, bahereye ku munsi arangirijeho igihano cya nyuma cy'igifungo.

Icyo gihano cyo gushyirwa mu maboko ya Leta kirangilizwa muli gereza, cyangwa kikarangizwa ku buryo bwateganijwe bwo kumuziga.

Ingingo ya 60.

Kopi z'imanza zose umuntu yari yaratsindiwe kugeza ubwo, zishyirwa muli dosiye y'icyaha gishya akurikiranyweho.

Ingingo ya 61.

Icyemezo cy'urukiko gishyira umuntu mu maboko ya Leta kigomba gusobanura impanvu gishingiyeho. Kigomba, ku buryo bibuze cyascswa, kugaragaza ko buli rubanza yatsindiwe, ari narwo shingiro ry'icyo gihano, rutashoboraga gusubirwaho mu gihe icyaha cyo hanyuma cyakozwe.

Ingingo ya 62.

Igihe uwakatiwe ashyizwe mu maboko ya Leta n'ibyemezo bibili bikurikiranye, ugushyirwa mu maboko ya Leta bwa kabili bitangira ku italiki incuro ya mbera irangiriyeho, niba yari itararangira igihe arangije igifungo yakatiwe ubwa kabili.

Article 63.

A l'expiration de la peine principale d'emprisonnement, le ministre ayant la justice dans ses attributions décide si le condamné est mis en liberté ou interné dans un établissement spécialement désigné.

Si le condamné est mis en liberté, il peut à tout moment, pour cause d'inconduite, être interné par décision du préfet du ressort où l'inconduite a été constatée. Avant de prendre la décision, le préfet doit demander l'avis du ministre public près la juridiction qui a prononcé la peine.

Le condamné peut déférer la décision du préfet au ministre ayant la justice dans ses attributions.

Article 64.

Lorsque le condamné bénéficie de la libération conditionnelle pour la peine d'emprisonnement, la peine de mise à la disposition du gouvernement est exécutée à partir de cette libération.

Son exécution est suspendue, à partir de l'arrestation, en cas de révocation de la libération conditionnelle et pendant toute la durée de la détention.

Il en est de même si le condamné est arrêté, même préventivement, en vertu d'une décision judiciaire.

Article 65.

Le condamné mis à la disposition du gouvernement peut, à tout moment, demander à être relevé des effets de cette condamnation. La demande est adressée au procureur de la République lequel instruit la requête et saisit, par ses réquisitions, la juridiction qui a condamné. Celle-ci statue par décision motivée, le condamné régulièrement cité et entendu.

En cas de rejet de la demande, une nouvelle demande ne peut être formée avant l'expiration d'un délai d'un an.

Section VII – De la dégradation civique

Article 66.

La dégradation civique consiste :

- 1° dans la destitution et l'exclusion de toutes fonctions, emplois ou offices publics ;
- 2° dans la privation du droit de vote, d'élection, d'éligibilité et, en général, de tous les droits civiques et politiques, et du droit de porter des décorations ;

Ingingo ya 63.

Igihe igihano cy'igifungo cy'iremezo kirangiye, ministri ushinzwe ubucamanza yemeza niba uwakatiwe asezererwa agataha, cyangwa niba ashwirwa muli gereza ibigenewe.

Niba uwakatiwe afunguwe, ashobora igihe cyose, bitewe no kutitonda, gushwirwa muli gereza bishingiye ku cyemezo cya prefe w'aho icyaha cyagaragariye. Mbere yo kugira icyo yemeza, prefe agomba kubaza ubushinjacyaha bukorana n'urukiko rwacye igihano, icyo bubitekerezaho.

Uwakatiwe ashobora kujulirira icyemezo cya prefe kuli ministri ushinzwe ubucamanza.

Ingingo ya 64.

Iyo uwakatiwe afunguwe by'agateganyo kubw'igihano cy'igifungo, igihano cyo gushwirwa mu maboko ya Leta gitangira ubwo akimara gufungurwa.

Gihagarikwa iyo yongeye gufatwa, anyazwe ubufungurwe bw'agateganyo, n'igihe cyose azamara muri gereza.

Ni nako bigenda iyo uwakatiwe afashwe agafungurwa n'aho byaba iby'agateganyo, biturutse ku cyemezo cy'urukiko.

Ingingo ya 65.

Uwakatiwe washyizwe mu maboko ya Leta, ashobora, igihe cyose, gusaba gukurwaho icyo gihano. Abisaba Prokureri wa Republika, nawe akabisuzuma, akabishyira mu rukiko rwacye igihano hamwe n'inyandiko y'icyo abivugaho ubwe. Urwo rukiko rukabitangira icyemezo gishingiye ku mpamvu zisobanuye. Uwakatiwe ahamagarwa mu rukiko ku buryo butegutwe kandi rukwumva imvugo ye.

Igihe ibyo yasabye bitemewe, ntashobora kugurura icyo kibazo hadashize umwaka umwe.

Icyiciro cya VII – Ukwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu

Ingingo ya 66.

Ukwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu ni :

- 1° ukunyaga n'ukubuza ikitwa umulimo cyose mu butegetsi ;
- 2° ukubuza ububasha bwo gutanga amajwi, bwo gutora, bwo gutorwa, mbese mu mvugo irambuye kubuza uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu, n'ubwerekeye politiki n'ubwo kwambara impeta ;

3° dans l'incapacité d'être expert, témoin dans les actes, et de déposer en justice autrement que pour donner de simples renseignements;

4° dans l'incapacité de faire partie d'aucun conseil de famille, d'être tuteur, curateur, subrogé-tuteur ou conseil judiciaire, si ce n'est de ses propres enfants;

5° dans la privation du droit de port d'armes, du droit de servir dans les forces armées, de faire partie de la police, de tenir école, d'enseigner et d'être employé dans un aucun établissement d'instruction à titre de professeur, de moniteur de maître ou de surveillant;

6° dans la privation du permis de conduire un véhicule ou d'exercer certaines professions limitativement énumérées dans la condamnation.

Article 67.

La dégradation civique prononcée par le tribunal a pour effet de priver le condamné d'un ou plusieurs droits énumérés à l'article précédent, sans qu'elle puisse porter sur l'ensemble de ces droits; sa durée, fixée par le tribunal, ne peut excéder vingt ans.

Toutefois, dans les cas expressément prévus par la loi, la dégradation civique peut être totale et perpétuelle.

Elle peut être suspendue en cours d'exécution dans les mêmes conditions que l'emprisonnement.

Elle peut être réduite ou effacée suivant la procédure de réhabilitation, après un terme et l'accomplissement de conditions laissées à l'appréciation de la cour d'appel.

La dégradation civique peut notamment être levée si le condamné a accompli un acte de civisme exceptionnel ou s'il s'est hautement consacré à des oeuvres sociales.

Article 68.

La peine de mort ou l'emprisonnement à perpétuité entraîne de plein droit la dégradation civique perpétuelle et totale.

Article 69.

La dégradation civique peut être prononcée, accessoirement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à un an, pour infraction attentatoire à la chose publique.

3° ukutemererwa kuba umuhamya mu by'ubuhanga n'umugabo mu byemezo, no mu manza, uretse kuba yasiganuzwa bamupererezaho;

4° ukutemererwa kuba mu bagize inama y'umuryango, gushingwa umuntu, gushingwa ibintu, gusimbura uwarereshejwe kurebera abadafite ubwenge buhagije, uretse gusa kubigilira abana be bwite;

5° ukubuza uburenganzira bwo gutwara intwara, kuba umusilikare, umupolisi, kuyobora ishuli, kwigisha, kuba profeseri, umwigisha, umwalimu cyangwa kugenzura abanyeshuli.

6° ukubuza permi yo gutwara imodoka cyangwa ukubuza imilimo imwe n'imwe basobanura mw'ica ry'urubanza.

Ingingo ya 67.

Ukwamburwa uburenganzira umuntu afite mu gihugu, bigizwe n'urukiko, gutuma uwakatiwe uburenganzira bumwe cyangwa bwinshi buvugwa mu ngingo ibanziriza iyi, aliko, ntigutuma uburenganzira bwose; igihe cy'ubwo bunyage kivuzwe n'urukiko, ntigishobora kurenza imyaka makumyabili.

Nyamara, umuntu ashobora kunyagwa uburenganzira bwose kandi burundu, mu bihe byateganijwe n'itegeko.

Ukubuza uburenganzira umuntu afite mu gihugu, bishobora guhagarikwa nk'uko bigenda mubyerekeye igifungo.

Bishobora kugabanywa cyangwa bikavanwaho rwose hakulikijwe inzira z'ihanagura-busembwa, bigakorwa n'urukiko rw'ubujurire rurebye igihe gishize kandi rusuzumye niba yujuje ibya ngombwa.

Ukubuza uburenganzira umuntu afite mu gihugu, bishobora kavanwaho niba uwakatiwe yaragiriye igihugu akamaro gahebuje cyangwa yaritangiye gutsura amajyambere y'abaturage.

Ingingo ya 68.

Igihano cyo kwicwa cyangwa cy'igifungo cya burundu kijyanirana n'ukubuza burundu kuli byose uburenganzira umuntu afite mu gihugu.

Ingingo ya 69.

Ukubuza uburenganzira umuntu afite mu gihugu bishobora kwongerwa n'urukiko ku gihano cy'igifungo kilinganiye n'umwaka cyangwa kiwurengeje bitewe n'icyaha cyo kurwanya igihugu.

TITRE III.

DES PERSONNES PUNISSABLES.

Chapitre I – Dispositions générales.

Article 70.

Il n'y a pas de responsabilité pénale lorsque le prévenu était en état de démence au temps de l'infraction ou lorsqu'il a été contraint par une force à laquelle il n'a pas pu résister, ou lorsque le fait était ordonné par la loi et commandé par l'autorité.

Toutefois, celui qui s'est volontairement privé de l'usage de ses facultés mentales au moment de l'infraction, demeure pénalement responsable, même si cette privation n'a pas été provoquée en vue de commettre l'infraction.

Article 71.

L'exonération de la responsabilité pénale pour les causes énoncées à l'article précédent ne s'étend pas aux coauteurs ou complices des faits punissables.

Elle n'implique pas non plus la cas échéant, l'extinction de la responsabilité civile.

Article 72.

Encourent la responsabilité civile résultant des infractions, soit leurs auteurs reconnus responsables, soit, en cas de non imputabilité des auteurs, les personnes civilement responsables de leurs actes au sens du code civil.

Article 73.

La responsabilité pénale est atténuée, aggravée ou supprimée lorsque des circonstances atténuantes, aggravantes ou justificatives sont attachées à l'infraction ou à la personne de l'agent.

L'admission de ces circonstances a pour effet de diminuer, d'augmenter ou de supprimer la peine encourue.

Article 74.

Nulle infraction ne peut être excusée ni la peine mitigée que dans les cas et dans les circonstances où la loi déclare le fait excusable, ou permet de lui appliquer une peine moins rigoureuse.

INTERURO YA III.

ABANTU BAHANWA.

Umutwe wa I – Amategeko rusange.

Ingingo ya 70.

Nta buryozwa-cyaha bubaho ku mushinjwa wali urwaye ibisazi mu gihe yakoraga icyaha cyangwa igihe akoze icyaha abitewe n'agahato atashoboraga kwikura cyangwa iyo igikorwa cyateganijwe n'itegeko kandi kigategekwa n'ubutegetsi.

Nyamara, uwitesheje ubwenge yabishatse mu gihe cyo gukora icyaha, aryozwa icyaha yakoze, naho yaba atabigiriye ubushake bwo gukora icyaha.

Ingingo ya 71.

Ugukuraho uburyozwa-cyaha bitewe n'impamvu zivuzwe ku ngingo ibanziliza iyi, ntibigira intandaro ku bafatanije nawe gukora icyaha cyangwa ku byitso by'icyaha gihanirwa.

Si n'inzitizi y'indishyi, igihe igomba gutangwa.

Ingingo ya 72.

Abaryozwa ubwangize butewe n'icyaha ni abagaragaweho ko bakoze icyaha cyangwa niba ali abatabazwa ububi bw'ibikorwa byabo, bikabazwa abashinzwe kubalihilira ubwonone nkuko bisobanuwe mu gitabo cy'amategeko y'imboneza-mubano.

Ingingo ya 73.

Uburyozwa-cyaha buragabanuka, buriyongera cyangwa bukavaho, iyo impamvu zibugabanya, zibwongerera cyangwa zibuvanaho zikomoka ku cyaha cyangwa k'uwagikoze.

Ubwemerwe bw'izo mpamvu butuma igihano cyateganijwe kigabanuka, kiyongera cyangwa kivahorose.

Ingingo ya 74.

Nta cyaha gishobora gutubya cyangwa igihano ngo kigerurwe, keretse mu bihe no mu nzira itegeko ryemeza ko ububi bw'icyo gikorwa butubya cyangwa litanga uruhusa rwo kugerura igihano.

Article 75.

Les circonstances inhérentes à la personne de l'agent n'ont d'effet que sur la responsabilité de cet agent.

Article 76.

Les circonstances aggravantes relatives à l'infraction aggravent seulement la responsabilité de ceux des agents qui en ont eu connaissance ou qui devaient les prévoir.

Chapitre II – Des excuses.

Section I – De la minorité.

Article 77.

Lorsque l'auteur ou le complice d'un crime ou d'un délit était âgé de plus de quatorze ans et de moins de dix-huit ans au moment de l'infraction, les peines seront prononcées ainsi qu'il suit, s'il doit faire l'objet d'une condamnation pénale :

– s'il a encouru la peine de mort ou l'emprisonnement à perpétuité, il sera condamné à une peine de dix à vingt ans d'emprisonnement ;

– s'il a encouru une peine d'emprisonnement ou une peine d'amende, les peines qui pourront être prononcées contre lui ne pourront s'élever au dessus de la moitié de celles auxquelles il aurait été condamné s'il avait eu dix-huit ans.

Section II – De la provocation

Article 78.

Pour les crimes et délits, le juge relève dans les faits de la cause, s'il y a lieu, les éléments qui constituent la provocation de la victime et qui rendent l'infraction excusable.

Article 79.

Les crimes et délits sont excusables, s'ils ont été provoqués par des coups ou violences graves envers les personnes.

Article 80.

Le parricide n'est jamais excusable.

Ingingo ya 75.

Impamvu zikoma ku wakoze icyaha zikurikizwa gusa ku buryozwa-cyaha bw'uwigikoze ubwe.

Ingingo ya 76.

Impamvu zongera ububi bw'icyaha zongera gusa uburyozwa-cyaha ku bagikoze bazizi cyangwa abashoboraga kuzibona hakiri kare.

Umutwe wa II – Impamvu z'ingabanya-gihano.

Icyiciro cya I – Ubutoya.

Ingingo ya 77.

Iyo uwakoze icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye cyangwa icyitso cye, afite imyaka y'amavuko irenze cumi n'ine aliko idashyitse cumi n'umunani mu gihe icyaha gikorwa, iyo bibaye ngombwa guca igihano, ibihano bitangwa ni ibi :

– iyo akwiye igihano cyo kwicwa cyangwa cyo gufungwa burundu, azacibwa igihano cy'igifungo cy'imyaka kuva kw'icumi kugeza kuri makumyabili;

– iyo akwiye igihano cy'igifungo cyangwa cy'ihazabu, ibihano acibwa ntibishobora kurenga icya kabili cy'ibihano yagombaga gucibwa iyo agira imyaka cumi n'umunani y'amavuko.

Icyiciro cya II – Ubusembure

Ingingo ya 78.

Ku byaha by'ubugome n'ibikomeye juji agaragaza mu bigize urubanza ingingo, iyo ali ngombwa, zerekana ku uwakorewe icyaha aliwe nyirabayazana, maze zikagabanya ububi bw'icyaha.

Ingingo ya 79.

Ibyaha by'ubugome n'ibikomeye, biratubywa, iyo ababikoze basembuwe bakubitwa cyangwa bahutazwa bikomeye.

Ingingo ya 80.

Kwica umubyeyi, nta na limwe bishobora kugabanyilizwa ububi.

Article 81.

Lorsque le fait d'excuse sera prouvé:

- s'il s'agit d'un crime emportant la peine de mort ou l'emprisonnement à perpétuité, la peine sera réduite à une peine d'emprisonnement d'un an à cinq ans;
- s'il s'agit de tout autre crime, la peine sera réduite à un emprisonnement de six mois à deux ans;
- s'il s'agit d'un délit, la peine sera réduite à un emprisonnement de huit jours à six mois.

Chapitre III Des circonstances atténuantes

Article 82.

Le juge apprécie souverainement les circonstances qui, précédant, accompagnant ou suivant l'infraction, atténuent la culpabilité de son auteur.

La décision qui admet les circonstances atténuantes doit être motivée.

Article 83.

S'il existe des circonstances atténuantes, les peines seront modifiées ou réduites ainsi qu'il suit :

- la peine de mort sera remplacée par une peine d'emprisonnement qui ne sera pas inférieure à cinq ans ;
- la peine d'emprisonnement à perpétuité sera remplacée par une peine d'emprisonnement temporaire qui ne sera pas inférieure à deux ans ;
- la peine d'emprisonnement temporaire de cinq à vingt ans ou supérieure à vingt ans pourra être réduite jusqu'à la peine d'emprisonnement d'un an.

Dans tous ces cas, une amende de cent mille francs au maximum pourra être adjointe à la peine d'emprisonnement, ainsi que la dégradation civique et l'interdiction de séjour ou l'obligation de séjour.

Ingingo ya 81.

Iyo hagaragajwe impamvu zitubya ububi bw'icyaha:

- ku cyaha cy'ubugome gikwiranye n'igihano cyo kwicwa cyo gufungwa burundu, igihano kiragabanuka kikaba igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza kuli itanu;
- ku bindi byaha by'ubugome, igihano kiragabanuka, kikaba igifungo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka ibili;
- ku cyaha gikomeye, igihano kiragabanuka, kikaba igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi atandatu.

Umutwe wa III — Impamvu zoroshya icyaha

Ingingo ya 82.

Juji ubwe aha agaciro impamvu zigabanya ubugizi bwa nabi bw'uwakoze icyaha, ali izakibanjiliye, ali izagiherekeje cyangwa izagikulikiye.

Ubwemeze bw'impamvu zoroshya ububi bw'icyaha bugomba gusobanurwa.

Ingingo ya 83.

Iyo haliho impamvu zoroshya icyaha, ibihano birahindurwa cyangwa bikagabanywa kuli ubu buryo :

- igihano cyo kwicwa gisimbuzwa igihano cyo gufungwa kitali muni y'imyaka itanu;
- igihano cyo gufungwa burundu gisimbuzwa igihano cy'igifungo cy'igihe kitali muni y'imyaka ibili;
- igihano cyo gufungwa cy'igihe cy'imyaka itanu kugeza kuli makumyabili cyangwa kirengeje imyaka makumyabili gishobora kugabanywa kugeza ku gifungo cy'umwaka umwe.

Muli ibyo bihe byose, ihazabu y'amafranga ataranga ibihumbi ijana ndetse no kubuza uburenganzira umuntu afite mu gihugu, no kubuzwa kuba ahantu cyangwa gutegekwa kuba ahantu, bishobora kwongerwa ku gihano cy'igifungo.

Article 84.

La peine d'emprisonnement égale ou inférieure à cinq ans et la peine d'amende, prévues pour la répression des délits et contraventions peuvent être réduites jusqu'au minimum de ces peines, même en cas de récidive.

Le tribunal pourra aussi prononcer séparément l'une ou l'autre de ces peines, et même substituer l'amende à l'emprisonnement.

Dans le cas où l'amende est substituée à l'emprisonnement, si la peine de l'emprisonnement est seule prévue par l'article dont il est fait application, le maximum de cette amende sera de dix mille francs.

Chapitre IV – De la récidive.

Article 85.

Quiconque ayant été condamné, par une décision définitive, à une peine d'emprisonnement supérieure à deux mois, aura, dans un délai de dix ans après l'expiration de cette peine ou de sa prescription, commis un délit ou un crime qui est réprimé par la peine de l'emprisonnement temporaire, sera condamné au maximum de la peine d'emprisonnement portée par la loi, et cette peine pourra être élevée jusqu'au double.

Si la première condamnation était l'emprisonnement à perpétuité et que la seconde infraction soit passible de la même peine, la peine de mort sera encourue.

Article 86.

Il n'y a pas récidive lorsque la peine prononcée pour la première infraction a été effacée par l'amnistie ou si le condamné a été réhabilité irrévocablement.

Article 87.

Celui qui aura été condamné par un tribunal militaire ne sera, en cas de crime ou délit postérieur, passible des peines de la récidive que si la première condamnation a été prononcée pour une infraction punissable d'après les lois pénales ordinaires.

Article 88.

En cas de concours de circonstances aggravantes, d'excuses, de récidive et de circonstances atténuantes les cours et tribunaux appliqueront la peine en tenant compte de ces éléments dans l'ordre énoncé par le présent article.

Ingingo ya 84.

Igihano cyo gufungwa cy'imyaka itanu cyangwa kiyili muni n'ihazabu, byagenewe ibyaha bikomeye n'ibyaha bito, bishobora kugabanywa kugeza ku gihano cyabyo cy'intangiliro, naho byaba ku nsubira-cyaha.

Urukiko ruzashobora kandi guca kimwe muli ibyo bihano rubitandukanije ndetse no gusimbuza igifungo ihazabu.

Mu gihe ihazabu isimbuye igifungo, niba igihano cy'igifungo alicyo cyonyine gitateganijwe n'ingingo ikulikizwa, ihazabu ntarengwa izaba iy'amafranga ibihumbi cumi.

Umutwe wa IV – Insubira-cyaha.

Ingingo ya 85.

Umuntu wese waciwe igihano cyo gufungwa kirenze amezi abili, mu rubanza rutagisubiweho, mu gihe cy'imyaka cumi, kuva yararangije icyo gihano cyangwa kuva ku muni igihe cyo kugihanirwa cyarangiyeye, uzaba yarakoze icyaha gikomeye cyangwa cy'ubugome gihanishwa igihano cyo gufungwa by'igihe azacibwa igihano ntarengwa cyo gufungwa cyateganijwe n'itegeko, kandi icyo gihano gishobora kwongerwa kugeza ku nkubwe ebyili zacyo.

Iyo igihano cya mbere cyabaye igifungo cya burundu kandi icyaha cya kabili nacyo gishobora guhanishwa icyo gihano, uwagikoze ahanishwa igihano cyo kwicwa.

Ingingo ya 86.

Nta nsubira-cyaha iba iliho, iyo igihano cyakatiwe icyaha cya mbere cyahanaguwe n'imbabazi z'ubutegetsi cyangwa iyo uwakatiwe yahawe bidasubirwaho ihanagura-busembwa.

Ingingo ya 87.

Uzaba yarakatiwe n'urukiko rwa gisilikare, nta-shobora gucibwa ibihano bigenewe insubira-cyaha, mu gihe yakoze hanyuma icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, keretse iyo igihano cya mbere cyatangiwe icyaha gishobora guhanishwa amategeko asanzwe y'ibihano.

Ingingo ya 88.

Igihe hali amahulirane y'impamvu zongera icyaha, zikigabanya, iz'insubira-cyaha n'izicyoroshya, inkiko nkuru n'intoya zizaca igihano zikurikije uko impamvu zavuzwe muli iyi ngingo zikulikiranyeye.

Chapitre V – De la participation criminelle.

Article 89.

Les complices d'une infraction sont passibles des mêmes peines que les auteurs mêmes de l'infraction, sauf dans les cas où la loi en dispose autrement.

Ils peuvent être poursuivis même si l'action publique ne peut pas être exercée contre l'auteur pour des causes qui sont personnelles à celui-ci, telles que la chose jugée, la mort, la démence, la non identification.

Article 90.

Sont considérés comme auteurs ceux qui auront exécuté l'infraction ou auront coopéré directement à son exécution.

Article 91.

Sont considérés comme complices :

1° ceux qui par dons, promesses, menaces, abus d'autorité ou de pouvoir, machinations ou artifices coupables, auront directement provoqué à cette action ou auront donné des instructions pour la commettre ;

2° ceux qui auront procuré des armes, des instruments ou tout autre moyen qui aura servi à l'action, sachant qu'ils devaient y servir ;

3° ceux qui auront, avec connaissance, aidé ou assisté l'auteur ou les auteurs de l'action, dans les faits qui l'auront préparée ou facilitée ou dans ceux qui l'auront consommée ;

4° ceux qui, soit par des discours, cris ou menaces proférés dans des lieux ou réunions publics, soit par des écrits, des imprimés vendus ou distribués, mis en vente ou exposés dans des lieux ou réunions publics, soit par des placards ou affiches, exposés aux regards du public, auront directement provoqué l'auteur ou les auteurs à commettre cette action, sans préjudice des peines prévues contre les auteurs de provocation à des infractions, même dans le cas où ces provocations ne seraient pas suivies d'effet ;

5° ceux qui ont recelé ou aidé des malfaiteurs dans les conditions prévues à l'article 257 du présent code.

Umutwe wa V – Ubufatanya-cyaha.

Ingingo ya 89.

Abafashije abandi gukora icyaha bahanishwa ibihano bimwe n'abakoze icyaha keretse igihe itegeko libiteganywa ukundi.

Abafashije abandi gukora icyaha bashobora gukukikiranwa naho icyaha cyaba kitashoboye gukukikiranwa k'uwigikoze kubera impamvu zikoma ku giti cye, nko kuba yaraciriwe urubanza rudasubirwaho, nk'urupfu, ibisazi, kutamenyekana.

Ingingo ya 90.

Abitwa abakoze icyaha ni abakoze icyaha ubwabo cyangwa abafatanyije kugikora.

Ingingo ya 91.

Abitwa abafashije abandi gukora icyaha ni :

1° abazaba bateye gukora icyaha, babikoresheje ibiguzi, amascerano y'ibihembo, itera-bwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha, utunama cyangwa andi mayeri by'ubugiranabi cyangwa amabwiliza agamije gukoresha icyaha ;

2° abazaba batanze intwari, ibikoresho cyangwa ubundi buryo bwose buzaba bwakoreshejwe icyaha, bazi ko biza-koresheya icyo cyaha ;

3° abazaba bafashije cyangwa bahagarikiye ukora icyaha cyangwa abagikora, mu byagituguye cyangwa mu byorohereje imikorere yacyo cyangwa mu byakinonosoye, aliko barabikoze babizi ;

4° abazaba babereye nyili icyaha cyangwa bene icyaha igishuko cyo kugikora babikoresheje amadiskuru, urusaku cyangwa itera-bwoba bibereye ahantu h'igiterane cyangwa mu nama, inyandiko, ibitabo cyangwa ibindi byanditswe na imprimari biguzwe cyangwa byatangiwe ubuntu, byagushijwe cyangwa byatangijwe mu biterane cyangwa mu nama, amatangazo amanitse cyangwa atamanitswe yeretswe rubanda, aliko ntibibuze ibihano byateganijwe ubusembure bw'icyaha naho icyifuzwaga kitagezweho ;

5° abahishe inkosi z'ibibi cyangwa abazifashije mu buryo bwateganijwe mu ingingo ya 257 y'iki gitabo cy'ibihano.

Chapitre VI – Du concours d'infractions.

Article 92.

Il y a concours d'infractions lorsque plusieurs infractions ont été commises par le même auteur sans qu'une condamnation définitive soit intervenue entre ces infractions.

Article 93.

Il y a concours idéal :

- 1° lorsque le fait unique au point de vue matériel est susceptible de plusieurs qualifications ;
- 2° lorsque l'action comprend des faits qui, constituant des infractions distinctes, sont unis entre eux comme procédant d'une intention délictueuse unique ou comme étant les uns des circonstances aggravantes des autres.

Seront seules prononcées dans le premier cas les peines déterminées par la qualification la plus sévère, dans le second cas les peines prévues pour la répression de l'infraction la plus grave, mais dont le maximum pourra être alors élevé de moitié.

Article 94.

Il ya concours réel lorsque les faits, distincts au point de vue matériel, se sont succédé et ont constitué des infractions indépendantes.

Dans ce cas, le juge prononcera des peines pour chaque infraction et cumulera les peines prononcées, sous réserve des dispositions suivantes :

- 1° la peine de mort et l'emprisonnement à perpétuité absorbent de droit toute peine privative de liberté;
- 2° le total des peines cumulées d'emprisonnement temporaire et d'amende ne peut pas dépasser le double du maximum des peines les plus fortes prévues pour l'une ou l'autre des infractions retenues contre le condamné;
- 3° le total des peines d'interdiction de séjour et d'obligation de séjour ne pourra pas dépasser vingt ans;
- 4° le total des peines de mise à la disposition du gouvernement ne pourra pas dépasser dix ans; toute peine de mise à la disposition du gouvernement absorbe de droit les peines d'interdiction de séjour et d'obligation de séjour;
- 5° le total des peines de dégradation civique temporaire ne pourra pas dépasser vingt ans.

Umutwe wa VI – Impulirane y'ibyaha.

Ingingo ya 92.

Haba impulirane y'ibyaha iyo umuntu umwe yakoze ibyaha byinshi nta na kimwe muli byo cyakijweho urubanza rudasubirwaho.

Ingingo ya 93.

Haba impulirane y'imboneza-mugambi :

- 1° iyo igikorwa kimwe ubwacyo gishobora ku byaha byinshi;
- 2° iyo igikorwa kigize ibikorwa byavamo ubwabyo ibyaha bitandukanye, bifatanyijwe n'uko bigamije umugambi w'icyaha kimwe cyangwa n'uko bimwe muli ibyo ali impamvu zongera ububi bw'ibindi.

Kubyerckeye ibivuzwe ku cya mbere, ibihano bizacibwa n'ibyateganijwe icyaha kirushije ibindi gukomera, ku byerekeye ibivuzwe ku cya 2°, ibihano bizacibwa n'ibyateganijwe guhana icyaha gikomere kurusha ibindi, aliko igihano-ntarengwa cyabyo kikaba cyashobora kwongerwaho icya kabili cyacyo.

Ingingo ya 94.

Haba impulirane y'imboneza-byaha, iyo ibikorwa bitandukanye ubwabyo byakozwe bikulikirana kandi bikabyara ibyaha bidafitanye isano.

Icyo gihe, juji azaca ibihano kuli buli cyaha kandi abiteranye, aliko adacye ku bikulikira :

- 1° igihano cyo kwicwa n'icyo gufungwa burundu biburizamo iteka ibindi bihano byose by'igifungo;
- 2° igiteranyo cy'ibihano byose by'igifungo cy'igihe n'ihazabu ntigishobora kurenga inkubwe ebyili z'urwego-ntarengwa rw'ibihano birushije ibindi gukomera byateganyijwe iki n'iki mu byaha uwakatiwe yatsindiwe;
- 3° igiteranyo cy'ibihano byo kubuzwa kuba ahantu cyangwa byo gutegekwa kuba ahantu ntigishobora kurenga imyaka makumyabili;
- 4° igiteranyo cy'ibihano byo gushyira umuntu mu maboko ya Leta ntigishobora kurenga imyaka cumi; igihano cyose cyo gushyira umuntu mu maboko ya Leta kiburizamo iteka ibihano byo kubuza kuba ahantu cyangwa byo gutegeka kuba ahantu;
- 5° igiteranyo cy'ibihano byo kubuza bitali burundu uburenganzira umuntu afite mu gihugu ntigishobora kurenga imyaka makumyabili.

Article 95.

La peine la plus forte est celle dont le maximum est le plus élevé.

Si deux peines ont le même maximum, la peine la plus forte est celle dont le minimum est le plus élevé.

Si deux peines ont le même maximum et le même minimum, la peine la plus forte est celle qui est assortie d'une peine d'amende.

Article 96.

Une peine d'amende est toujours moins forte qu'une peine d'emprisonnement.

Chapitre VII – Du sursis.

Article 97.

Si le condamné n' a pas fait l'objet de condamnations antérieures à un emprisonnement supérieur à deux mois, les cours et tribunaux peuvent ordonner par le même jugement et par décision motivée, qu'il sera sursis à l'exécution de tout ou partie des peines principales ou accessoires qu'ils prononcent, à la condition toutefois que la peine d'emprisonnement principale n'excède pas cinq ans.

Article 98.

La condamnation prononcée avec sursis sera considérée comme non avenue si, pendant le délai fixé par la décision et qui ne peut être inférieur à un an ni excéder cinq ans, le condamné n'encourt aucune poursuite suivie d'une condamnation à une peine criminelle ou à un emprisonnement supérieur à deux mois pour un crime ou un délit commis postérieurement à la date à laquelle la décision accordant le sursis est devenue définitive.

Dans le cas contraire, les peines pour lesquelles le sursis avait été accordé et celles qui font l'objet de la condamnation nouvelle seront cumulées.

Article 99.

La suspension de la peine ne s'étend pas au paiement des frais du procès et des dommages-intérêts; elle ne s'étend pas non plus aux incapacités résultant de la condamnation; toutefois celles-ci cesseront d'avoir effet du jour où, par application de l'article 98, la condamnation aura été considérée comme non avenue.

Ingingo ya 95.

Igihano kiruta ibindi ni igifite urwego-ntarengwa rusumba urw'ibindi bihano.

Iyo ibihano bibili bihwanije urwego-ntarengwa rwo hejuru, igihano kiruta ikindi ni ikisumbuye mu rwego-ntarengwa rwo hasi rwisumbuye.

Iyo ibihano byombi binganya urwego-ntarengwa rwo hejuru n'urwo hasi, igihano kiruta ikindi ni icyongereho igihano cy'ihazabu.

Ingingo ya 96.

Igihe cyose,ihazabu irutwa n'igihano cy'igifungo.

Umutwe wa VII – Isubika-gihano.

Ingingo ya 97.

Iyo uwakatiwe ntabindi bihano yaciwe mbere hose by'igifungo kirenga amezi abili, muli urwo rubanza, inkiko zikoresheje icyemezo gisobanuliwe impamvu, zishobora gutegeka guhagaliye irangiza-rubanza ku bihano byose biciwe by'iremezo cyangwa by'umugereka, cyangwa kuli bimwe muli byo; aliko kandi ni ngombwa kw'igihano cy'iremezo cy'igifungo kitarenga imyaka itanu.

Ingingo ya 98.

Igihano giciwe kandi kigasubikwa kizaba gitaye agaciro, niba, mu gihe cyemejwe kandi kidashobora kujya hasi y'umwaka umwe no kurenga imyaka itanu, uwakatiwe atongeye kuregwa kandi aciriwe urubanza rw'igihano cy'ubugome cyangwa igihano cy'igifungo kirenze amezi abili ku cyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye yakoze kuva ku muni icyemezo cyahagaliye irangiza-rubanza kitagishoboye gusubirwaho.

Iyo bitabaye bityo, ibihano byasubikiwe irangiza, n'ibyaciwe nyuma, biteranyilizwa hamwe.

Ingingo ya 99.

Ihagaliye ry'igihano ntilibuza gutanga amafunga y'urubanza n'ay'indishyi z'akababaro, n'ukwamburwa ubushobozi bikomoka k'ugukatiwira; nyamara kandi ukwamburwa ubushobozi bizavaho igihe igihano kizaba cyataye agaciro hakulikijwe ingingo ya 98.

TITRE IV.

DE L'EXTINCTION DES INFRACTIONS ET DES PEINES.

Chapitre I -- Disposition générales

Article 100.

L'action publique pour l'application de la peine s'étend par la mort du prévenu, l'abrogation de la loi pénale, la chose jugée, l'amnistie et la prescription.

L'action publique peut aussi s'éteindre par transaction et par désistement de plainte, lorsque la loi en dispose expressément.

Article 101.

La peine s'éteint par son exécution, par la mort du condamné, l'amnistie et la prescription.

La peine peut aussi être modifiée ou effacée par la grâce, la libération conditionnelle et le rétablissement.

Article 102.

L'amnistie éteint l'infraction. S'il y a eu condamnation, elle efface la condamnation pénale avec toutes ses conséquences pénales.

En cas de concours d'infraction, le condamné est amnistié si l'infraction amnistiée par la loi comporte la peine la plus forte ou une peine égale à la peine prévue pour les autres infractions poursuivies, lors même que les juges, après avoir accordé les circonstances atténuantes pour cette infraction, auraient emprunté la répression à un texte de loi prévoyant une peine inférieure.

Article 103.

L'amnistie peut être subordonnée à des conditions ou à des obligations spéciales.

Article 104.

La mort de l'auteur de l'infraction et l'amnistie ne préjudicient pas l'action civile pour la réparation du dommage causé par l'infraction. Elles n'ont pas d'effets rétroactifs à l'égard des droits légitimement acquis par les tiers.

INTERURO YA IV.

UBUSIBANGANE BW'IBYAHA N'UBW'IBIHANO.

Umutwe wa I - Amategeko rusange.

Ingingo ya 100.

Ubukulikirana-cyaha bugamije gucisha ibihano buvawaho n'urupfu rw'ushinjwa, nuko itegeko rihana ryavuyeho, n'urubanza rwakemuye ku buryo budasubirwaho, n'imbabazi zitanzwe n'itegeko, n'uko igihe cyashize cyo gukulikirana icyaha.

Ubukulikirana-cyaha bushobora no kubuzwa n'ihazabu yemewe na nyili icyaha; n'yo uwareze aretse ikirego, igihe itegeko libiteganywa lityo ku buryo bweruye.

Ingingo ya 101.

Igihano gisibanganywa n'irangiza ryacyo, n'urupfu rw'uwakatiwe, n'imbabazi zitanzwe n'itegeko n'uko igihe cyashize cyo gukulikirana icyaha.

Igihano gishobora kandi guhindurwa cyangwa kuvanwaho bitewe n'imbabazi zitanzwe na Prezida wa Republika. ubufungurwe bw'agateganyo n'ihanagura-busembwa.

Ingingo ya 102.

Imbabazi zitanzwe n'itegeko zisibanganywa icyaha. Iyo igihano cyaciwe, zikivanaho hamwe n'ingaruka zose z'icyaha.

Iyo hali impurirane y'ibyaha uwakatiwe aba agiriwe imbabazi kuli byose igihe icyaha cyatangiywe imbabazi giteganyijwe igihano kiruta cyangwa kingana n'icy'ibindi byaha yakurikiranyweho, kabone n'aho abajuzi baba baracye igihano gito bamaze kwemera impamvu zigabanywa ububi bw'icyo cyaha.

Ingingo ya 103.

Itegeko litanga imbabazi lishobora kugena ibigo mba gukulikizwa na nyili ukuzigilirwa.

Ingingo ya 104.

Uruptu rw'uwakoze icyaha n'imbabazi zitanzwe n'itegeko ntibibuza urubanza rw'indishyi zo gusubiranywa akababaro gakomoka ku cyaha. Ntacyo bitubanyaho ibyo abandi barangije guheshwa n'amategeko y'urubanza.

Chapitre II – Du désistement de la plainte.

Article 105.

Pour les infractions qui ne peuvent être poursuivies que sur la plainte de la partie lésée, le désistement de celle-ci éteint l'action publique.

Le désistement n'est recevable que s'il s'étend à tous ceux qui ont participé à la perpétration de l'infraction.

Article 106.

Le désistement est judiciaire ou extrajudiciaire.

Le désistement extrajudiciaire est exprès ou tacite; il est tacite lorsque le plaignant a accompli des actes incompatibles avec la volonté de persister dans sa plainte.

Article 107.

Le désistement, exprès ou tacite, ne peut être retiré.

Article 108.

Pour produire ses effets, le désistement doit, sauf dans les cas où la loi en décide autrement, intervenir avant que la condamnation soit définitive.

Article 109.

Si la plainte a été déposée par plusieurs victimes à l'occasion de la même infraction, l'action publique n'est éteinte que si tous les plaignants se sont désistés.

Le désistement d'un plaignant ne peut pas préjudicier aux droits de plainte des autres.

Article 110.

Le désistement est un droit personnel à la victime; il s'éteint par la mort de celle-ci.

Chapitre III – De la prescription.

Section I – De la prescription de l'action publique.

Article 111.

L'action publique résultant d'une infraction se prescrit :

Umutwe wa II – Ukureka ikirego.

Ingingo ya 105.

Ku byaha bidashobora gukulikiranwa nyili ukurenganywa atarareze, ukureka ikirego cye kubuza ikulikirana-cyaha.

Ukureka ikirego kwemerwa gusa iyo gusesekaye ku bafatanyije gukora icyaha bose.

Ingingo ya 106.

Ukureka ikirego bibera mu rukiko cyangwa ahatari mu rukiko.

Kureka ikirego bitali mu rukiko ni ukureka bigaragajwe n'imvugo cyangwa n'imyifatire; bigaragazwa n'imyifatire iyo uwareze yagaragaje ibikorwa bitabangikanywa n'ubushake bwo gukomeza ikirego cye.

Ingingo ya 107.

Ukureka ikirego bigaragajwe n'imvugo cyangwa n'imyifatire ntigushobora gusubirwaho.

Ingingo ya 108.

Kugira ngo bigire agaciro, keretse mu gihe itegeko libiteganywa ukundi, ukureka ikirego bigomba kuba mbere y'uko urubanza rukemurwa burundu.

Ingingo ya 109.

Igihe hareze abantu benshi baregera ikirego kimwe, icyaha kitorera gusa gukulikiranwa, iyo abarega bose baretse ikirego cyabo.

Iyo umwe mu barega aretse ikirego cye, abasiyaye ntibibabuza gukulikirana ikirego cyabo.

Ingingo ya 110.

Ukureka ikirego ni uburenganzira bwite bw'uwarokorewe icyaha; iyo apfuye buba buzimye.

Umutwe wa III – Ubuzime.

Icyiciro cya I – Ubuzime bw'ikurikirana cyaha.

Ingingo ya 111.

Ubukulikirana-cyaha bushingiye ku cyaha cyakozwe burorera :

- 1° par dix années révolues pour les crimes;
- 2° par trois années révolues pour les délits;
- 3° par une année révolue pour les contraventions.

Article 112.

En matière d'infractions instantanées, la prescription court du jour où tous les éléments constitutifs de l'infraction sont réunis.

En matière d'infractions continues, la prescription court du jour où l'état délictueux a cessé.

Lorsque plusieurs faits constituent l'exécution d'une même intention délictueuse, la prescription court du jour où le dernier fait a été commis.

Article 113.

La prescription de l'action publique est interrompue par tous les actes d'instruction ou de poursuite faits dans les délais prévus à l'article 111.

S'il en a été effectué dans cet intervalle, la prescription recommence à s'accomplir à compter du dernier acte et dans les mêmes délais.

Il en est ainsi même à l'égard des personnes qui ne seraient pas impliquées dans cet acte d'instruction ou de poursuite.

Article 114.

La prescription de l'action publique est suspendue toutes les fois que l'exercice de l'action est empêché par un obstacle absolu provenant soit de la loi, soit d'un fait de force majeure.

Article 115.

Si des poursuites ayant entraîné la condamnation ont révélé la fausseté de la décision qui a déclaré éteinte l'action publique, celle-ci pourra être reprise. La prescription doit alors être considérée comme ayant été suspendue entre le jour où la décision était devenue définitive et le jour où sa fausseté aura été découverte.

Article 116.

L'action civile née d'une infraction se prescrit selon les règles du code civil.

- 1° imyaka cumi ishize kubyerekeye ibyaha by'ubugome;
- 2° imyaka itatu ishize kubyerekeye ibyaha bikomeye;
- 3° umwaka umwe ushize kubyerekeye ibyaha bito.

Ingingo ya 112.

Ku byerekeye ibyaha by'ibyuzuliraho, igihe cyo kutabikukirana gitangira ku muni ibigize icyaha byose bimaze kugaragara.

Ku byerekeye ibyaha by'imara-gihe, igihe cyo kutabikukirana gitangira ku muni igikorwa kibi cy'imperuka cyarangiliyeho.

Iyo ibikorwa byinshi bigenewe irangiza ry'igitekerezo cyo gukora icyaha, igihe cyo kudakurikirana icyaha, gitangira ku muni igikorwa cya nyuma cyakozweho.

Ingingo ya 113.

Ubuzime bw'ikukirana-cyaha buhagaliwa n'anketi cyangwa imiburanishirize y'urubanza, iyo bikozwe mu bihe biteganyijwe n'ingingo ya 111.

Niba hagati aho harabaye igikorwa cy'ikurikirana-cyaha, ubuzime bw'ikukirana-cyaha bwongera gutangira kubarwa kuva ku muni w'igikorwa cya nyuma cy'urubanza kuzageza ko igihe cyabuteganyijwe kigerwaho.

Ni nako bigenda no ku bantu baba bararezwe basigaye badakorewe iyo anketi cyangwa ubundi bukurikane bw'urubanza.

Ingingo ya 114.

Ubuzime bw'ikurikirana-cyaha buhagarara igihe cyose ikukirana-cyaha libujijwe n'inkomyi ntarengwa, ali iturutse kw'itegeko, ali iturutse ku nzitizi itagobotorwa.

Ingingo ya 115.

Imikukirana y'icyaha yatumye urubanza ruca igihano, iyo igaragaje ubukosame bw'icyemezo cyahamijwe ko ikukirana-cyaha lizimye, lishobora kwongera gutangirwa. Ubwongubwo ubuzime bw'ikukirana-cyaha bugomba kwemezwa ko buhagaze hagati y'umunsi icyemezo cyabaye burundu n'umunsi ubukosame bwagaragaliyeho.

Ingingo ya 116.

Uburishise butewe n'icyaha buzima bukurikije amategeko y'igitabo cy'imboneza-mubano.

Toutefois, si la prescription de l'action civile était acquise alors que celle de l'action publique n'est pas encore accomplie, l'action civile ne se prescrira que selon les règles touchant à l'action publique.

Section II – De la prescription des peines.

Article 117.

Les peines d'amende de moins de cinq cents francs se prescrivent par deux années révolues et les peines de cinq cents francs et plus se prescrivent par trois années révolues.

Article 118.

Les peines d'emprisonnement égales ou inférieures à cinq ans se prescrivent par un délai double de la durée de la peine prononcée, sans que ce délai soit inférieur à trois années.

Les peines d'emprisonnement supérieures à cinq ans et la peine de mort se prescrivent par vingt années révolues.

Article 119.

Les peines d'amende et les peines accessoires prononcées en même temps que des peines d'emprisonnement se prescrivent selon les distinctions établies pour celles-ci.

Article 120.

Les délais de prescription des peines commencent à courir du jour où est devenue définitive la décision qui prononce la condamnation ou qui entraîne la révocation d'un sursis précédemment prononcé.

Article 121.

L'arrestation du condamné interrompt la prescription de la peine; sa détention entraîne la suspension de la prescription au regard des peines accessoires.

Si le condamné qui subissait sa peine parvient à s'évader, la prescription recommence à s'accomplir du jour de son évasion.

Article 122.

La prescription de la peine est suspendue toutes les fois que l'exécution est empêchée par les circonstances énoncées à l'article 114.

Aliko igihe ubwo bulihishe buzimye kandi ubuzime bw'ikulikirana-cyaha butarageza igihe, ubulihishe buzima hakulikijwe amategeko agenga ikulikirana-cyaha.

Icyiciro cya II – Ubuzime bw'ikulikirana-bihano.

Ingingo ya 117.

Ibihano by'ihazabu y'amafranga adashyitse magana atanu, ntibishobora gukulikiranwa iyo hashize imyaka ibili yuzuye, naho ibihano by'ihazabu y'amafranga magana atanu cyangwa arengaho ntibishobora gukulikiranwa iyo hashize imyaka itatu yuzuye.

Ingingo ya 118.

Ibihano by'igifungo cy'imyaka itanu cyangwa kiyili hasi bizima iyo hashize incuro ebyili z'igihe kingana n'igihano cyaciwe, aliko kandi icyo gihe ntigishobora kujya hasi y'imyaka itatu.

Ibihano by'igifungo birenze imyaka itanu n'igihano cyo kwicwa, bizima iyo hashize imyaka makumyabili yuzuye.

Ingingo ya 119.

Ibihano by'ihazabu n'iby'umugereka biciliwe hamwe n'ibihano by'igifungo igihe bizima ni kimwe n'icyasobanuwe kubyerekeye ibyo bihano by'igifungo.

Ingingo ya 120.

Ibihe by'ubuzime bw'ikulikirana-bihano bitangira kubarwa kuva ku muni icyemezo gica igihano cyangwa gikuraho isubika-gihano yabaye mbere kitagishobora gusubirwaho.

Ingingo ya 121.

Ifatwa ry'uwakatiwe livanaho ubuzime bw'ikulikirana-gihano; ifungwa rye lihagarika igihe cy'ubuzime bw'ibihano by'ingereka.

Iyo uwakatiwe yali afunze, agatoroka gereza, igihe cy'ubuzime bw'igihano cyongera gutangira ku muni atorokeyeho.

Ingingo ya 122.

Ubuzime bw'igihe cy'ikulikirana-gihano buhagali-kwa igihe cyose irangiza-rubanza lizitiwe n'impamvu zivugwa mu ingingo ya 114.

Article 123.

Les condamnations civiles prononcées par les juridictions répressives se prescrivent selon les règles du code civil.

Chapitre IV – De la grâce.

Article 124.

La grâce collective ou individuelle est exercée, discrétionnairement et pour le bien général, par le Président de la République. Elle consiste dans la remise totale ou partielle de l'exécution des peines prononcées ou dans leur commutation en d'autres peines moins graves déterminées par la loi.

Article 125.

Elle peut s'appliquer à toutes les peines principales, accessoires ou complémentaires.

Elle ne s'applique pas à la contrainte par corps exercée pour le recouvrement des amendes, ni aux frais de justice, ni aux réparations civiles, ni aux mesures de sûreté dépourvues de caractère pénal.

Article 126.

Peuvent seules faire l'objet d'une mesure de grâce les peines exécutoires et résultant d'une condamnation définitive.

Si la peine a été partiellement exécutée, la grâce peut s'appliquer, en tout ou en partie, au reliquat de la peine à exécuter.

La condamnation avec sursis ne peut pas faire l'objet d'une grâce tant que le sursis n'est pas révoqué.

Article 127.

La grâce peut être ou sans condition ou subordonnée à l'exécution d'une condition énoncée par la décision gracieuse. Si cette condition n'est pas réalisée, la révocation de la grâce a lieu de plein droit, et la condamnation est ramenée à exécution. Dans ce cas, la prescription de la peine est suspendue entre la notification et la révocation de la grâce.

Ingingo ya 123.

Ubulihishe bwemejwe n'inkiko zihana buzima bakulikije amategeko y'igitabo cy'imboneza-mubano.

Umutwe wa IV – Imbabazi za Prezida wa Republika.

Ingingo ya 124.

Imbabazi zigiliwe benshi hamwe cyangwa umuntu umwe zitangwa na Prezida wa Republika kubw'impuhwe ze n'ubw'akamaro rusange k'igihugu. Zivanaho rwose ibihano byose cyangwa bimwe uwakatiwe yaciwe cyangwa zikabisimbuza ibindi bihano byoroshye byateganijwe n'itegeko.

Ingingo ya 125.

Imbabazi zishobora gutangirwa ibihano byose by'iremezo, iby'umugereka cyangwa by'umwuzuzo.

Ntizitangirwa igifungo cy'ingwatira-mubili kigamije kwishyura amahazabu, ntizitangirwa amafranga y'urubanza n'indishyi z'akababaro, ntizitangirwa no ku byerekeye kuziga umuntu uteye impungenge ku buryo butali ubw'icyaha.

Ingingo ya 126.

Imbabazi zishobora gutangirwa gusa ibihano bishobora kurangizwa kandi bikomoka ku rubanza rwakemuwe burundu.

Iyo igihano cyarangijwe kuli bimwe, imbabazi zishobora gutangirwa igihano cyose cyasigaye cyangwa igice cyacyo.

Igihano giteganywa insubika-gihano ntigishobora guhabwa imbabazi igihe cyose insubika-gihano izaba itaravaho.

Ingingo ya 127.

Imbabazi zishobora gutangwa nta nsigazi cyangwa hateganyijwe amategeko uwagiliwe imbabazi agomba kumvira, avuzwe mu cyemezo cyazo. Iyo ayo mategeko adakulikijwe, imbabazi ziherako zivaho kandi igihano kigasubira kurangizwa. Iyo bibaye bityo igihe cyo kudashobora gukulikiranwaho igihano ntikibarwa hagati y'umunsi uwagiliwe imbabazi yazimenyeshyeho n'umunsi azinyagiweho.

Article 128.

Tout condamné à une peine perpétuelle qui obtient commutation ou remise de la peine est, s'il n'en est disposé autrement par la décision gracieuse, soumis de plein droit à l'interdiction de séjour ou à l'obligation de séjour pendant dix années.

Article 129.

La grâce n'éteint pas les peines accessoires non visées par la décision gracieuse, ni les effets de la condamnation, notamment ceux relatifs à la récidive, à la mise à la disposition du gouvernement, à l'application du sursis en cas de poursuites ultérieures et aux condamnations civiles telles que les restitutions et les dommages-intérêts.

Article 130.

Les recours en grâce sont instruits par le ministère public, soit de la juridiction qui a prononcé la condamnation, soit de la résidence du requérant, soit du lieu de détention.

Pour les grâces générales, les propositions sont faites à la diligence du ministre ayant la justice dans ses attributions.

Dans tous les cas, le ministère public de la juridiction qui a prononcé la condamnation sera appelé à donner un avis sur la demande ou la proposition de grâce.

Article 131.

Pour les grâces individuelles, la requête est présentée, soit par le condamné, soit en son nom par tout intéressé. Elle indique les motifs qui paraissent justifier la demande.

Article 132.

Après instruction, les dossiers de grâce sont adressés au ministre ayant la justice dans ses attributions qui, après avoir recueilli, s'il y a lieu, l'avis des ministres intéressés et exprimé son avis personnel, présente un rapport au Président de la République pour décision.

La décision est notifiée à l'intéressé par les soins de l'autorité qui a instruit le dossier.

Ingingo ya 128.

Uwakatiwe igihano cyo gufungwa burundu akagirirwa imbabazi ku buryo bugisimbuza igihano gito cyangwa ku buryo bukimukuraho rwose, agomba iteka guhabwa itegeko limubuza kuba ahantu cyangwa limutegeka kuba ahantu mu gihe cy'imyaka cumi kereka bitegetswe ukundi mu cyemezo cy'imbabazi.

Ingingo ya 129.

Imbabazi ntizivanaho ibihano by'amugereka bitavuzwe mu cyemezo kizitanga habe n'inkulikizi z'ubutsindwe, nk'izerekeye insubira-cyaha, ugushyirwa mu maboko ya Leta, ubusubike bw'irangiza-gihano mu gihe habayeho ikulikirana ry'ibyaha bishya n'ugutsindirwa kuliha nko gusubiza iby'abandi no gutanga indishyi z'akababaro.

Ingingo ya 130.

Ubusaba-mbabazi busuzumwa n'ubushinja-cyaha, ari ubukorana n'urukiko rwacye urubanza, ari ubwo mu karere usaba atuyemo, ari se ubw'aho afungiyeye.

Ku byerekeye imbabazi rusange, bisabwa na ministri ushinzwe ubucamanza.

Aho bizaba biturutse hose, ubushinja-cyaha bukorana n'urukiko rwacye igihano bugenewe kuvuga icyo butekereza kuli uko gusaba cyangwa ugusabirwa imbabazi.

Ingingo ya 131.

Ku byerekeye imbabazi z'umuntu ukwe, ugusaba imbabazi gukorwa n'uwakatiwe igihano cyangwa mw'izina rye, n'undi wese umufite ho uruhare. Uko gusaba kuvuga impamvu zishobora kugaragaza ishingiro ryako.

Ingingo ya 132.

Iyo anketi irangiyeye za dosiye z'imbabazi zohererezwa ministri ushinzwe ubucamanza, nawe yamara kubona bibaye ngombwa, icyo ba ministri babigenewe babivugaho, no kubivugaho icye gitakerezo, agatanga raporo yabyo kuli Prezida wa Republika, ari nawe utanga icyemezo.

Icyemezo kimenyeshwa nyiri ubwite bigizwe n'ubutegetswe bwakoze anketi ya dosiye.

Article 133.

L'exécution des peines d'amende ou celle, si elle n'est pas commencée, des peines de prison égales ou inférieures à trois mois, est suspendue pendant l'instruction du dossier jusqu'à décision sur la grâce. Toutefois, dans tous les cas, le ministre ayant la justice dans ses attributions peut ordonner qu'il sera sursis à cette exécution pendant le même délai, aussi bien pour toutes les autres peines non encore exécutées que pour celles qui sont déjà en cours d'exécution.

Chapitre V – De la libération conditionnelle

Article 134.

Les condamnés qui ont à subir une ou plusieurs peines d'emprisonnement ou de mise à la disposition du gouvernement peuvent bénéficier d'une libération conditionnelle s'ils ont donné des preuves suffisantes de bonne conduite et qu'ils présentent des gages sérieux de réadaptation sociale.

Article 135.

La libération conditionnelle est réservée aux condamnés ayant accompli trois mois de leur peine si cette peine est inférieure à six mois, et la moitié de leur peine dans le cas contraire.

Pour les condamnés à l'emprisonnement à perpétuité le temps d'épreuve est de quinze ans.

Article 136.

La mise en liberté est ordonnée par arrêté du ministre ayant la justice dans ses attributions après avis du parquet et du directeur de la prison. Le ministre détermine les conditions auxquelles la libération pourra être soumise, ainsi que le mode de surveillance des libérés conditionnels.

Article 137.

Le ministre peut, après avis du parquet, révoquer la mise en liberté pour cause d'une nouvelle condamnation, d'inconduite notoire ou d'infraction aux conditions énoncées dans la décision de mise en liberté conditionnelle.

En cas d'urgence, l'arrestation du libéré conditionnel peut être ordonnée par le Procureur de la République à charge d'en donner immédiatement avis au ministre ayant la justice dans ses attributions.

Ingingo ya 133.

Irangiza ry'ibihano by'ihazabu cyangwa by'igifungo kingana n'amezi atatu cyangwa kili hasi yayo, iyo litaratangira, lirahagalikwa mu gihe cyose cya anketi ya dosiyi kugeza k'umunsi icyemezo cyo gutanga imbabazi gishyirihweho. Nyamara mu bihe byose ministri ushinzwe ubucamanza ashobora gutegeka ko irangiza ry'ibihano lihagarara muli icyo gihe, ari ku byerekeye ibihano byose bitaratangirwa ali no ku byerekeye ibihano byatangiwe.

Umutwe wa V – Ifungurwa ry'agateganyo.

Ingingo ya 134.

Abakatiwe igihano kimwe cyangwa byinshi by'igifungo cyangwa abashyizwe mu maboko ya Leta, bashobora gufungurwa by'agateganyo, iyo bagaragaje ibimenyetso bihagije by'ubwitonzi n'iyi bagaragarwaho impamvu nyakuli zihamya ko bazabana neza n'abandi.

Ingingo ya 135.

Ifungura ry'agateganyo liteganilijwe abakatiwe harangije guhanirwa amezi atatu y'igifungo, iyo icyo gihano kitagejeje ku mezi atandatu, n'abarangije igice cya kabili cy'igihano cyabo ku byerekeye ibihano byisumbuye.

Ku byerekeye abakatiwe igifungo cya burundu, igihe cy'igeragezwa ni imyaka cumi n'itanu.

Ingingo ya 136.

Ifungurwa ry'agateganyo lishyirwaho n'iteka rya ministri ushinzwe ubucamanza, amaze kumva icyo parike na diregiteri wa gereza babivugaho. Ministri ashiraho amategeko agomba gukulikizwa n'ufunguwe by'agateganyo, n'uburyo bwo kugenzura imfungurwa z'agateganyo.

Ingingo ya 137.

Ministri iyo amaze kumva icyo parike ibitekerezaho, ashobora kunyaga umuntu ifungurwa ry'agateganyo bitewe n'uko akatiwe igihano gishya, n'uko yifashe nabi bikojeje isoni cyangwa n'uko atakulikije amategeko yateganijwe n'iteka ryamwemereye gufungurwa by'agateganyo.

Mu gihe byihutirwa, gufatirwa gufungwa by'uwa-hawe ifungurwa ry'agateganyo, bishobora gutegekwa na Prokireri wa Republika, akagomba guherako abimenyeshya ministri ushinzwe ubucamanza.

Article 138.

Après révocation, le condamné doit subir tout ou partie de la peine qu'il lui restait à purger au moment de sa mise en liberté conditionnelle, cumulativement s'il y a lieu avec toute nouvelle peine qu'il aurait encourue.

Article 139.

Si la révocation n'est pas intervenue avant l'expiration d'un délai égal au temps d'incarcération que le condamné avait encore à subir lors de sa mise en liberté conditionnelle, la liberté définitive lui est acquise. Dans ce cas la peine est réputée terminée au jour de la libération conditionnelle.

Article 140.

La prescription des peines ne court pas pendant que le condamné se trouve en liberté en vertu d'un arrêté de libération qui n'a pas été révoqué.

Chapitre VI – De la réhabilitation.

Article 141.

Tout condamné à une peine criminelle ou correctionnelle peut être réhabilité.

Article 142.

La réhabilitation peut être accordée lorsqu'un délai de cinq ans s'est écoulé et si pendant ce délai le condamné n'a pas cessé de donner des preuves réelles de bonne conduite.

Article 143.

Ce délai part, pour les condamnés à l'amende, du jour où la condamnation est devenue irrévocable et, pour les condamnés à l'emprisonnement, du jour de leur libération définitive ou du jour de la libération conditionnelle si celle-ci n'a pas été suivie de révocation.

Pour les récidivistes et ceux qui ont prescrit leur peine, le délai est de dix ans depuis leur libération ou depuis la prescription.

Article 144.

Le condamné doit, sauf le cas de prescription, justifier du paiement des frais de justice, de l'amende et des dommages-intérêts, ou de la remise qui lui en a été faite.

Ingingo ya 138.

Nyuma y'ubunyagwe, uwakatiwe agomba gufungurwa igihano yali ashigaje ku muni ahabwa gufungurwa by'agateganyo, ari cyose cyangwa igice, byaba ngombwa akagifungurwa giteranijwe n'ikindi gihano cyose yaba yaraciwe nyuma.

Ingingo ya 139.

Iyo nta kunyagwa kubaye mu gihe kingana n'icy'igifungo uwakatiwe yali ashigaje ku muni abonaho ifungurwa ry'agateganyo, akomorerwa burundu ubwige bwe. Ubwo rero byitwa ko igihano cy'ikirangiye ku muni yafunguriweho by'agateganyo.

Ingingo ya 140.

Ubuzime bw'ikulikirana-bihano ntibubarwa mu gihe uwakatiwe yafungujwe by'agateganyo n'iteka litavyeho.

Umutwe wa VI – Ihanagura-busembwa.

Ingingo ya 141.

Uwakatiwe wese igihano gikomotse ku cyaha-kigome cyangwa igihano cy'icyaha gikomeye ashobora guhanagarwaho ubusembwa.

Ingingo ya 142.

Ihanagura-busembwa lishobora gutangwa iyo hashize imyaka itanu kandi niba muli icyo gihe uwakatiwe yarakomeje kugaragaraho ibimenyetso nyakuli by'umuco mwiza.

Ingingo ya 143.

Icyo gihe kibarwa, ku bakatiwe igihano cy'ihazabu, kuva ku muni imikirize y'urubanza rumuhana rutagishoboye gusubirwaho, naho ku bakatiwe igifungo kuva ku muni bafunguriweho burundu cyangwa kuva ku muni baboneyeho ifungurwa ry'agateganyo iyo batigeze balinyagwa.

Ku byerekeye abasubira-cyaha n'abarengeje igihe cyo gukulikiranwamo ibihano, igihe kibarwa ni icy'imyaka cumi kuva bafunguwe cyangwa kuva ku muni igihe cyo kudashobora gukulikirana ibihano cyatangiriye.

Ingingo ya 144.

Uwakatiwe agomba, uretse mu gihe irangizwa ry'urubanza ryaba ryarazimye, kugaragaza ko yatanze amafanga y'urubanza, ihazabu n'indishyi z'akababaro cyangwa se ko yabisonewe.

A défaut de ces justifications, il doit établir qu'il a subi le temps de contrainte par corps ou que le Trésor ou les victimes de l'infraction ont renoncé à ce moyen d'exécution.

Néanmoins, si le condamné justifie qu'il est hors d'état absolu de se libérer des condamnations pécuniaires mises à sa charge il peut être réhabilité, même si ces condamnations n'ont pas été payées ou ne l'ont été qu'en partie.

Article 145.

En cas de condamnation solidaire, la cour d'appel fixe la part de ce qui doit être payé par le condamné.

Article 146.

Si la partie lésée ne peut être retrouvée ou si elle refuse de recevoir la somme due, celle-ci est consignée dans une caisse publique.

Si la partie ne se présente pas dans un délai de cinq ans pour se faire attribuer la somme consignée, cette somme est restituée au déposant sur sa demande.

Article 147.

Le condamné adresse la demande de réhabilitation à l'officier du ministère public de sa résidence. Cette demande précise la date de la condamnation et les lieux où le condamné a résidé depuis sa libération. L'officier du ministère public procède à une enquête de moralité sur le condamné. Il se fait délivrer une expédition des jugements de condamnation, un extrait du registre des lieux de détention où la peine a été subie et constatant quelle a été la conduite du condamné, ainsi qu'un bulletin de casier judiciaire. Il transmet les pièces, avec son avis, au procureur de la République.

Article 148.

La cour est saisie par le procureur de la République. Elle statue dans les deux mois sur les conclusions du procureur de la République, la partie ou son conseil entendus ou dûment convoqués. L'arrêt peut être déféré à la cour de cassation, conformément à l'article 112 du code de procédure pénale.

Iyo atabiboneye gihamya, agomba kwerekana ko yafunzwe ingwatira-mubili cyangwa ko Leta cyangwa abakorewe icyaha bahakanye kubimukurikiranaho.

Aliko kandi, iyo uwakatiwe agaragaza ko ali umu-tindi-nyakuja akaba aliyo mpamvu yatumye atishyura amafranga yaciwe, ashobora guhabwa ihanagura-busembwa, naho yaba atatanze amafranga cyangwa yatanze igice.

Ingingo ya 145.

Iyo buli muntu mu bakatiwe ashobora gukuriki-ranwaho byose, urukiko rw'ubujulire rwemeza umuga-bane ugomba kwishyurwa na buli wese.

Ingingo ya 146.

Iyo nyili ukurenganywa n'icyaha atabonetse cyangwa akanga kwakira amafranga amugenewe, ayo ma-franga abikwa mu isanduku ya Leta.

Iyo uyagenewe ataje kuyatwara hagashira imyaka itanu, ayo mafranga asubizwa uwayatanze aramutse abisabye.

Ingingo ya 147.

Uwakatiwe asaba ihanagura-busembwa, abyandikiye umushinja-cyaha wo mu karere atuyemo. Uko gusaba kuvuga italiki y'ukuli y'imikirize y'urubanza rwamuhannye, n'ahantu hose uwakatiwe yabaye kuva afunguwe. Umushinja-cyaha atangira gukora anketi ku myifatire y'uwakatiwe. Yaka imanza uwakatiwe yagiye ahanirwa, inyandukuro y'igitabo cy'aho yafunguwe cyanditsemo igihano yarangije kandi igaragaza imyifatire y'uwakatiwe, akaka n'icyemezo cy'indanga-bihano, byose akabyohereza prokireri wa Republika, akamubwira n'icyo abitekerezaho.

Ingingo ya 148.

Urukiko rw'ubujulire rushyikirizwa dosiye na prokireri wa Republika. Urukiko rw'ubujulire rukiriza ku ngingo za prokireri wa Republika mu gihe cy'amezi abili, usaba cyangwa umuhagaraliye bamaze kubazwa cyangwa barahamagawe ku buryo buteganijwe n'itegeko. Imikirize y'urukiko rw'ubujulire ishobora kujulirirwa mu rukiko rusesa imanza, ku buryo buteganijwe n'ingingo ya 112 y'igitabo cy'imiburanishilize y'imanza z'inshinja-cyaha.

Article 149.

En cas de rejet de la demande, une nouvelle demande ne peut être formée avant l'expiration d'un délai de deux années, à moins que le rejet de la première n'ait été motivé par l'insuffisance du délai d'épreuves; en ce cas, la demande peut être renouvelée dès l'expiration de ce délai.

Article 150.

La réhabilitation efface la condamnation et fait cesser pour l'avenir toutes les incapacités qui en résultent.

Toutefois, la réhabilitation est révoquée de plein droit si le condamné réhabilité commet, dans les cinq ans, une infraction passible d'un emprisonnement égal ou supérieur à cinq ans, et suivie d'une condamnation à l'emprisonnement; à cet effet le ministère public près la juridiction qui a prononcé la condamnation à l'emprisonnement doit informer le procureur de la République, lequel saisira lui-même la cour d'appel aux fins de faire constater la révocation de la réhabilitation, la partie ou son conseil étant dûment convoqués.

En cas de révocation, la réhabilitation est considérée comme n'ayant jamais été accordée.

LIVRE DEUXIEME

DES INFRACTIONS ET DE LEUR REPRESSION EN PARTICULIER

TITRE I

DES INFRACTIONS CONTRE LA CHOSE PUBLIQUE

Chapitre I

Des infractions contre la sûreté de l'Etat

Section I – Des atteintes à la sûreté extérieure de l'Etat, de la trahison et de l'espionnage

Article 151.

Sera coupable du crime de trahison, et puni, en temps de guerre, de la peine de mort, en temps de paix, de l'emprisonnement à perpétuité, tout Rwandais, qui :

Ingingo ya 149.

Igihe ugusaba kutemewe, ntigushobora kongera kuba imyaka ibili itarangiye, keretse impamvu yatumye ugusaba kwa mbere kutemerwa yarabaye iy'uko igihe cy'igeragezwa cyali kitarashira; iyo bitewe n'iyi mpamvu, ugusaba bundi bushya gutangira igihe cyagenewe igeragezwa gishize.

Ingingo ya 150.

Ihanagura-busembwa likuraho imikirize y'urubanza rwaciye igihano kandi kuva ubwo likavanaho ingaruka zose zirukomokaho.

Nyamara ihanagura-busembwa liherako likurwaho, iyo uwali waralihawe, akoze, mu myaka itanu, icyaha gihanishwa igifungo kingana cyangwa kirenga imyaka itanu, kandi akaba yaragiciliwe igihano cyo gufungwa; kugirango ihanagura-busembwa likurweho, ubushinjacyaha bukorana n'urukiko rwaciye urubanza rw'igihano cyo gufungwa, bugomba kubanza kubimenyesha prokiri wa Republika, nawe akabishyira mu Rukiko rw'Ubugulire akaba alirwo rwemeza ikuraho ry'ihanagura-busembwa; umushinjwa cyangwa uwamuhagaraliye wemewe, yarabanjwe guhamagarwa ku buryo buhuje n'itegeko.

Igihe ihanagura-busembwa likurweho, lita agaciro kwose, ligasa n'ilitigeze libaho.

IGITABO CYA KABILI

IBYAHA N'IBIHANO BYABYO

INTERURO YA I

IBYAHA BIKOREWE IGIHUGU

Umutwe wa I

Ibyaha bihungabanya Leta

Icyiciro cya I – Ibyaha bigendereye guhungabanya umudendezo wa Leta n'ibindi bihugu, ibyaha by'ubugambanyi n'iby'ubutasi

Ingingo ya 151.

Azaba yihamije ubugome n'ubugambanyi kandi ahanishwe, mu gihe cy'intambara, kwicwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo cya burundu, umanyarwanda wese :

1° par le terrorisme, la subversion, la force armée ou la menace de violence, entreprendra d'incorporer le territoire ou une partie du territoire national à celui d'une puissance étrangère ;

2° entreprendra de placer, totalement ou partiellement, la République Rwandaise sous une domination étrangère ;

3° d'une manière générale, aura porté les armes contre la Nation.

Article 152.

Le fait de publier ou de livrer intentionnellement sous quelque forme et par quelque moyen qu'il soit, un secret d'Etat à une personne non habilitée à le recevoir, en vue de préjudicier aux intérêts de la République Rwandaise constitue un crime de trahison envers la patrie, s'il est commis par un Rwandais, ou d'espionnage, s'il est commis par un étranger.

Article 153.

Sont des secrets d'Etat, au sens des présentes dispositions, tous faits, objets ou connaissances notamment les écrits, dessins, modèles, projets, formules ou renseignements qu'il importe, dans l'intérêt de la défense nationale, de ne pas révéler à un gouvernement ou à une institution étrangers ou à leurs agents.

Article 154.

Sera puni, en temps de guerre, de la peine de mort, en temps de paix, d'un emprisonnement de dix à vingt ans, du chef de trahison envers la patrie ou d'espionnage, suivant les distinctions et les conditions établies aux deux articles précédents :

1° tout individu qui aura intentionnellement publié ou livré un secret d'Etat ;

2° tout individu qui se sera procuré un secret d'Etat, en vue de le livrer ;

3° tout individu qui détruira ou laissera détruire un tel secret d'Etat en vue de favoriser une puissance étrangère ;

4° tout individu qui aura volontairement transmis à une personne non habilitée à le recevoir un secret d'Etat dont il a eu révélation par ses fonctions, sa situation ou un mandat à lui confié par un service du gouvernement de la République.

1° uzakoresha itera-bwoba likomeye, ubumunga-mahoro, igitero cyangwa se ikangisha-maboko, ashaka komeka u Rwanda cyangwa igice cyarwo, ku gihugu cy'amahanga ;

2° uzagerageza gushyira Republika y'u Rwanda cyangwa igice cyayo mu bucakara bw'igihugu cy'amahanga ;

3° uzarwanya ku buryo ubwo alibwo bwose, Republika y'u Rwanda, arwanisha intwari z'intambara.

Ingingo ya 152.

Ugutangaza ibanga rya Leta cyangwa kurimenera ubishaka, utabigenewe ku buryo ubwo alibwo bwose, bigendereye kugirira nabi Republika y'u Rwanda, biba icyaha cy'ubugambanyi bw'igihugu, iyo bigizwe n'umunyarwanda, cyangwa icyaha cy'ubugome bw'ubutasi, iyo bigizwe n'umunyamahanga.

Ingingo ya 153.

Amabanga ya Leta, aya mategeko avuga ni : ibikorwa byose, ibintu cyangwa ubumenyi, nk'inyandiko, ibishushanyo, ingero, imishinga, indanga-gikorwa cyangwa ibisobanuro bibujijwe guhishurira Leta cyangwa Inteko by'amahanga cyangwa abakozi babo, kubera akamaro ko kurengera igihugu.

Ingingo ya 154.

Azahanishwa, mu gihe cy'intambara, kwicwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili, kubera ubugambanyi yagiriye igihugu cyangwa ubutasi uko byasobanuwe kandi byavugirwe impamvu ku ngingo ebyili zibanziliza iyi :

1° umuntu wese uzatangaza cyangwa uzamenera undi ibanga rya Leta k'ubushake bwe ;

2° umuntu wese uzaba yashakishije ibanga rya Leta akalibona, abigiriye kulimena ;

3° umuntu wese uzashwanyaguza ibanga rya Leta, cyangwa uzareka hagira undi urishwanyaguza, abigiriye akamaro k'ikindi gihugu ;

4° umuntu wese uzamenera utabigenewe, k'ubwende bwe, ibanga rya Leta, yaheshejwe cyangwa yamenyeshejwe k'ubw'umulimo ashinzwe, kubw'icyubahiro afite cyangwa kubw'ubutumwa yahawe n'ubutegetsi bwa Leta ya Republika.

Toutefois, si la transmission du secret d'Etat par la personne visée ci-dessus a été faite sans intention de trahison ou d'espionnage et seulement par maladresse, inattention ou négligence, la peine sera, en temps de guerre, un emprisonnement de cinq à dix ans, et, en temps de paix, un emprisonnement de un an à cinq ans.

5° tout individu qui aura établi ou entretenu avec un Etat, un parti, une association, une institution étrangers ou une personne travaillant pour leur compte, des relations ayant pour but la communication des secrets d'Etat.

Article 155.

Sera puni, en temps de guerre, de la peine de mort, en temps de paix, d'un emprisonnement de dix à vingt ans, tout individu qui, dans l'intention de provoquer ou d'encourager une guerre, une entreprise armée ou des mesures violentes contre la République, aura établi ou entretenu des relations coupables avec un gouvernement ou une institution étrangers ou avec leurs agents.

Article 156.

Sera puni, en temps de guerre, d'un emprisonnement de deux mois à un an, et d'une amende de dix mille à cinquante mille francs, ou de l'une de ces peines seulement, et, en temps de paix, d'un emprisonnement de huit jours à deux mois, et d'une amende qui n'excédera pas deux mille francs, ou de l'une de ces peines seulement, tout individu qui, en vue de provoquer l'hostilité de l'opinion internationale vis-à-vis de l'Etat Rwandais, aura propagé des affirmations mensongères.

Article 157.

Les infractions visées aux articles 151, 154, 155 et 156 ne seront poursuivies que sur plainte ou sur autorisation du Gouvernement de la République.

Article 158.

Sera puni, en temps de guerre, de la peine de mort, en temps de paix, d'un emprisonnement de dix à vingt ans, tout individu qui :

1° livrera à une puissance étrangère ou à ses agents, soit des troupes, soit des territoires, villes, forteresses, ouvrages, postes, magasins, arsenaux, matériels, munitions, bateaux, bâtiments ou appareils de navigation aérienne, appartenant à la République ou affectés à sa défense ;

Nyamara iyo kumena ibanga rya Leta bigizwe n'umaze kuvugwa haruguru, atabigiliye ubugambanyi cyangwa ubutasi aliko abitewe gusa n'uburyo buke, n'uburangare cyangwa umwete muke, igihano cy'e kizaba, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva k'umwaka umwe kugeza ku myaka itanu.

5° umuntu wese uzashinga cyangwa agakomeza umubano na Leta, umutwe w'ishyamba, umuryango, inteko byo mu mahanga cyangwa akawugirana n'ubikorera ashaka kubimenyesha amabanga ya Leta.

Ingingo ya 155.

Azahanishwa mu gihe cy'intambara kwicwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili, umuntu wese uzashinga cyangwa uzakomeza umubano w'ubugome na Leta cyangwa inteko by'amahanga cyangwa abakozi babyo, abigiliye gushoza cyangwa gushyigikira, intambara, igitero cyangwa ibikorwa bikomeye birwanya Republika.

Ingingo ya 156.

Azahanishwa mu gihe cy'intambara igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku mwaka umwe n'igihano cy'ihazabu y'amafranga ibihumbi cumi kugeza ku bihumbi mirongo itanu, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano byombi, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi abili n'igihano cy'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi bibili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano byombi, umuntu wese uzakwiza impuha agenderaye kwangisha Leta y'u Rwanda mu bihugu by'amahanga.

Ingingo ya 157.

Ibyaha bivuzwe ku ngingo ya 151, 154, 155 na 156 bizakulikiranwa gusa biramutse biregewe na Leta cyangwa yabitangiyeye uruhushya.

Ingingo ya 158.

Azahanishwa, mu gihe cy'intambara, kwicwa mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili, umuntu wese :

1° uzashyikiliza ubutegetsi bw'amahanga cyangwa ababukorera, ari ingabo, ari ifasi, imigi, ingerero, ibyubakiwe intambara, ibigo, amangazini, uruganda n'ububiko bw'intwari, ibikorero, amasasu, amato, amazu cyangwa indege, bya Republika cyangwa byagenywe kuyirwanilira ;

2° en vue de nuire à la défense nationale, détruira ou détournera un bateau, un appareil de navigation aérienne, un matériel, une fourniture, une construction ou une installation quelconque ou qui y apportera des malfaçons de nature à les endommager ou à provoquer un accident.

Article 159.

Sera puni de mort tout individu qui, en temps de guerre :

1° provoquera des militaires à passer au service d'une puissance étrangère, leur en facilitera les moyens ou fera des enrôlements pour une puissance en guerre avec la République ;

2° entretiendra des intelligences avec une puissance étrangère ou avec ses agents en vue de favoriser les entreprises de cette puissance contre la République ;

3° aura participé sciemment à une entreprise de démoralisation de l'armée ou de la nation ayant pour objet de nuire à la défense nationale.

Article 160.

Sera puni, en temps de guerre, d'un emprisonnement de dix à vingt ans, en temps de paix, d'un emprisonnement de cinq à dix ans, quiconque :

1° aura, par des actes hostiles non approuvés par le gouvernement, exposé la République à des hostilités de la part d'une puissance étrangère ;

2° aura, par des actes non approuvés par le gouvernement, exposé des Rwandais à des représailles ;

3° entretiendra avec les agents d'une puissance étrangère des intelligences de nature à nuire à la situation militaire ou diplomatique de la République ou à ses intérêts économiques essentiels.

Sera punie, en temps de guerre, d'un emprisonnement de huit jours à deux ans et d'une amende de mille à cinq mille francs, et en temps de paix, d'un emprisonnement de huit jours à deux mois et d'une amende de cinq cents à deux mille francs :

1° l'offre ou la proposition de commettre les infractions prévues au présent article ;

2° l'acceptation de cette offre ou de cette proposition.

2° uzasenya cyangwa akiba ubwato, indege, igikoresho ingemu, amazu cyangwa imashini izo alizo zose cyangwa uzaba yabiteye inenge ituma byangilika cyangwa bitera amakuba, agendereye gutambamira ubwirengere bw' igihugu.

Ingingo ya 159.

Azahanishwa kwicwa umuntu wese, mu gihe cy'intambara :

1° uzoshya ingabo z'igihugu kurwanirira igihugu cy'amahanga, uzabafasha uburyo bwo kujyayo cyangwa uzatorera abasilikare igihugu kirwana na Republika ;

2° uzumvikana n'igihugu cy'ahandi cyangwa abakozi bacyo agirango agifashe mu murwano gifitanye na Republika ;

3° uzafatanya n'abandi abizi, kugira igikorwa gica intege ingabo z'igihugu cyangwa abaturage bacyo, ashaka gutambamira ubwirengere bw'igihugu.

Ingingo ya 160.

Azahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka cumi kugeza ku myaka makumyabili, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku myaka itanu kugeza ku icumi, umuntu wese :

1° akoresheje ibikorwa bya cyanzi Leta itemeye, uzatuma Republika igirana intambara n'igihugu cy'amahanga ;

2° akoresheje ibikorwa bitemewe na Leta, uzatuma abanyarwanda babiryoza ;

3° uzamenyesha by'ubugambanyi abakorera igihugu cy'amahanga ku buryo byagilira nabi ubwirengere bwa Republika cyangwa umubano wayo n'amahanga cyangwa ubukungu-shingiro bw'igihugu.

Bizahanishwa, mu gihe cy'intambara igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kugeza ku bihumbi bibili, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi abili n'ihazabu y'amafranga kuva kuli magana atanu kugeza ku bihumbi bibili :

1° gutanga ikiguzi cyangwa kugisezeranya kugirango bakore ibyaha biteganyijwe kuli iyi ngingo ;

2° ukwemera icyo kiguzi cyangwa iryo sezerano.

Article 161.

Sera puni d'un emprisonnement d'un an à cinq ans et d'une amende de cinq mille à dix mille francs quiconque, en temps de guerre, accomplira sciemment un acte de nature à nuire à la défense nationale et non réprimé par un autre texte.

Article 162.

Les actes spécifiés ci-dessus sont punissables des mêmes peines s'ils sont commis envers les alliés de la République agissant contre l'ennemi commun.

Article 163.

Sera puni d'un emprisonnement de cinq à dix ans et d'une amende de deux cent mille francs au maximum, celui qui, par dons, rémunérations, promesses, menaces, abus d'autorité ou de pouvoir, aura recruté des hommes ou aura provoqué ou recueilli des engagements d'hommes au profit d'une force armée autre que les armées régulières des Etats.

Sera puni d'un emprisonnement d'un an à cinq ans et d'une amende de cent mille francs au maximum, quiconque aura accepté d'être engagé ou recruté au profit d'une force armée autre que les armées régulières des Etats.

Les infractions visées au présent article ne seront poursuivies que sur plainte ou sur autorisation du gouvernement de la République.

Section II – Des atteintes à la sûreté intérieure de l'Etat

Article 164.

Sera puni de la peine de mort tout individu qui :

1° recourra au terrorisme, à la force armée ou à toute autre violence en vue de porter atteinte aux pouvoirs établis et aux principes constitutionnels ;

2° portera atteinte à la personne du Chef de l'Etat dans les mêmes buts.

Article 165.

Le complot ayant pour but les crimes mentionnés à l'article précédent sera puni d'un emprisonnement à perpétuité si un acte quelconque a été commis pour en préparer l'exécution, et d'un emprisonnement de dix à vingt ans dans le cas contraire.

Ingingo ya 161.

Azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza ku myaka itanu n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bitanu kugeza ku bihumbi cumi, umuntu wese, mu gihe cy'intambara, uzakora, abizi, igishobora kubangamira ubwirengere bw'igihugu, kandi kidafite ilindi tegeko ligihanira.

Ingingo ya 162.

Ibyaha bimaze gusobanurwa bihanishwa ibyo bihano iyo bigiriwe inshuti za Republika zifatanyije nayo kurwanya umwanzi rusange.

Ingingo ya 163.

Azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi magana abili, umuntu uzarema ingabo, cyangwa akabisebura, cyangwa akagirana amasezerano nazo, abikoresheje ibiguzi, ibihembo, amasezerano, itera-bwoba, igitugu cy'ubutegetsi cyangwa cy'umulimo kandi abigiliye gu-shyigikira igitero cy'intambara z'ingabo zindi zitali izemewe z'igihugu.

Azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza kuli itanu n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi ijana, umuntu wese uzaba yemeye, ku bwende bwe, kwinjira cyangwa gutorerwa kujya mu gitero cy'intambara kitabaliwe mu ngabo zemewe z'ibihugu.

Ibyaha bivuzwe muli iyi ngingo bizakulikiranwa gusa Leta ya Republika ibiregeye cyangwa ibyemeye.

Icyiciro cya II – Ibyaha bivutsa igihugu umudendezo

Ingingo ya 164.

Azahanishwa kwicwa umuntu wese :

1° uzakora icyaha kigamije kugilira nabi ubutegetsi buliho n'ingingo z'imenya z'itegeko-Nshinga akoresheje itera-bwoba likomeye, intambara cyangwa izindi mbaraga zose ;

2° uzakora, muli iyo migambi, icyaha kigamije kugilira nabi Prezida wa Republika.

Ingingo ya 165.

Ubugambanyi bugamije ibyaha byavuzwe ku ngingo ibanziliza iyi, buzahanishwa igifungo cya burundu niba hali icyakozwe icyo alicyo cyose gitegura ubwo bugambanyi bitabaye bityo, buhanishwa igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili.

S'il y a eu proposition faite et non agréée, de former un complot pour arriver aux crimes mentionnés à l'article précédent, celui qui aura fait une telle proposition sera puni d'un emprisonnement de cinq à dix ans et d'une amende de dix mille à deux cent mille francs.

Article 166.

Quiconque, soit par des discours tenus dans des réunions ou lieux publics, soit par des écrits, des imprimés, des images ou emblèmes quelconques, affichés, distribués, vendus, mis en vente ou exposés aux regards du public, soit en répandant sciemment de faux bruits, aura soit excité ou tenté d'exciter les populations contre les pouvoirs établis, soit soulevé ou tenté de soulever les citoyens les uns contre les autres, soit alarmé les populations et cherché ainsi à porter les troubles sur le territoire de la République, serapuni d'un emprisonnement de deux à dix ans et d'une amende de deux mille à cent mille francs ou de l'une de ces peines seulement, sans préjudice des peines plus fortes prévues par d'autres dispositions du présent code.

Article 167.

Quiconque aura, méchamment et publiquement, attaqué la force obligatoire des lois ou provoqué directement à y désobéir, sera puni d'un emprisonnement de deux mois à cinq ans et d'une amende de deux mille à dix mille francs, ou de l'une de ces peines seulement.

Les peines prévues par l'alinéa précédent, seront doublées si la provocation a été suivie d'effet.

Article 168.

L'attentat ayant pour but de porter la dévastation, le massacre ou le pillage, sera puni d'un emprisonnement de quinze à vingt ans.

Le complot ayant pour but les crimes mentionnés à l'alinéa premier sera puni d'un emprisonnement de dix à quinze ans si un acte quelconque a été commis pour en préparer l'exécution, et d'un emprisonnement de cinq à dix ans dans le cas contraire.

Si l'attentat ou le complot a causé la perte de vies humaines, le coupable sera puni de la peine de mort.

Iyo habayeho ubwoshya bw'ubugambanyi bwavuzwe ku ngingo ibanziliza iyi, aliko ntibwemerwe, uwoheje azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi cumi kugeza ku bihumbi magana abili.

Ingingo ya 166.

Umuntu wese, uzaba yitwaje ali za diskuru avugiye mu nama cyangwa ahantu h'uruterane, ali inyandiko z'ubwoko bwose z'imashini, amashusho cyangwa ibimenyetso by'amoko yose, bimanitswe, bitanzwe, biguzwe cyangwa bigurishijwe, cyangwa bishyizwe mu maso ya rubanda, ali ukwamamaza nkana ibihuha, akagomesha cyangwa akagerageza kugomesha rubanda arwangisha ubutegetsi buliho, agatera cyangwa akagerageza gutera imvururu mu baturage ashaka ko bazasubiranamo, agatera rubanda intugunda ashaka gubyutsa imidugararo muri Republika, azahanishwa igifungo kuva ku myaka ibili kugeza ku icumi n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bibili kugeza ku bihumbi ijana, cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano, aliko bidatambamiye ibihano birushijeho gukomera byateganijwe n'andi mategeko y'iki gitabo cy'ibihano.

Ingingo ya 167.

Umuntu wese uzarwanya ububasha bw'amategeko cyangwa akwoshya abandi kuburwanya abigiranye ubugome kandi mu ruhame, azahanishwa igifungo cy'amezi abili kugeza ku myaka itanu n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bibili kugeza ku bihumbi cumi, cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ibihano bivuzwe ku gika kibanziliza iki, bikubwa kabili iyo ayo moshya yagize inkulikizi.

Ingingo ya 168.

Icyaha kigamije kuyogozza igihugu, kwica bitsemba imbaga cyangwa gusahura, kizahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu kugeza kuli myakumyabili.

Ubugambanyi bugamije ibyaha bivuzwe ku gika cya mbere, buzahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli cumi n'itanu, niba hali icyakozwe gitegurira imikorere y'icyo cyaha, naho bitagenze bityo, buzahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi.

Niba icyaha cy'imigambi mibi cyangwa ubwo bugambanyi byarakomotseho kwica abantu, ushinjwa icyaha azakwirwa igihano cyo kwicwa.

Article 169.

Le complot prévu par les articles 165 et 168 existe dès que la résolution d'agir a été concertée et arrêtée par deux ou plusieurs personnes.

Article 170.

Quiconque, soit pour s'emparer des deniers publics, soit pour envahir des postes, magasins, arsenaux, ports, avions, bateaux, bâtiments ou autres propriétés de l'Etat, soit pour piller ou partager des propriétés publiques, soit pour faire attaque ou résistance envers la force publique agissant contre les auteurs de ces infractions, se sera mis à la tête de bandes hostiles ou y aura exercé un commandement ou une fonction quelconque, sera puni d'un emprisonnement de dix à vingt ans.

La même peine sera appliquée à ceux qui auront dirigé l'association, levé ou fait lever, organisé ou fait organiser des bandes de ce genre.

Article 171.

Dans le cas où l'infraction prévue par l'article 164 aura été commise par une bande, la peine de mort sera appliquée à tous les individus faisant partie de la bande et qui auront été saisis sur le lieu de la réunion séditieuse, même s'ils n'y ont exercé aucun commandement ni emploi quelconque.

Sera puni de la même peine quiconque aura dirigé la sédition ou exercé dans la même bande un emploi ou un commandement quelconque, même s'il n'a pas été saisi sur les lieux.

Article 172.

Hors le cas où la réunion séditieuse aura eu pour objet ou pour résultat l'infraction prévue à l'article 164, les individus faisant partie des bandes visées aux articles précédents et qui, n'y ayant exercé aucun commandement ni emploi, auront été saisis sur les lieux, seront punis d'un emprisonnement de dix à vingt ans.

Article 173.

Ceux qui, connaissant le but ou le caractère des dites bandes, auront fourni à ces bandes ou à leurs divisions des logements, retraites, lieux de réunion ou un secours quelconque, seront punis comme complices.

Ingingo ya 169.

Ubugambanyi buvugwa mu ngingo ya 165 n'iya 168 butangira kuba bwo, igihe inama yo gukora icyaha ihuriweho kandi ikemezwa n'abantu babili cyangwa benshi.

Ingingo ya 170.

Umuntu wese uzaba yashatse ali ukwiba amafranga y'igihugu, ali ugutera ibigo, amangazini, uruganda, n'ububiko bw'intwari, ibyambu, indege, amato, amazu, cyangwa ibindi bintu bya Leta, ali ugusahura cyangwa kwigababanyanya ibintu by'igihugu, ali ugutera cyangwa kurwanya ingabo z'igihugu zihagurukiye kurwanya inkozo z'ibyo byaha, akigira umugaba w'igitero cy'abagome cyangwa akakigiramo itegeko cyangwa umulimo uwo aliwe wose, azahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili.

Ni nabyo bihano bizahanishwa abazaba barayoboye ikipi y'abo bagome, abaremye imitwe ya bene ibyo bico, abayiremesheje, abayibwilije cyangwa abayihaye amabwiliza.

Ingingo ya 171.

Igihe icyaha gitaganijwe n'ingingo ya 164 kizaba cyakozwe n'itegeko, abantu bose bagize icyo gitero kandi bazaba bafatiwe ahakorewe inama y'ubwo bugome, naho baba batagize itegeko cyangwa umulimo bashinzwe muli icyo nama, bahanishwa kwicwa.

Ni nacyo gihano kizahanishwa umuntu wese uzaba yayoboye ubwo bwigomeke, cyangwa yaragize umulimo cyangwa ubutegetsi ubwo ali bwo bwose muli icyo gitero, naho yaba atafatiwe muli icyo gico.

Ingingo ya 172.

Uretse igihe inama y'ubugome izaba yaragamije cyangwa yarakoresheje icyaha gitaganijwe ku ngingo ya 164, abantu bazaba bagize ibitero bivugwa ku ngingo zibanziliza iyi kandi bagafatirwa mu gico, aliko batigeze bagira mu bitero ubutegetsi cyangwa umulimo bazahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili.

Ingingo ya 173.

Abazamenya imigambi cyangwa amatwara y'ibyo bitero bagaha inteko yabyo cyangwa imitwe yabyo, amacumbi, ubwihisho, aho biremera inama cyangwa bakagira ikindi babifashaho, bazahanwa kimwe n'ibyo bitero.

Article 174.

Il pourra n'être prononcé aucune peine du chef de sédition contre ceux qui, ayant fait partie de ces bandes sans y exercer aucun commandement ni remplir aucun emploi ou fonction, se seront retirés au premier avertissement ou à la première sommation des autorités civiles ou militaires.

Il en sera de même lorsqu'ils auront été saisis hors des lieux de la réunion séditieuse sans opposer de résistance et sans arme.

Ils seront néanmoins punis à raison des autres infractions qu'ils auront personnellement commises.

Article 175.

Seront punis d'un emprisonnement de cinq à vingt ans et d'une amende de dix mille à vingt mille francs, sans préjudice des peines plus fortes prévues par d'autres dispositions légales, ceux qui, dans un mouvement insurrectionnel :

1° auront, pour faire attaque ou résistance envers la force publique, porté des armes ou munitions, apparentes ou cachées ;

2° auront, pour le même but, envahi ou occupé des édifices publics ou des maisons habitées ou non habitées, des routes, des places publiques ou tout autre endroit ;

3° auront placé, fait placer ou aidé à placer ou faire placer des barricades, des retranchements, ou tous autres obstacles ayant pour but d'entraver ou d'arrêter l'intervention de la force publique ou la circulation des habitants ;

4° auront empêché, à l'aide de violences ou de menaces, la convocation ou la réunion de la force publique ;

5° auront provoqué ou facilité le rassemblement des insurgés, soit à l'aide de violences ou de menaces, soit par la distribution d'ordres ou de proclamations, soit par le port de drapeaux ou d'autres signes de ralliement, soit par tout autre moyen d'appel ;

6° se seront emparés d'armes ou munitions, soit à l'aide de violences, ou menaces, soit par le pillage de boutiques ou d'établissements publics, soit par le désarmement de la force publique ;

7° auront envahi une maison habitée ou non habitée, à l'aide de violences ou de menaces ;

Ingingo ya 174.

Bizashoboka kutagira igihano na busa bacibwba kerekeye ubwigomeke, abazaba barabanje kujya muli izo nama z'abagome, badategeka, nta n'umulimo bazifitemo ali uworoshye ali ukomeye, bazivanamo bakimara kuburirwa cyangwa kubitegekwa n'abategetsi b'abasivili cyangwa b'abasilikare.

Ni nako bizagenda igihe abazaba bafatiwe ahatali mu nteko y'inama y'urugomero, badateye amahane kandi badafite intwaro.

Bazahanirwa icyakora ibyaha bindi bazaba bakoze k'ubwabo.

Ingingo ya 175.

Bazahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kuli makumyabili n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi cumi kugeza ku bihumbi makumyabili, bitabujije ibihano birushijeho gukomera biteganijwe n'andi mategeko, abantu, mu gihe cy'ubugande bw'inkomati :

1° bazaba, mu bushake bwo gutera cyangwa kurwanya abarinzzi b'amahoro, bafite intwaro cyangwa amasasu k'umugaragaro cyangwa rwihishwa ;

2° bazaba babigiliye impamvu zimwe, bafashe ku ngufu cyangwa bigaruriye amazu ya Leta, cyangwa amazu atuwemo cyangwa adatuwemo, imihanda, ahagenewe igiterane cy'abantu cyangwa ahandi hantu hose ;

3° bazaba bashyizeho, bashyirishijeho cyangwa abazaba bafashije gushyiraho cyangwa gushyirishaho inzitiro, impanya cyangwa inkomyi zindi zose, bagendereye gutambamira cyangwa kubambira ubugabotsi bw'ingabo z'igihugu cyangwa kubuza abaturage gutambuka ;

4° bazaba, kubw'igitugu cyangwa ibikangisho, babujije itumirwa cyangwa iterana by'abarinzi b'amahoro ;

5° bazaba basembuye cyangwa bafashije gukoranya ibyigomeke, babikoresheje ali agahato k'igitugu cyangwa ibikangisho, ali ugutanga amategeko cyangwa amatangazo, ali uguserukana amabendera cyangwa ibindi bimenyetso byo kwikoranya, ali ubundi buryo bwose bwo guhamagarana ;

6° bazaba batwayeho iminyago intwaro cyangwa amasasu, ali kubw'imbaraga cyangwa ibikangisho, ali kubw'isahurira ry'amangazini cyangwa ry'amazu ya Leta, ali ukwamburira intwaro ingabo z'igihugu ;

7° bazaba basakije kubw'imbaraga cyangwa ibikangisho inzu ituwemo cyangwa idatuwemo ;

8° auront, de quelque autre façon, neutralisé les forces de l'ordre ou l'action des autorités publiques.

Par mouvement insurrectionnel, il faut entendre un mouvement collectif qui, portant atteinte aux pouvoirs ou à l'ordre établis, se manifeste par des agressions contre les personnes et les biens par l'incendie, la dévastation ou le pillage.

Par force publique, il faut entendre l'ensemble des agents qui assurent par la force, au nom de la République, l'exécution des actes et le maintien de l'ordre public.

Article 176.

Les Chefs, à un titre quelconque, des mouvements insurrectionnels réprimés par l'article précédent seront passibles de la peine de mort.

Article 177.

Les peines prévues par les articles 175 et 176 seront prononcées sans préjudice de celles que les coupables auraient pu encourir comme auteurs ou complices de toutes autres infractions, sauf à appliquer, s'il y a lieu, les règles sur le concours des infractions.

Section III – Dispositions complémentaires ou communes aux sections précédentes.

Article 178.

Sous réserve des obligations résultant du secret professionnel, sera puni d'un emprisonnement de dix à vingt ans et d'une amende de vingt mille francs au maximum celui qui, en temps de guerre, ayant connaissance de projets ou d'actes de trahison, d'espionnage ou d'autres activités de nature à nuire à la défense nationale, n'en fera pas la déclaration aux autorités militaires, administratives ou judiciaires dès le moment où il les aura connus.

Article 179.

Sera puni comme receleur quiconque, autre que l'auteur ou le complice :

1° recélera sciemment les objets ou instruments ayant servi ou devant servir à commettre le crime ou le délit, ou les objets, matériels ou documents obtenus par le crime ou le délit ;

8° bazaba babujije, ku buryo ubwo alibwo bwose, ingabo z'igihugu gutabara cyangwa basuzuguje amategeko y'abategetsi b'igihugu.

Kuvuga ubugande bw'inkomati, ni ukuvuga uruga-ga rw'abantu rugaragazwa n'igitero cyarwo kibasiye abantu n'ibintu, rukagaragazwa n'inkongi, n'ubwangizi cyangwa ubusahuzi, rugamije kwiganzura abategetsi baliho cyangwa gusenya ubutegetsi bwemewe.

Kuvuga abalinzi b'amahoro, ni ukuvuga abakozibose bubahiliza amategeko kandi balinda amahoro mu gihugu, mw'izina rya Republika no ku ngufu zayo.

Ingingo ya 176.

Abagaba ku buryo ubwo alibwo bwose, b'ubugande bw'inkomati buhanishwa ingingo ibanziliza iyi, bazahani-shwa kwicwa.

Ingingo ya 177.

Ibihano biteganijwe n'ingingo ya 175 n'ya 176 bizatangwa bidatambamiye ibihano bene-icyaha bajyaga gushobora gucibwa kubera ibindi byaha byose bakoze ubwabo cyangwa babereye ibyitso, keretse rero, bibaye ngombwa gukulikiza amategeko yerekeye impurirane z'ibyaha.

Icyiciro cya III – Amategeko-nyuzuzo cyangwa ahuliweho n'ibyciro byavuzwe mbere

Ingingo ya 178.

Haseguriwe amategeko yerekeye ibanga ligenewe umulimo, azahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi makumyabili, uzaba yamennye, mu gihe cy'intamba, imigambi cyangwa igikorwa by'ubugambanyi, by'ubutasi, cyangwa by'ibindi bikorwa bishobora gutambamira ubutabazi bw'igihugu, ntabimenyeshe abategetsi b'ingabo z'igihugu, b'ubutegetsi bwa Leta cyangwa bw'ubucamanza, kuva akibimanya.

Ingingo ya 179.

Azahanirwa icyaha cy'ubuhisha, umuntu wese, uretse nyili icyaha cyangwa icyitso cye :

1° uzahisha abizi, ibintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoresha icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, cyangwa se ibintu, ibikoresho cyangwa inyandiko byabonetse bikomotse ku cyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ;

2° détruira, soustraira, dissimulera ou altérera sciemment tous documents de nature à faciliter la recherche du crime ou du délit, la découverte des preuves ou le châtement de ses auteurs.

Article 180.

Dans les cas prévus à l'article 179, le tribunal pourra exempter de la peine encourue le conjoint, les parents ou alliés du coupable, jusqu'au sixième degré inclusivement.

Article 181.

Sera exempt de la peine encourue celui qui, avant toute exécution et avant l'ouverture des poursuites judiciaires, aura donné connaissance à l'autorité administrative, judiciaire ou militaire de l'existence, de la préparation, des noms des auteurs et complices des crimes et délits contre la sûreté de l'Etat.

Le tribunal devra modérer la peine par le jeu des circonstances atténuantes :

1° si la dénonciation intervient après la consommation du crime ou du délit, mais avant l'ouverture des poursuites ;

2° si, après l'ouverture des poursuites, le coupable procure l'arrestation des auteurs ou complices de la même infraction ou d'autres infractions de même nature ou d'égale gravité.

Article 182.

La rétribution reçue par le coupable d'une infraction contre la sûreté de l'Etat, ou le montant de sa valeur si cette rétribution n'a pu être saisie, seront déclarés acquis à l'Etat par le jugement.

Article 183.

Le tribunal prononcera la confiscation de l'objet du crime ou du délit, des armes, objets ou instruments ayant servi à le commettre.

Article 184.

Le gouvernement pourra, par arrêté présidentiel, étendre soit pour le temps de guerre, soit pour le temps de paix, tout ou partie des dispositions relatives aux crimes ou délits contre la sûreté de l'Etat, aux actes concernant celle-ci, qui seraient commis contre les puissances alliées ou amies de la République.

2° uzashwanyaguza, uziba, uzahisha cyangwa agahindura nkana inyangiko zose zishoboye gufasha kugenzura icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, gutarura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha.

Ingingo ya 180.

Mu bihe byateganijwe ku ngingo ya 179, urukiko ruzashobora gusonera igihano cyali gikwiye abafitanye isano n'uwakoze icyaha, uwo bashakanye, ababyeyi be, abo mu muryango we cyangwa w'uwo bashakanye, kugeza ku rwego rwa gatandatu rubariyemo.

Ingingo ya 181.

Azasonerwa igihano cyali cyimukwiye, uzamenyeshya ubutegetsi bw'Igihugu, bw'ubucamanza cyangwa ubw'ingabo z'Igihugu, mbere y'igikorwa cya mbere cy'icyaha kandi mbere yo gutangira anketi y'urubanza, ko haliho, hategurwa ibyaha by'ubugome n'ibikomeye bigamije guhungabanya umudendezo wa Leta, bakabumenyeshya n'amazina y'abagome n'ay'ibitso byabo.

Urukiko ruzagomba kugabanya igihano rukurikije impamvu zigabanya ububi bw'ibyaha :

1° iyo kuvananamo bibaye, icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye cyaramaze gukorwa, aliko anketi y'icyaha itaratangira ;

2° iyo, anketi imaze gutangira, umwe mu bakoze icyaha, afatishije abo bagikoranye n'ibitso byabo cyangwa abakoze ibindi byaha nk'ibyo cyangwa bihwanije ubugome.

Ingingo ya 182.

Igihembo uwakoze icyaha kigamije guhungabanya umudendezo wa Leta, cyangwa amafranga y'igicro cyacyo niba icyo gihembo kitashoboye gufatwa, bizemezwa n'urubanza ko byeguriwe Leta.

Ingingo ya 183.

Urukiko ruzemeza ubunyagwe bw'ikintu cyakoreweho icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, bw'intworo, bw'ibintu cyangwa ibikoresho byafashije gukora icyaha.

Ingingo ya 184.

Leta, kubw'iteka rya Prezida wa Republika, izashobora, ali mu gihe cy'intambara cyangwa mu gihe cy'amahoro, gusesura amategeko yose cyangwa amwe muli yo yerekeye ibyaha by'ubugome cyangwa ibyaha bikomeye bigamije gutambamira umudendezo wa Leta, ku byaba byaragiriwe ibihugu bifitanye umubano cyangwa ubucuti na Republika.

Article 185.

En matière de crime ou délit contre la sûreté de l'Etat, l'infraction commise en dehors du territoire de la République est punissable comme l'infraction commise sur le territoire.

Section IV – Des actes hostiles aux chefs d'Etat et diplomates étrangers

Article 186.

Quiconque aura porté atteinte à la personne d'un chef d'Etat étranger, d'un membre d'un gouvernement étranger, d'un représentant, fonctionnaire ou personnalité officielle d'un Etat ou d'une organisation intergouvernementale, durant le séjour au Rwanda de cette personne au titre desdites qualités sera puni d'un emprisonnement de cinq à vingt ans, sans préjudice de peines plus fortes prévues par d'autres dispositions légales.

Sera puni de la même peine, quiconque aura porté atteinte à un membre de la famille de l'une des personnes précitées.

Sera puni d'un emprisonnement de deux mois à cinq ans, quiconque aura porté atteinte aux locaux officiels, au logement privé ou aux moyens de transport de l'une des personnes citées aux deux alinéas précédents, sans préjudice de peines plus fortes prévues par d'autres dispositions légales.

Article 187.

Quiconque aura outragé publiquement l'une des personnes visées à l'article précédent sera puni d'un emprisonnement de trois mois à trois ans et d'une amende de cinq mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Article 188.

Quiconque aura enlevé, détruit, détérioré, rendu méconnaissable ou outragé le drapeau ou les insignes de souveraineté d'un Etat étranger, hissés ou exposés publiquement, sera puni d'un emprisonnement de trois mois à deux ans et d'une amende de deux mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 185.

Mu byerekeye ibyaha by'ubugome n'ibyaha bikomeye bibuza igihugu umudendezo, icyaha cyakorewe mu mahanga gihanishwa ibihano bimwe n'iby'icyaha cyakorewe mu Rwanda.

Icyiciro cya IV – Ibikorwa bya cyanzi bikorewe abatware ba Leta z'amahanga, n'abahagarariye ibihugu byabo

Ingingo ya 186.

Umuntu wese uzagilira nabi umutware w'ikindi gihugu, umuministri w'ikindi gihugu, uhagaraliye igihugu cyabo cyangwa umulyango mpuza-mahanga, umukozi cyangwa umunyacyubahiro babyo, mu gihe uwo muntu ali mu Rwanda arukoramo iyo milimo, azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kuli makumyabili, bitabujije ibihano birushijeho gukomera biteganijwe n'andi mategeko.

Ninacyo gihano kizahanishwa umuntu wese uzagilira nabi umwe mu bagize umulyango w'abategetsi bamaze kuvugwa.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku myaka itanu, umuntu wese uzagilira nabi amazu abantu bavuzwe mu bika bibili bibanza bakoreramo, amazu yabo batuyemo cyangwa ibyo bagenderamo, bitabujije ibihano birushijeho gukomera biteganijwe n'andi mategeko.

Ingingo ya 187.

Umuntu wese uzaba yakojeje isoni mu ruhame umwe mu bantu bavuzwe ku ngingo ibanziliza iyi, azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka itatu n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi bitanu, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ingingo ya 188.

Umuntu wese uzaba yatwaye, yashwanyaguje, yangije, yateye kutamenyekana cyangwa yasuzuguje ibendera cyangwa ibimenyetso biranga ubutegetsi bw'ikindi gihugu, bimanitswe cyangwa bishyizwe mu rubuga, azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi bibili cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Article 189.

Les infractions réprimées par la présente section ne seront poursuivies que sur la plainte de la victime ou, à défaut, sur dénonciation du gouvernement étranger ou de l'organisation intergouvernementale dont dépend la victime, et si le gouvernement rwandais autorise cette poursuite.

Section V – Atteintes au crédit de la Nation

Article 190.

Sera puni d'un emprisonnement de trois mois à deux ans et d'une amende de dix mille francs au maximum ou de l'une de ces peines seulement, celui qui, par des voies ou moyens quelconques, aura sciemment répandu dans le public des faits faux ou des allégations mensongères de nature à ébranler directement ou indirectement sa confiance dans la solidité de la monnaie, la valeur des fonds d'Etat ou des collectivités publiques et, d'une manière générale, de tous les organismes où ces collectivités ont une participation directe ou indirecte.

Article 191.

Sera puni des peines prévues à l'article 190 celui qui aura, par un moyen quelconque, incité le public :

1° à des retraits de fonds des caisses publiques ou des établissements obligés par la loi à effectuer leurs versements dans ces caisses publiques ;

2° à la vente d'effets publics ou l'aura détourné de l'achat ou de la souscription de ceux-ci, que ces provocations aient été suivies ou non d'effet.

Article 192.

Dans les cas prévues aux articles 190 et 191, la poursuite ne peut être engagée que sur plainte du ministre ayant les finances dans ses attributions.

Chapitre II

Des infractions contre la foi publique

Section I – De la contrefaçon, de la falsification et de l'imitation des signes monétaires

Article 193.

Sera puni d'un emprisonnement de cinq à dix ans et d'une amende de vingt mille à cent francs celui qui, frauduleusement, aura contrefait, coloré ou altéré des monnaies métalliques ayant cours légal au Rwanda ou à l'étranger, et celui qui aura introduit ou émis sur le territoire du Rwanda, des monnaies qu'il savait ainsi contrefaites, colorées ou altérées.

Ingingo ya 189.

Ibyaha bihanwa n'iki cyiciro, bizakulikiranwa gusa, igihe uwacumuliwe areze cyangwa hakarega Leta yo mu mahanga cyangwa umuryango w'ishyirahamwe ry'ibihugu uwo akomokamo kandi niba Leta y'u Rwanda ibyemera.

Icyiciro cya V – Ibyaha byo kugayisha ifaranga ry'igihugu

Ingingo ya 190.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi cumi cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, uzaba ku buryo ubwo alibwo bwose, yakwije impuha muli rubanda, azi icyo abikorera, zigayisha ubwazo ku buryo bweruye cyangwa buziguze, agaciro k'ifranga ry'u Rwanda, agaciro k'imali ya Leta cyangwa agaciro k'imali y'ubundi butegetsi rusange, mbese mu mvugo isesuye agaciro k'imali y'indi miryango ubwo butegetsi bufitanye uruhare ruboneye cyangwa ruziguze.

Ingingo ya 191.

Azahanishwa ibihano biteganijwe ku ngingo ya 190 uzaba yoheje rubanda ku buryo ubwo alibwo bwose :

1° gukura amafranga mu masanduku ya Leta cyangwa mu masanduku y'imiryango yategetswe gushyirahamwe amafranga yayo mu masanduku ya Leta ;

2° kugurisha ibintu bifite agaciro k'amafranga cyangwa kubuza kubigura cyangwa kubuza amasezerano yo kubigura, ayo moshya yakulikizwa cyangwa atakulikizwa.

Ingingo ya 192.

Mu bihe biteganijwe n'ingingo ya 190 n'ya 191, icyaha nticyakulikiranwa kitaregawe na ministri ushinzwe imali.

Umutwe wa II

Ibyaha bihangabanya ubwizere-gihugu

Icyiciro cya I – Ububandike, ubuhindure n'ubwigane by'ibimenyetso by'amafranga

Ingingo ya 193.

Azahanishwa igifungo cy'imyaka itanu kugeza kw'icumi n'ihazabu y'amafranga ibihumbi makumyabili kugeza ku bihumbi ijana, uzaba yiganywe, yahinduye cyangwa yononye, bujura, amafranga y'ibiceri akoreshwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, n'uzazana cyangwa agakwiza mu Rwanda amafranga azi ko yiganywe, yahinduwe cyangwa ko yononywe.

Article 194.

Sera puni d'un emprisonnement de cinq à vingt ans et d'une amende de cinquante mille à deux cent mille francs celui qui aura frauduleusement contrefait ou falsifié soit des effets émis par le Trésor public avec son timbre ou sa marque, soit des billets de banque autorisés par la loi ou des billets de même nature émis par le Trésor, ces effets ou billets ayant cours légal au Rwanda ou à l'étranger, et celui qui aura introduit ou émis de tels effets ou billets qu'il savait ainsi contrefaits ou falsifiés.

Article 195.

Les infractions visées aux articles 193 et 194 et commises en dehors du territoire de la République, seront punissables comme les infractions commises sur ce territoire, quand elles s'appliqueront aux monnaies, effets ou billets nationaux.

Article 196.

Sera puni d'un emprisonnement de trois mois à cinq ans et d'une amende de mille à cinquante mille francs, ou de l'une de ces peines seulement, celui qui sans être coupable de la participation à l'émission ou à l'introduction, se sera procuré, avec connaissance, des monnaies métalliques ou des billets visés aux articles 193 et 194 et les aura mis en circulation.

Sera puni d'un emprisonnement de deux mois à trois ans et d'une amende de mille à dix mille francs, ou de l'une de ces peines seulement, celui qui, dans le but de les mettre en circulation, aura reçu ou se sera procuré des monnaies métalliques ou des billets visés aux articles 193 et 194.

Sera puni d'un emprisonnement de huit jours à un an et d'une amende de mille à dix mille francs, ou de l'une de ces peines seulement, celui qui, ayant reçu pour bons des monnaies métalliques ou des billets ou effets ayant cours légal au Rwanda ou à l'étranger, contrefaits ou falsifiés, les aura remis en circulation en connaissance de ces vices.

Ingingo ya 194.

Azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kuli makumyabili n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi mirongo itanu kugeza ku bihumbi magana abili, uzaba kubw'ubwambuzi, yabanditse cyangwa yahinduye, ali impapuro zifite agaciro k'amafranga y'igihugu zisinyiwe na Leta ziliho tembure yayo cyangwa ikirango cyayo, ali inoti zemewe cyangwa izindi mpapuro z'agaciro k'amafranga zasinyiwe na Leta izo mpapuro cyangwa izo noti zikaba zikoreshwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, n'uzazana cyangwa agakwiza mu Rwanda izo mpapuro cyangwa izo noti azi ko zigamywe cyangwa ko zahinduwe.

Ingingo ya 195.

Ibyaha biteganijwe ku ngingo ya 193 n'iya 194 kandi byakorewe mu mahanga, bizahanishwa ibihano kimwe n'iby'ibyaha byakorewe mu Rwanda, igihe bizaba bikorewe ku mafranga y'ibiceri, impapuro zifite agaciro k'amafranga cyangwa inoti by'u Rwanda.

Ingingo ya 196.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka itanu n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kugeza ku bihumbi mirongo itanu, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, uzaba yarihesheje abizi, amafranga y'ibiceri cyangwa y'inoti yavuzwe ku ngingo ya 193 n'iya 194 agakubitiraho kuyakwiza mu bandi, n'ubwo ataba umwe mu bakoze ayo mafranga cyangwa abayinjije mu gihugu.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku myaka itatu n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kugeza ku bihumbi cumi, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, uzaba yarakiriye cyangwa yarihesheje amafranga y'ibiceri cyangwa y'inoti yavuzwe ku ngingo ya 193 n'iya 194, agirango ayakwize mu bandi.

Azahanishwa igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mwaka umwe, n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kugeza ku bihumbi cumi, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, uzaba yarahawe amafranga y'ibiceri, y'inoti cyangwa impapuro zifite agaciro k'amafranga, bikoreshwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, byiganywe cyangwa byahinduwe akabitwara yibwira ko ali byiza, aliko aho amenyeye inenge yabyo akabikwiza mu bandi.

Article 197.

Dans tous les cas prévus aux articles 193 à 196, le tribunal ordonnera la confiscation des monnaies ou signes monétaires contrefaits, falsifiés ou altérés, ainsi que des instruments et matériels quelconques ayant servi à la fabrication, à la contrefaçon ou à l'altération des signes monétaires.

Section II – De la contrefaçon ou falsification des sceaux, poinçons, timbres ou autres marques

Article 198.

Sera puni d'un emprisonnement de cinq à dix ans et d'une amende de cent mille francs au maximum :

1° celui qui aura contrefait le sceau de l'Etat ;

2° celui qui aura contrefait ou falsifié, soit un ou plusieurs timbres nationaux, soit les marteaux ou poinçons de l'Etat, soit les marques destinées à être apposées au nom du gouvernement ;

3° celui qui aura contrefait le sceau, le timbre ou la marque d'une autorité quelconque ;

4° celui qui aura contrefait les papiers à en-tête ou imprimés officiels en usage dans les assemblées instituées par la Constitution, les administrations publiques ou les différentes juridictions ;

5° celui qui aura contrefait ou falsifié les timbres-poste, empreintes d'affranchissement ou coupons-réponse émis par l'administration rwandaise des postes et les timbres mobiles.

Sera puni des mêmes peines celui qui, connaissant le faux aura utilisé, distribué, vendu ou colporté les sceaux, timbres, marteaux, poinçons, marques, papiers contrefaits ou falsifiés.

Quiconque s'étant indûment procuré les vrais sceaux, timbres, marques ou poinçons, ou imprimés, en aura fait une application ou un usage frauduleux, sera puni d'un emprisonnement d'un an à cinq ans et d'une amende de cinquante mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Article 199.

Sera puni d'un emprisonnement de deux mois à un an et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement :

Ingingo ya 197.

Mu buryo bwose bwategenijwe mu ingingo ya 193 kugeza kuya 196, urukiko ruzategeka inyagwa ry'amafranga cyangwa ibindi bimenyetso bihwanye nâyo, yabanditswe, yahinduwe cyangwa yononwe, hamwe n'iry'ibikoresho n'iry'ibindi bintu ibyo aliby byose byafashije mu gukora, mu kubandika, cyangwa mu kwonona ibyo bimenyetso bihwanye n'amafranga.

Icyiciro cya II – Ubwigane cyangwa ubuhindure bwa za kashe, ingenyo, tembure cyangwa ibindi birango

Ingingo ya 198.

Azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi ijana :

1° uzigana icyapa cya Leta ;

2° uzigana cyangwa uzakhindura, ali tembure imwe y'igihugu cyangwa nyinshi, ali inyundo cyangwa ingenyo bya Leta, ali ibirango bikoreshwa mw'izina rya Leta ;

3° uzigana icyapa, tembure cyangwa ikirango bikoreshwa n'umutegetsi uwo aliwe wese ;

4° uzigana impapuro ziranga aho zigenewe gukoreshwa cyangwa impapuro z'ubutegetsi zikoreshwa mu nteko zashyizweho n'itegeko-nshinga mu butegetsi bwa Leta cyangwa mu nkiko zose ;

5° uzigana cyangwa agahindura za tembure z'iposta, ibimenyetso biranga ubwishyu cyangwa udupapuro dufite agaciro k'amatebure byakozwe n'ubutegetsi bw'amaposta y'u Rwanda n'itembure zihinduka.

Azahanishwa ibihano bimwe n'ibyo, uzakoresha, uzaŕanga, uzagurura cyangwa uzakwiza ibyapa, tembure, inyundo, ingenyo, ibirango bikoreshwa n'ubutegetsi, impapuro ziganywe cyangwa zihinduwe, azi neza inenge yabyo.

Umuntu wese uzashyikira mu buryo atagenewe, ibyapa by'ukuli, amatebure, ibirango, cyangwa ingenyo, cyangwa impapuro zandikishije imashini, akabikoresha cyangwa akabyamburisha abandi, azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza kuli itanu n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi mirongo itanu, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ingingo ya 199.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku mwaka umwe n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi makumyabili cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano :

1° celui qui aura sciemment fait usage de timbres-poste ou de timbres mobiles ayant déjà été utilisés ;

2° celui qui aura, par un moyen quelconque, altéré des timbres en vue de les soustraire à l'oblitération et à permettre ainsi leur réutilisation ;

3° celui qui aura surchargé, par impression, perforation ou tout autre moyen, les timbres-poste, périmés ou non émis par l'administration rwandaise des postes ;

4° celui qui aura contrefait ou altéré les vignettes, timbres, empreintes d'affranchissement ou coupons-réponse émis par le service des postes d'un pays étranger.

Sera puni des mêmes peines celui qui, connaissant le faux, aura utilisé, distribué, vendu ou colporté les timbres, vignettes, empreintes ou coupons contrefaits ou falsifiés.

Article 200.

Sera puni d'un emprisonnement de deux mois à un an et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement :

1° celui qui aura fabriqué, vendu, colporté, distribué, donné ou offert en paiement ou utilisé tous objets, imprimés ou formules, obtenus par un procédé quelconque, qui, par leur forme extérieure, présenteraient avec les pièces de monnaies ou billets de banque ayant cours légal au Rwanda ou à l'étranger, avec les titres, vignettes et timbres de l'administration rwandaise des postes, actions, obligations, parts d'intérêts, coupons de dividende et, généralement avec les valeurs fiduciaires émises par l'Etat, les collectivités publiques, les sociétés, compagnies ou entreprises privées, une ressemblance de nature à faciliter l'acceptation desdits objets, imprimés ou formules, aux lieu et place des valeurs imitées :

2° celui qui aura fabriqué, vendu, colporté, distribué ou utilisé des imprimés qui, par leur format, leur couleur, leur texte, leur disposition typographique ou tout autre caractère, présenteraient avec les papiers à en-tête ou imprimés officiels en usage dans les assemblées instituées par la Constitution, les administrations publiques et les différentes juridictions, une ressemblance de nature à causer une méprise dans l'esprit du public.

1° uzaba yarakoresheje tembure z'iposta cyangwa tembure zihinduka zakoreshejwe mbere hose kandi abizi neza ;

2° uzaba yarononye tembure ku buryo ubwo alibwo bwose, ashaka ko zidaterwaho kashe bigatuma zakongera gukoreshwa ;

3° uzaba yashyize hagati y'imirongo inyandiko ya imprinteri, imyenge cyangwa ibindi ashatse, abigize kuli za tembure z'iposta zitagikoreshwa cyangwa zigikoroshwa, zashyizweho n'ubutegetsi bw'amaposta y'u Rwanda ;

4° uzaba yiganyye cyangwa yononye tembure yerekana ubwishyu, za tembure, ibimenyetso biranga ubwishyu cyangwa udupapuro dufite agaciro k'amatembure byakozwe n'ubutegetsi bw'amaposta y'amahanga.

Azahanishwa ibihano bimaze kuvugwa, uzakoresha, uzatanga, uzagurura cyangwa uzakwiza za tembure n'izerekana ubwishyu, ibimenyetso bisimbura tembure cyangwa udupapuro twashyizweho n'ubutegetsi bw'amaposta, byiganwe cyangwa bihinduwe, akabikora azi inenge yabyo.

Ingingo ya 200.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku mwaka umwe n'ihazabu y'amafranga ataranga ibihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano :

1° uzaba yarahimbye, yaragurishije, yarakwije, yaratanze, yarishyuye cyangwa yarashatse kwishyura cyangwa yarakoresheje ibintu byose, impapuro zandikishije imashini cyangwa inyandiko-ngerero, yarabibonye ku buryo ubwo alibwo bwose, uwabireba ishusho akaba yabyitiranye n'amafranga cyangwa inoti bikoreshwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, akaba se yabyitiranye n'ibyemezo by'imali, n'ibimenyetso biranga ubwishyu, n'amatembure y'ubutegetsi bw'amaposta y'u Rwanda, ibyerekana umugabane w'amafranga mu murungu n'imyenda yishyuzwa, n'imigabane y'inyungu, n'impapuro zerekana imigabane, mbese ku buryo busesuye, umuntu akaba yabyitiranye n'inyandiko y'impapuro zifite agaciro k'amafranga zemewe na Leta, n'imiryango ifite ubwihagaralire kandi ishingiyeye kuli Leta, za kompanyi cyangwa imiryango y'ubucuruzi yikorera, uko kubitiranye kukaba kwatuma umuntu yakwakira ibyo bintu, inyandiko z'imashini cyangwa inyandiko-ngerero, abona ko ari iby'ukuli ;

2° uzaba yarahimbye, yaragurishije, yarakwije, yaratanze cyangwa yarakoresheje impapuro zandikishije imashini, kubw'imiterere yazo, ibara, inyandiko, imisurire y'inyuguti cyangwa iyindi misurire yazo, zisa n'impapuro zifite ku mutwe inyandiko iranga aho zitegekewe gukoreshwa cyangwa zisa n'impapuro z'ubutegetsi zikoreshwa mu nteko zashinzwe n'itegeko-nshinga, n'ubutegetsi bwa Leta no mu nkiko zose, bikaba byatera rubanda kuzemeraho ukuli.

Article 201.

Dans tous les cas prévus aux articles 198 à 200, le tribunal ordonnera la confiscation des sceaux, poinçons timbres ou autres marques contrefaits, falsifiés ou altérés d'une manière quelconque.

Section III – Des faux en écriture

Article 202.

Sera puni d'un emprisonnement de cinq à dix ans et d'une amende de cent mille francs au maximum celui qui aura commis un faux, soit par apposition de fausses signatures, soit par altération d'écritures ou signatures, soit par supposition de personnes, soit par fabrication de conventions, dispositions, obligations ou décharges ou par leur insertion après coup dans ces actes, soit par additions ou altérations de clauses, déclarations ou faits que ces actes avaient pour objet de recevoir et de constater.

Article 203.

Si le faux a été commis dans l'exercice de ses fonctions par un fonctionnaire ou une personne chargée d'un service public, le maximum de l'emprisonnement sera porté à vingt ans et celui de l'amende à deux cent mille francs.

Article 204.

Celui qui, connaissant le faux, aura fait usage de l'acte faux ou de la pièce fautive, sera puni des mêmes peines que l'auteur du faux.

Article 205.

Sont exceptés des dispositions ci-dessus, les faux prévus aux articles 206, 207 et 208.

Article 206.

Sera puni d'un emprisonnement de trois mois à deux ans et d'une amende de dix mille francs au maximum ou de l'une de ces peines seulement :

1° celui qui se sera fait délivrer indûment des permis, certificats, livrets, cartes, bulletins, passe-ports, laissez-passer ou autres documents délivrés par les administrations publiques en vue de constater un droit, une identité ou une qualité, ou d'accorder une autorisation, soit en faisant de fausses déclarations, soit en prenant un faux nom ou une fautive qualité, soit en fournissant de fautes renseignements, certificats ou attestations ;

Ingingo ya 201.

Mu bihe byose byateganijwe n'ingingo ya 198 kugeza kuya 200, urukiko ruzategeka inyagwa rya kashe, ingenyo, tembure cyangwa ibindi birango, byabanditswe, byahinduwe cyangwa byanonwe ku buryo ubwo alibwo bwose.

Icyiciro cya III – Inyandiko-mpimbano

Ingingo ya 202.

Azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi ijana, uzaba yahimbye inyandiko, ali ugushyiraho sinyatire itariyo, ali mu kwonona inyandiko cyangwa amasinye, ali mw'isimbuza ry'abantu abandi, ali mu mihimbire y'amasezerano, y'imitere y'ingingo, y'igitegetswe gukorwa mu masezerano cyangwa icyarangiye cyangwa ali ukwongera ibindi mu byo abantu barangije kwemeranya, ali ukwongera cyangwa guhindura ingingo z'amasezerano, imvugo cyangwa ibikorwa, ibyo byali bigamije gusuzuma no guhamya.

Ingingo ya 203.

Iyo uguhimba inyandiko byagizwe n'umukozi wa Leta mu mulimo yarashinzwe cyangwa n'undi ushinze umulimo w'igihugu, igifungo ntarengwa kizagezwa ku myaka makumyabiri nahoihazabu igezwe ku mafranga ibihumbi magana abili.

Ingingo ya 204.

Uzaba azi ko inyandiko ali mpimbano hanyuma akayikoresha ku buryo ubwo ali bwo bwose, azahanishwa ibihano bingana n'iby'ubwayanditse.

Ingingo ya 205.

Inyandiko mpimbano ziteganijwe mu ngingo za 206, 207 na 208 ntizihanishwa amategeko amaze kuvugwa.

Ingingo ya 206.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi cumi cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano :

1° uzaba yihesheje atabikwiye za permi, za sertifika, udutabo, amakarita, za bilote, za paseporo, za lesepase cyangwa izindi nzandiko zitangwa n'abategetsi b'Ibihugu kugirango zigaragaze uburenganzira iranga-muntu cyangwa agaciro cyangwa zitange uruhushya, aruko yavuze ibinyoma, aruko yiyise ilindi zina cyangwa yihaye agaciro adafite, cyangwa abeshya, atanga za sertifika cyangwa inyandiko-nyemezo zinyuranye n'ukuli ;

2° celui qui aura fait usage d'un tel document, soit obtenu dans les conditions énoncées à l'alinéa précédent, soit établi sous un autre nom que le sien.

Article 207.

Le fonctionnaire, qui en connaissance de cause, délivrera ou fera délivrer un des documents prévus à l'article 206 à une personne qui n'y a pas droit, sera puni d'un emprisonnement de un à cinq ans, et d'une amende de cinquante mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Article 208.

Sera puni d'un emprisonnement de deux mois à deux ans et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement, celui qui :

1° aura établi sciemment une attestation ou un certificat faisant état de faits matériellement inexacts ;

2° aura falsifié ou modifié d'une façon quelconque une attestation ou un certificat originairement sincère ;

3° aura fait sciemment usage d'une attestation ou d'un certificat inexact ou falsifié.

Section IV – Du faux témoignage et du faux serment

Article 209.

Quiconque sera coupable de faux témoignage devant les tribunaux sera puni d'un emprisonnement de un à cinq ans et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'accusé a été condamné à un emprisonnement supérieur à cinq ans, ou à la peine de mort, le faux témoin qui a déposé contre lui encourra la même peine.

Article 210.

Toute personne appelée en justice pour donner de simples renseignements qui se sera rendue coupable de fausses déclarations, sera puni d'un emprisonnement de deux mois à un an et d'une amende de dix mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

2° uzaba yakoresheje iyo nyandiko aruko ayibonye ku buryo buvuzwe ku gika kibanziliza iki, aruko yanditswe kw'izina litali irye.

Ingingo ya 207.

Umukozi wa Leta uzaha umuntu cyangwa uzamuhesha, imwe mu nyandiko ziteganijwe mu ngingo ya 206, akayimuha azi ko adakwiye kuyihabwa, azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza kuli itanu, n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi mirongo itanu cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ingingo ya 208.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano :

1° uzaba yanditse abizi icyemezo cyangwa sertifika bivuga ibintu uko bitali ;

2° uzaba yahinduye ku buryo ubwo alibwo bwose, azi icyo akora, icyemezo cyangwa sertifika byavugaga ukuli ;

3° uzaba yakoresheje abizi, icyemezo cyangwa sertifika bitavugisha ukuli cyangwa byahinduwe.

Icyiciro cya IV – Ikinyoma cy'uwatanzweho umugabo n'indahiro y'ikinyoma

Ingingo ya 209.

Umuntu wese uzabonekaho icyaha cyo kubeshya yatanzweho umugabo, mu nkiko, azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza ku myaka itanu n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Iyo uregwa yakatiwe igifungo kirenga imyaka itanu cyangwa igihano cyo kwicwa, uwatanzweho umugabo wamubeshyeye, akatirwa nawe icyo gihano.

Ingingo ya 210.

Umuntu wese, wahamagariwe gusobanuzwa n'urukiko, akavuga ibinyoma nkana, azahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku mwaka umwe n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi cumi, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Article 211.

Quiconque, soit au cours d'une procédure et en tout état de cause, soit en toute matière en vue d'une demande ou d'une défense en justice, aura usé de promesses, offres ou présents, de pressions, menaces, voies de fait ou manoeuvres pour déterminer autrui à faire ou délivrer une déposition, une déclaration ou une attestation mensongère ou pour s'abstenir de la faire ou de la délivrer, sera, que cette subornation ait ou non produit son effet, puni de la même peine que l'auteur du faux témoignage ou de la fausse déclaration, selon les distinctions des articles précédents.

Article 212.

L'interprète et l'expert de mauvaise foi coupables de fausses déclarations en justice seront punis comme faux témoins.

La subornation d'interprète et d'expert sera punie comme subornation de témoin.

Article 213.

Sera puni d'un emprisonnement de six mois à trois ans et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement, quiconque à qui le serment aura été déféré ou référé en matière civile et qui aura fait un faux serment.

Section V — Des atteintes au secret professionnel et au secret des lettres

Article 214.

Les personnes dépositaires par état ou par profession des secrets qu'on leur confie qui, hors le cas où elles sont appelées à rendre témoignage en justice ou celui où la loi les oblige à faire connaître ces secrets ou les autorise à se porter dénonciateurs, les auront révélés, seront punies d'un emprisonnement de deux mois à deux ans et d'une amende de cinquante mille francs au maximum ou de l'une de ces peines seulement.

L'interdiction d'exercer une fonction ou un emploi public pendant dix ans au maximum pourra être prononcée.

Ingingo ya 211.

Umuntu wese ali muli anketa y'urubanza aho rwaba rugeze hose, ali k'urubanza urwalirwo rwose mu ruhanda rw'urega cyangwa rw'uregwa, uzakoresha amasezerano y'ingororano, amaturo cyangwa za ruswa, agahato, ibikangisho mu magambo, ibikangisho bya kiboko, ubucakura ashaka kugira uwo yemeza kubeshya mu mvugo y'ibyo yatangiweho umugabo, y'ibyo yivugiyeye kubwe cyangwa kugira uwo yemeza gutanga icyemezo kibeshya cyangwa uwo yoshya kureka kubikora cyangwa kubitanga, ayo moshya agera cyangwa atagera kucyo yali agambiriyeye, azahanishwa igihano kimwe n'icyubeshya yatanzeho umugabo cyangwa yahamagaliwe gusobanuzwa nkuko bisonanurwa mu ngingo zibanziliza iyi.

Ingingo ya 212.

Umusemuzi n'umuhama mubyubuhanga bakoze icyaha babishakira cy'imvugo y'ikinyoma mu rubanza bazahanishwa ibihano bigenewe uwatanzeho umugabo akavugira ibinyoma.

Ubwoshye ku musemuzi no ku muhama mubyubuhanga, buhanishwa ibihano bigenewe ubwoshye k'uwatanzeho umugabo.

Ingingo ya 213.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka itatu n'ihazabu y'amafranga ataranga ibihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, umuburanyi uzaba yasabwe kurahira mu by'imana z'imboneza-mubano, akarahira ibinyoma.

Icyiciro cya V — Ukumena ibanga ry'umwuga n'iry'ama-baruwa.

Ingingo ya 214.

Abantu bazi amabanga kubw'umwanya balimo cyangwa kubw'umwuga bashinzwe bazaba bamennye ibanga, uretse igihe bahamagariwe kuba abagabo mu rukiko cyangwa igihe itegeko libategeka kuyamenyesha cyangwa kuyahishurira ababigenewe, bazahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga ataranga ibihumbi mirongo itanu cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ukubuzwa gukora umulimo w'ubutegetsi bw'igihugu mu gihe kitaranga imyaka cumi, gushobora kwemezwa mw'ica ry'urubanza.

Article 215.

Quiconque aura, hors les cas prévus par la loi et de mauvaise foi, ouvert ou supprimé des lettres, des cartes postales ou autres objets confiés à la poste, ou ordonné ou facilité l'ouverture ou la suppression de ces lettres, cartes ou objets, sera puni d'un emprisonnement de huit jours à trois mois et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

L'amende pourra être portée à cinquante mille francs si la lettre ou l'envoi était recommandé ou assuré ou s'il renfermait des valeurs réalisables.

L'emprisonnement sera porté à deux ans si le coupable est agent des postes et télécommunications ou commissionné comme tel.

Article 216.

Tout agent des postes ou toute personne commissionnée pour assurer le service postal qui, hors les cas où la loi l'y obligerait, aura révélé l'existence ou le contenu d'une lettre, d'une carte postale ou de tout autre envoi confié à la poste, sera puni d'un emprisonnement d'un an au maximum et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Section VI – De l'usurpation de fonctions ou titres

Article 217.

Quiconque, sans titre, se sera immiscé dans des fonctions publiques, civiles ou militaires, ou aura fait les actes d'une de ces fonctions, ou se sera attribué faussement la qualité de fonctionnaire public ou aura porté publiquement un costume, un uniforme, un insigne ou un emblème destiné à faire croire à l'existence d'un mandat public, sera puni d'un emprisonnement d'un mois à deux ans et d'une amende de cinq mille à vingt mille francs, ou de l'une de ces peines seulement.

Si le costume ou l'uniforme, l'insigne ou l'emblème n'était pas destiné à faire croire à l'existence d'un mandat public, mais était seulement, par sa ressemblance, de nature à causer une méprise dans l'esprit du public, celui qui, publiquement, l'aura porté, laissé ou fait porter par une personne à son service ou sous son autorité sera puni d'un emprisonnement de deux mois au maximum et d'une amende de cent à deux mille francs, ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 215.

Uretse igihe itegeko ryabigenywe, umuntu wese kubw'ubugizi bwa nabi, uzaba yafunguye, cyangwa yaciye amabaruka, amakarita y'iposta, cyangwa ibindi bintu byashinzwe iposta, cyangwa uzategeka cyangwa uzorohera gufungura cyangwa guca ayo mabaruka, ayo makarita cyangwa ibyo bintu, azahanishwa igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi atatu n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ihazabu izashobora kugera ku mafranga ibihumbi mirongo itanu niba ibaruka cyangwa ikindi cyoherejwe bifite ubushingane mw'iposta cyangwa asuranse cyangwa niba byalimo ibivunjwa amafranga.

Igifungo gishobora kugera ku myaka ibili niba nyili icyaha ari umukozi w'amaposta na telekomunikasiyo cyangwa undi washyirirahwe uwo mulimo.

Ingingo ya 216.

Umukozi wese w'amaposta cyangwa undi wese uzaba yahatumwe ngo akore imilimo y'iposta, uretse igihe itegeko lizaba ryabimutegetse, uzaba yamennye ibanga ry'ibaruka, ry'ikarita y'iposta cyangwa ry'ikindi kintu cyanyujijwe mw'iposta, avuga ko biliho cyangwa avuga ibilimo, azahanishwa igifungo kitarenga umwaka umwe n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Icyiciro cya VI – Kwiha ububasha bw'imilimo cyangwa kwiyitirira umwanya wemewe n'ubutegetsi

Ingingo ya 217.

Umuntu wese utabigenywe, uzaba yivanze mu milimo y'ubutegetsi y'abasivili cyangwa iy'abasilikare, cyangwa uzaba yihaye gukora umwe muli iyo milimo, cyangwa uzaba yiyise umukozi wa Leta ataliwe, cyangwa uzaba yambariye kumugaragarar umwambaro w'ubutegetsi, umwambaro uhuriweho n'abahujwe umulimo, urwibutso cyangwa ikimenyetso bigenewe kuranga ububasha bw'ubutegetsi azahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bitanu kugeza ku bihumbi makumyabili cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Iyo umwambaro w'ubutegetsi cyangwa w'abahujwe umulimo, urwibutso cyangwa ikimenyetso bitagenewe ubwabyo kuranga ububasha bw'ubutegetsi aliko, kubera gushusha kimwe, bikaba byatera rubanda kubytiranyana n'iby'ubutegetsi, uzaba yabyambaye ku mugaragarar, uzaba yaretse uwo akoresha cyangwa ategeka akabyambara cyangwa yamutegetse kubyambara ku mugaragarar, azahanishwa igifungo kitarenga amezi abili, n'ihazabu y'amafranga kuva kw'ijana kugeza ku bihumbi bibili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Article 218.

Quiconque aura publiquement porté une décoration, un ruban ou autre insigne d'un ordre qui ne lui appartient pas, sera puni d'un emprisonnement de deux mois au maximum et d'une amende de mille à deux mille francs, ou de l'une de ces peines seulement.

Sera puni des mêmes peines celui qui, sans remplir les conditions exigées pour le porter ou en faire usage, aura porté un costume ou un uniforme ou aura fait usage ou se sera réclamé d'un titre attaché à une profession légalement réglementée, d'un diplôme officiel ou d'une qualité dont les conditions d'attribution ont été fixées par l'autorité publique.

Article 219.

Sera puni d'une amende de cent à deux mille francs celui qui, dans un acte public ou authentique, ou dans un document administratif destiné à l'autorité publique, n'aura pas pris le nom qui est légalement le sien.

Section VII — Des détournements et des concussion
commis par des fonctionnaires publics

Article 220.

Sera puni d'un emprisonnement de cinq à vingt ans et d'une amende de cinquante mille francs au maximum, tout fonctionnaire ou officier public, toute personne chargée d'un service public :

1° qui aura détourné ou soustrait des deniers publics ou privés, des effets en tenant lieu, des pièces, titres, actes, effets mobiliers qui étaient entre ses mains, soit en vertu, soit à raison de ses fonctions ;

2° qui aura méchamment ou frauduleusement détruit ou supprimé des actes ou titres dont il était dépositaire en sa qualité, ou qui lui avaient été communiqués à raison de ses fonctions.

Ingingo ya 218.

Umuntu wese uzaba yambaye ku mugaragaro impeta, agatambaro cyangwa ibindi bimenyetso by'umutwe atalimo, azahanishwa igifungo cy'amezi atarenga abili n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kugeza ku bihumbi bibili cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Azahanishwa ibihano nkibyoye, uzaba yambaye atabigenewe umwambaro w'ubutegetsi cyangwa umwambaro uhuriweho n'abahuje umulimo cyangwa uzaba yagize icyo akoresha cyangwa uzaba yiyitiriye umwanya wemewe n'ubutegetsi, diplome itangwa na Leta cyangwa ubushobozi buhabwa umuntu wujuje ibyangombwa Leta yashyizeho.

Ingingo ya 219.

Azahanishwa ihazabu y'amafranga kuva kw'ijana kugeza ku bihumbi bibili, uzahindura izina rye ryemewe n'amategeko, abigiliye mu nyandiko y'ubutegetsi cyangwa mu nyandiko-mpamo, cyangwa mu mpapuro z'ubutegetsi zigenewe gushyikilizwa Leta.

Icyiciro cya VII — Ukuligisa n'ukugurwa bikozwe
n'abakozi ba Leta

Ingingo ya 220.

Azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kuli makumyabiri n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi mirongo itanu, umukozi wese w'Igihugu cyangwa ushinzwe na cyo kwakira no gutanga ibyemezo, umuntu wese ushinzwe umulimo rusange w'Igihugu :

1° uzaba yaligishije cyangwa yibye amafranga y'Igihugu cyangwa y'abandi, mpapuro zili mu kigwi cy'amafranga, ibimenyetso byanditswe, ibyemezo by'imali, inyandiko, ibintu byimukanwa yabikijwe kubw'umulimo ashinzwe ubimugenera cyangwa yakiriye kubw'ubwizere bushingiyeye ku mulimo akora ;

2° uzaba yashwanyaguje cyangwa yaligishije, abitewe n'ubugizi bwa nabi cyangwa n'ugushaka kwibwira, inyandiko cyangwa ibyemezo by'imali, yabikijwe kuko abitegekewe cyangwa yahawe kubw'ubwizere bucuwe n'umwanya alimo.

Article 221.

Seront punis d'un emprisonnement de six mois à cinq ans et d'une amende de vingt mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement, tous magistrats, fonctionnaires, officiers publics ou toutes autres personnes chargées d'un service public, qui se seront rendus coupables de concussion en ordonnant de percevoir, en exigeant ou recevant ce qu'ils savaient n'être pas dû ou excéder ce qui était dû, pour droits, taxes, contributions, amendes ou cautionnement, revenus ou intérêts, salaires ou traitements.

Article 222.

Sera puni des peines portées à l'article 221, tout fonctionnaire ou officier public, toute personne chargée d'un service public qui, sous une forme quelconque et pour quelque motif que ce soit, aura, sans autorisation de la loi, accordé des exonérations ou franchises de droits, impôts, taxes, amendes ou cautionnements, ou aura effectué gratuitement la délivrance de produits des établissements de l'Etat.

Section VIII De la corruption des fonctionnaires publics, des arbitres ou experts commis en justice

Article 223.

Tout magistrat, fonctionnaire, officier public ou toute autre personne chargée d'un service public, tout arbitre ou tout expert commis en justice, qui aura agréé des offres ou promesses, qui aura exigé ou accepté des dons ou présents pour faire un acte de sa fonction, de son emploi ou de sa mission, même juste mais non sujet à rétribution, ou pour faire un acte qui, en dehors de ses attributions personnelles, était ou aurait été facilité par sa fonction ou son service, sera puni d'un emprisonnement de six mois à cinq ans et d'une amende de cinq mille à trente mille francs, ou de l'une de ces peines seulement.

Il sera puni d'un emprisonnement d'un an à vingt ans et d'une amende de dix mille à cent mille francs ou de l'une de ces peines seulement s'il a exigé ou agréé des dons, des présents, des offres ou des promesses, soit pour faire dans l'exercice de ses fonctions, de son emploi ou de sa mission un acte injuste ou réprimé par la loi, soit pour s'abstenir de faire un acte qui rentre dans l'ordre de ses devoirs.

Ingingo ya 221.

Bazahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka itanu n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, abacamanza cyangwa abashinja-cyaha, abakozi b'Igihugu, abashinzwe nacyo inyandiko y'ibyemezo, cyangwa abandi bantu bose bashinzwe umulimo rusange w'Igihugu, bazaba barakoze icyaha cyo kugurwa, bategeka cyangwa bahabwa icyo bazi ko kidakwiye cyangwa bakakira icyo bazi ko kirenze igitegetswe, mu byerekeye amafranga y'umulimo, za tagisi, imisoro, ibihano cyangwa amafranga y'ubwishingire, amafranga y'inyongera cyangwa y'inyungu, ibihembo by'abakozi cyangwa imishahara yabo.

Ingingo ya 222.

Azahanishwa ibihano bili mu ngingo ya 221, umukozi wese w'Igihugu, ushinzwe wese inyandiko y'ibyemezo, umuntu wese ushinzwe umulimo rusange, uzaba ku buryo ubwo alibwo bwose n'imhamvu iyo aliyo yose, nta tegeko libyemeje, yakuyeho amafranga cyangwa atayatswe, imisoro, za tagisi, amahazabu cyangwa amafranga y'ubwishingire, cyangwa uzaba yatanze k'ubuntu ibintu byo mu bigo bya Leta.

Icyiciro cya VIII - Ruswa mu bakozi b'Igihugu, mu bakiranuzi cyangwa impuguke zisiganuzwa mu by'imanza

Ingingo ya 223.

Umucamanza cyangwa umushinja-cyaha wese, umukozi wese w'Igihugu, ushinzwe nacyo wese ibyemezo cyangwa umuntu wese ushinzwe umulimo rusange w'Igihugu, umukiranuzi wese cyangwa impuguke yose isiganuzwa mu by'imanza, uzaba yemeye guhabwa ruswa cyangwa amasezerano yayo, uzaka cyangwa uzakira amaturo ayo aliyo yose kugirango abone kugira icyo akora cy'umulimo ashinzwe cyangwa cy'ubutumwa yahawe, naho yaba agikoze uko gitegetswe aliko kitagenewe igihembo, cyangwa kugirango hagire igikorwa, mu bitamugenewe, gitewe cyangwa cyajyaga guterwa n'igitinyiro cy'umulimo akora, azahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka itanu n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bitanu kugeza ku bihumbi mirongo itatu, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza ku myaka makumyabili n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi cumi kugeza ku bihumbi ijana cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, niba yaratse cyangwa yarakiliye amaturo ayo aliyo yose, za ruswa cyangwa amasezerano yazo, kugirango, ku mulimo we cyangwa mu butumwa bwe, azagire icyo akora kibi cyangwa kibujijwe n'itegeko, cyangwa yangilire gukora icyo ategetswe.

Article 224.

Sera puni d'un emprisonnement de trois mois à deux ans et d'une amende de cinquante mille francs au maximum ou de l'une de ces peines seulement, toute personne qui aura sollicité ou agréé des offres ou promesses, sollicité ou reçu des dons ou présents, pour obtenir, faire obtenir ou tenter de faire obtenir des décorations, distinctions ou récompenses, des places, fonctions ou emplois ou des faveurs accordés par l'autorité publique, des marchés, entreprises ou autres bénéfices résultant des contrats passés avec l'autorité publique ou avec une administration placée sous le contrôle de la puissance publique, ou, de façon générale, une décision favorable d'une telle autorité ou administration, et aura ainsi abusé d'une influence réelle ou supposée.

Si le coupable est une des personnes visées à l'article 223 et qu'il a abusé de l'influence réelle ou supposée que lui donne sa qualité, la peine sera un emprisonnement d'un an à dix ans et une amende de dix mille à cinquante mille francs.

Article 225.

Celui qui, pour obtenir, soit l'accomplissement ou l'abstention d'un acte, soit une des faveurs ou avantages prévus aux articles 223 et 224, aura usé de voies de fait ou de menaces, promesses, offres, dons ou présents envers le magistrat, fonctionnaire, officier public, agent chargé d'un service public, arbitre ou expert commis en justice, sera puni des mêmes peines que la personne corrompue, que la contrainte ou la corruption ait ou non produit son effet.

Article 226.

Le juge ou l'arbitre qui se sera décidé par corruption sera puni d'un emprisonnement de cinq à quinze ans.

Si, par l'effet de la corruption, il y a eu condamnation à une peine supérieure à quinze ans d'emprisonnement, cette peine, quelle qu'elle soit, sera appliquée au juge coupable de corruption.

Article 227.

Tout juge, arbitre ou fonctionnaire public qui se sera décidé par faveur pour une partie ou par inimitié contre elle, sera puni de cinq à dix ans d'emprisonnement et d'une amende de cinquante mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 224.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi mirongo itanu cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, umuntu wese uzaba yasabye cyangwa uzaba yemeye kwakira ruswa cyangwa amasezerano yayo, uzaba yasabye cyangwa yakiriye amaturo ayo aliyo yose, kugirango aronke cyangwa aheshe cyangwa agerageze guhesha undi impeta, ishimwe cyangwa igihembo cyangwa umwanya, ubutegetsi cyangwa undi mulimo, cyangwa uburenganzira butangwa n'ubutegetsi, uburenganzira bwo kugulira ubutegetsi ibintu, cyangwa kubukorera imilimo, cyangwa uburenganzira ku bindi bifite akamaro kava ku masezerano agiranywe na Leta cyangwa n'ubundi butegetsi bugenzurwa nayo, cyangwa ku buryo busesuye, icyemezo gihire gitanzwe na Leta cyangwa n'ubwo butegetsi bugenzurwa nayo, kandi agakoresha nabi kuli ubwo buryo igitinyiro afite cyangwa akekwa.

Niba nyili ugukora icyo cyaha, ali umwe mu bavugwa mu ngingo ya 223 kandi akaba yarakoresheje nabi igitinyiro afite cyangwa akekwa, kubera umwanya alimo, azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza ku myaka cumi n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi cumi kugeza ku bihumbi mirongo itanu.

Ingingo ya 225.

Uzaba yakoresheje kiboko cyangwa ibikangisho, amasezerano, ruswa, amaturo ayo aliyo yose, abigilira umucamanza cyangwa umushinja cyaha, umukozi w'Igihugu, ushinzwe nacyo ibyemezo, umukozi ushinzwe umulimo rusange w'Igihugu, umukiranuzi cyangwa impuguke isiganuzwa muby'ianza, agendereye gukoresha ikintu cyangwa kukibuzza gukorwa, ashaka guhabwa uburenganzira cyangwa kubona indonke nkuko bivugwa mu ngingo ya 223 n'ya 224, azahanishwa ibihano bigenewe uwemeye kugulirwa, naho agahato cyangwa ubwo-shye byaba byarageze ku mugambi cyangwa byarawutshutse.

Ingingo ya 226.

Umucamanza cyangwa umukiranuzi uzaba yakijije urubanza ashingiye kuli ruswa, azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kuli cumi n'itanu.

Ivo ruswa yatumye uregwa akatirwa igihano cy'igifungo kirenga imyaka cumi n'itanu, icyo gihano uko kuli kose, kizahanishwa umucamanza wariye ruswa.

Ingingo ya 227.

Umucamanza wese, umukiranuzi cyangwa umukozi mu butegetsi bw'Igihugu uzatanga icyemezo cyiza ashingiye k'ubutoneshe bw'umwe mu baburanyi cyangwa icyemezo kibi ashingiye k'urwango amufitiye, azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi mirongo itanu, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Section IX – De l'ingérence des fonctionnaires publics dans des affaires ou commerces incompatibles avec leur qualité.

Article 228.

Sera puni des peines portées à l'article 221 :

1° tout fonctionnaire ou officier public, toute personne chargée d'un service public qui, soit ouvertement, soit par des actes simulés, soit par interposition de personnes, aura pris ou reçu quelque intérêt que ce soit dans les actes, adjudications, entreprises ou régies dont il a ou avait au temps de l'acte, en tout ou en partie, l'administration ou la surveillance ;

2° tout fonctionnaire ou officier public, toute personne chargée d'un service public, qui aura pris un intérêt quelconque dans une affaire dont il était chargé d'ordonner le paiement ou de faire la liquidation.

Les dirigeants des entreprises seront considérés comme complices du fonctionnaire.

Section X – Disposition commune aux sections précédentes

Article 229.

Lorsqu'un fonctionnaire ou officier public ou une personne chargée d'un service public aura ordonné ou fait un acte contraire à une loi ou à un règlement, s'il justifie qu'il a agi par ordre de ses supérieurs, pour des objets du ressort de ceux-ci et sur lesquels il leur était dû une obéissance hiérarchique, il sera exempt de la peine, qui ne sera, en ce cas, appliquée qu'aux supérieurs qui auront donné l'ordre.

Toutefois si l'illégalité de l'acte ordonné est grossière ou manifeste aux yeux de tous, l'inférieur qui aura néanmoins exécuté l'ordre sera considéré comme complice et ne pourra invoquer la cause de justification prévue à l'alinéa précédent.

Icyiciro cya IX – Ukwivanga kw'abakozi b'Igihugu mu milimo cyangwa mu bucuruzi bidashobora kubangikana n'imilimo bashinzwe.

Ingingo ya 228.

Azahanishwa ibihano bili mu ngingo ya 221 :

1° umukozi wese w'Igihugu cyangwa uwo cyashinze inyandiko y'ibyemezo, umuntu wese ushinzwe umulimo rusange w'Igihugu yabikora yeruye cyangwa ku buryo bapfurapfuritse, cyangwa abishyizemo ubimukorera, uzaba yihesheje cyangwa yemeye guhabwa inyungu iyo aliyo yose, mu bikorwa, mw'irushanwa ryo gushyiraho igiciro cy'ibigurwa mu milimo ikoroshwa, mu nzego zose z'imilimo ubutegetsi bufitemo ubuyobozi, abifitemo cyangwa yarabifitemo igihe k'icyo gikorwa ubutegetsi cyangwa ubuge-nzure kuli byose cyangwa kuli bimwe ;

2° umukozi wese w'Igihugu cyangwa uw'Igihugu cyashinze inyandiko y'ibyemezo, umuntu wese ushinzwe umulimo rusange w'Igihugu, uzaba yarihayeho inyungu iyo aliyo yose, ku kintu yarashinze gutunganyiliza ubwishyu cyangwa imirangilize.

Abayobozi b'ayo masosiyete bazaba ali ibyitso by'uwo mukozi.

Icyiciro cya X – Itegeko rusange ku byiciro bibanziliza iki

Ingingo ya 229.

Igihe umukozi w'Igihugu cyangwa uwo Igihugu cyashinze inyandiko y'ibyemezo, umuntu wese washinze umulimo rusange w'Igihugu, uzaba yategetse cyangwa yakoze igikorwa kinyuranye n'itegeko cyangwa n'amabwiliza, nagaragaza ibimenyetso byemeza ko yabikoze abitegetse n'abamutegeka ku mulimo, akaba yarabigize mu bintu bigengwa n'abo bategetsi kandi agomba kubibumviramo, ntazabihanirwa, ahubwo hazahanwa abategetsi babimutegetse.

Aliho kandi niba ubwica-tegeko bw'icyo gikorwa bukabije cyangwa bubonwa n'abantu bese, umukoroshwa uzaba yabirenzeho agakora icyo yategetse, azahanishwa kimwe nuko yaba ali icyitso kandi ntazashobora kwiyambaza impanvu zihanagura icyaha ziteganijwe mu gika kibanziliza iki.

Des infractions contre l'ordre public

Section I – De la rébellion

Article 230.

Est qualifiée rébellion toute attaque, toute résistance avec violences, voies de fait ou menaces envers les dépositaires ou agents de l'autorité ou de la force publique agissant pour l'exécution des lois, des ordres ou ordonnances de l'autorité publique, des jugements ou autres actes exécutoires.

Article 231.

Sans préjudice des peines plus fortes prévues en matière de sûreté de l'Etat, la rébellion sera punie :

- 1° d'un emprisonnement de huit jours à six mois si elle a été commise par une personne sans arme ;
- 2° d'un emprisonnement de trois mois à deux ans, si elle a été commise par une personne munie d'armes ;
- 3° d'un emprisonnement de trois mois à deux ans, si elle a été commise par plusieurs personnes sans arme et sans concert préalable; s'il y a eu concert préalable, l'emprisonnement sera de un an à cinq ans ;
- 4° d'un emprisonnement de un an à cinq ans, si elle a été commise par plusieurs personnes munies d'armes mais sans concert préalable; s'il y a eu concert préalable, l'emprisonnement sera de cinq à dix ans.

Le maximum de la peine sera prononcé si les coupables ont exercé une fonction de commandement dans la rébellion ou l'ont provoquée.

Article 232.

En cas de rébellion avec bande ou attroupement, l'article 174 du présent code sera applicable aux rebelles sans fonction ni emploi dans la bande, qui se seront retirés au premier avertissement de l'autorité publique ou même depuis, s'ils ont été saisis hors du lieu de la rébellion, sans nouvelle résistance et sans arme.

Article 233.

Sera puni d'un emprisonnement de deux mois au maximum et d'une amende de deux mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement :

Ibyaha byo guhungabanya ubutegets

Icyiciro cya I – Ubwigomeke

Ingingo ya 230.

Ubwigomeke ni ukurwanya ku buryo bwose, kunanirana bya kiboko, ugusagarira cyangwa itera-bwoba, biko-rewe abategets cyangwa abakozi b'Igihugu cyangwa abarinzzi b'amahoro mu gihe bubahiliza amategeko, amabwiliza, ibyemzo by'ubutegets, imanza zaciwe cyanwa by'izindi nyandiko zigomba kurangizwa.

Ingingo ya 231.

Bidatambamiye ibihano birushijeho gukomera byateganyijwe ibyaha bihungabanya Leta, ubwigomeke buhanishwa :

- 1° igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi atandatu, iyo bwagizwe n'umuntu umwe udafite intwaro ;
- 2° igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili, iyo bwagizwe n'umuntu umwe afite intwaro ;
- 3° igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili, iyo bwagizwe n'abantu benshi badafite intwaro kandi batabanje kubijyamo inama; iyo babigiriye inama, igifungo kizaba icyo kuva ku mwaka umwe kugeza kuli itanu;
- 4° igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza kuli itanu, iyo bwagizwe n'abantu benshi bafite intwaro, aliko batabanje kubijyamo inama; iyo byagiriwe inama, igifungo kizaba kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi.

Abakoze icyaha bazahanishwa igihano cy'urwego-ntarengwa cyo hejuru niba bali bakubitiyeho gutegeka muli ubwo bwigomeke cyangwa niba alibo babuteye.

Ingingo ya 232.

Mu gihe cy'ubwigomeke bw'inkomati cyangwa bw'ikoraniro, ingingo ya 174 y'iki gitabo izakulikizwa ku bigometse batagizemo umulimo w'ubutegets, bazaba bigendeye bakimara kubibwirwa n'ubutegets, naho ndetse kuva ubwo baba barafashwe ntibongere gutera amahane kandi badafite intwaro, aliko batakili aho ubwo bwigomeke bwabereye.

Ingingo ya 233.

Azahanishwa igifungo kitarenga amezi abili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi bibili cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano :

1° celui qui en public commettra tout acte ou fera tout geste, ou tiendra tout propos de nature à marquer ou à provoquer du mépris à l'égard des emblèmes ou insignes adoptés par les agents de l'autorité pour révéler l'existence d'un mandat public ou à l'égard de documents ou objets remis en exécution des dispositions légales ou réglementaires ;

2° celui qui refusera de fournir les renseignements demandés par les agents de l'administration, les magistrats ou agents de l'ordre judiciaire, les officiers de police judiciaire ou les agents de la force publique agissant pour l'exécution de leurs fonctions, ou qui, sciemment donnera une réponse mensongère à une demande de cette nature ;

3° celui qui, sauf cas de force majeure, ne répondra pas à une convocation de service écrite et nominative émanant d'un magistrat, d'un fonctionnaire, d'un officier de police judiciaire, d'un agent chargé d'un commandement préfectoral ou communal ou de tout autre détenteur de l'autorité.

Section II – Outrages et violences envers les dépositaires de l'autorité et de la force publique

Article 234.

Sera puni d'un emprisonnement d'un mois à un an et d'une amende de deux cents à cinq mille francs ou d'une de ces peines seulement, celui qui aura outragé par paroles, gestes ou menaces, écrits ou dessins, un membre de l'assemblée ayant pouvoir législatif dans l'exercice ou à l'occasion de l'exercice de son mandat, un ministre ou un magistrat de l'ordre administratif ou judiciaire ou un agent dépositaire de l'autorité ou de la force publique ou toute autre personne chargée d'un ministère de service public dans l'exercice ou à l'occasion de l'exercice de ses fonctions.

Si l'outrage a eu lieu à une séance de l'assemblée ayant pouvoir législatif ou à une audience d'une cour ou d'un tribunal, les peines prévues par l'alinéa précédent seront doublées.

L'outrage commis envers le chef de l'Etat sera puni d'un emprisonnement de deux à cinq ans et d'une amende de deux mille à dix mille francs ou d'une de ces peines seulement.

1° uzakora ku mugaragaro igikorwa cyangwa ikimenyetso icyo alicyo cyose, cyangwa akavuga amagambo ayo aliyo yose ashobora kugaragaza cyangwa gutera agasuzuguro indanga-butegetsi cyangwa ibimenyetso by'umulimo byashyizweho n'ubutegetsi kugirango birange umwanya w'ubutegetsi umuntu ashinzwe cyangwa kubigira ku nyandiko cyangwa ibindi bintu bitangirwa kubahiliza amategeko y'Igihugu cyangwa y'ubuyobozi bw'umulimo ;

2° uzanga kuvuga ibyo asobanujwe n'ubutegetsi, abacamanza cyangwa abashinja-cyaha cyangwa abakozi b'inkiko, abagenza-cyaha cyangwa abalinzi b'amahoro mu gihe bakora imilimo bashinzwe, cyangwa uzasubiza ibinyoma, abishaka kuli bene icyo kibazo ;

3° uretse igihe cy'inkomyi ntarengwa, utazitaba yahamagajwe inyandiko mw'izina rye kandi yahamagaliwe ibyerekeye akazi, atumiwe n'umucamanza, cyangwa umushinja-cyaha n'umutegetsi wa Leta, n'umugenza-cyaha, n'umukazi ushinzwe umulimo muli Prefegitura cyangwa muli Komini cyangwa n'undi wese wahawe gutegeka.

Icyiciro cya II – Ubukoza soni n'urugomo bigiye abategetsi n'abalinzi b'amahoro

Ingingo ya 234.

Azahanishwa igifungo kuva ku kwezi kugeza ku mwaka umwe n'ihazabu y'amafranga kuva kuli magana abili kugeza ku bihumbi bitanu cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, uzakozwa isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, umwe mu bagize inteko ishingira amategeko mu gihe akora umulimo yatorewe cyangwa biturutse kuli uwo mulimo, ministri cyangwa umucamanza uwo aliwe wese cyangwa umutegetsi cyangwa umulinzi w'amahoro cyangwa undi wese ushinzwe umulimo rusange w'Igihugu mu gihe akora umulimo ashinzwe cyangwa aliwo biturutseho.

Niba ubukoza-soni bwarabereye mu nama y'inteko ishingira amategeko cyangwa mu gihe urukiko ruburanisha, ibihano biteganijwe n'igika kibanziliza iki bizakubwa kabili.

Ugukoza isoni Prezida wa Republika bizahanishwa igifungo kuva ku myaka ibili kugeza kuli itanu n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bibili kugeza ku bihumbi cumi cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Article 235.

Celui qui, même sans arme et sans qu'il en soit résulté de blessures, aura frappé l'une des personnes désignées à l'article 234 dans l'exercice de ses fonctions ou à l'occasion de cet exercice, ou commis toute autre violence ou voie de fait envers elle dans les mêmes circonstances, sera puni d'un emprisonnement de six mois à trois ans et d'une amende de deux mille à dix mille francs.

Si les coups ont été portés lors d'une séance de l'assemblée ayant pouvoir législatif ou d'une audience d'une cour ou d'un tribunal, la peine de l'emprisonnement pourra être portée à cinq ans.

Article 236.

Si les violences exercées contre les personnes désignées à l'article 234 ont été la cause d'effusion de sang, blessures ou maladie, la peine sera l'emprisonnement de deux à cinq ans.

Si l'incapacité de travail qui est résultée des violences a été supérieure à un mois, la peine sera l'emprisonnement de cinq à dix ans.

Si la mort s'en est suivie, le coupable sera puni de l'emprisonnement à perpétuité.

Article 237.

Dans le cas même où des violences n'auraient pas causé d'effusion de sang, blessures ou maladie, la peine sera l'emprisonnement de deux à cinq ans s'il y a eu préméditation ou guet-apens.

Article 238.

Si les violences ont été portées dans l'intention de donner la mort, le coupable sera puni de mort.

Article 239.

Les peines portées aux articles 234 à 238 seront applicables si l'outrage ou les violences ont été commis contre des témoins en justice, à raison de leurs dépositions.

Article 240.

Les violences ou voie de fait commises envers le Chef de l'Etat seront punies d'un emprisonnement de dix à vingt ans, si elles n'ont pas été la cause d'effusion de sang, blessure ou maladie.

Ingingo ya 235.

Uzakubita, ndetse naho yaba adafite intwaro cyangwa atakomerekeje, umwe mu bantu bavuzwe ku ngingo ya 234 mu gihe akora imilimo ashinzwe cyangwa aliyo biturutseho, cyangwa uzamugilira urundi rugomo mu bihe bivuzwe, azahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka itatu n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bibili kugeza ku bihumbi cumi.

Iyo uko gukubita byabereye mu nama y'inteko ishingira amategekako cyangwa mu gihe urukiko ruburani-sha, igihano cy'igifungo gishobora kugezwa ku myaka itanu.

Ingingo ya 236.

Iyo urugomo rwagiriwe abantu bavugwa mu ngingo ya 234 rwavushije amaraso, rwateye ibikomere cyangwa indwara, igihano kizaba icy'igifungo kuva ku myaka ibili kugeza kuli itanu.

Iyo ukudashobora gukora bitewe n'urwo rugomo bimaze igihe kirenze ukwezi, igihano kizaba icy'igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kw'icumi.

Iyo urwo rugomo ruteye urupfu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 237.

Naho urugomo rwaba rutavushije amaraso, rutateye ibikomere cyangwa indwara, igihano kizaba igifungo kuva ku myaka ibili kugeza kuli itanu, niba rwarategujwe umugambi cyangwa igico.

Ingingo ya 238.

Iyo urugomo rwagiriwe gushaka kwica, uwakoze icyaha azahanishwa kwicwa.

Ingingo ya 239.

Ibihano bili mu ngingo ya 234 kugeza ku ya 238 bizahanishwa niba ubukoza-soni cyangwa urugomo byagiliwe abatanzweho abagabo mu rubanza, bazira uko bakijije.

Ingingo ya 240.

Urugomo cyangwa ubusagarire bigiriwe Prezida wa Republika bizahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi kugeza kuli makumyabili, iyo bitavushije amaraso, bitateye igikomere cyangwa indwara.

Si elles ont été la cause d'effusion de sang, blessure ou maladie, ou s'il y a eu préméditation ou guet-apens, la peine sera l'emprisonnement à perpétuité.

Si la mort s'en est suivie ou si les violences ont été commises avec intention de donner la mort, le coupable sera puni de mort.

Article 241.

Sera puni d'un emprisonnement de deux mois à cinq ans et d'une amende de cinq mille à vingt mille francs, ou de l'une de ces peines seulement, celui qui aura, publiquement et par mépris, enlevé, détruit, détérioré, remplacé ou outragé le drapeau ou les insignes officiels de souveraineté de la République.

Section III Atteintes à l'exercice des pouvoirs souverains établis par la Constitution

Article 242.

Sera puni d'un emprisonnement d'un mois à deux ans et d'une amende de mille à cinq mille francs ou de l'une de ces peines seulement quiconque, en vue d'empêcher ou d'orienter les délibérations des membres de l'assemblée ayant pouvoir législatif, aura provoqué, incité ou participé à des désordres, à des attroupements, à des défilés interdits à l'intérieur ou autour de l'enceinte de l'assemblée ayant pouvoir législatif.

Sera puni d'un emprisonnement de un à cinq ans et d'une amende de cinq mille à vingt mille francs ou de l'une de ces peines seulement, quiconque aura illégalement empêché, par la force ou par la menace, un membre de l'assemblée ayant pouvoir législatif de se rendre au siège de cet organisme ou de participer au vote.

Article 243.

Sera punie d'un emprisonnement de huit jours à trois mois et d'une amende de mille à cinq mille francs ou de l'une de ces peines seulement, toute personne étrangère à l'assemblée ayant pouvoir législatif et à ses services qui pénétrerait sans motif légitime dans les locaux réservés à ses membres et à ses services, ou qui se livrerait dans quelque local de l'assemblée ayant pouvoir législatif que ce soit, à tous faits, gestes, paroles ou agissements quelconques de nature à troubler les travaux de cette assemblée.

Iyo byavushije amaraso, byateye igikomere cyangwa indwara, cyangwa iyo bateguye umugambi cyangwa igico, igihano kizaba igifungo cya burundu.

Iyo biteye urupfu cyangwa iyo urugomo rwagi-riwe gushaka kwica, uwakoze icyaha azahanishwa kwicwa.

Ingingo ya 241.

Azahanishwa igifungo kuva ku mezi abili kugeza ku myaka itanu n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bitanu kugeza ku bihumbi makumyabili, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, uzaba ku mugaragaro kandi abigiriye agasuzuguro yakuyeho, yaciye, yononnye, yasimbuje cyangwa yandavuje ibendera cyangwa ibimenyetso biranga ubwigenge buganje bwa Republika.

Icyiciro cya III - Ibyaha bigamije kubuza imilimo y'imitwe mikuru y'ubutegetsi yashyizweho n'Itegeko-Nshinga

Ingingo ya 242.

Azahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kugeza ku bihumbi bitanu cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, uzaba yasembuye, yasukumye cyangwa yafashije abandi imidugararo, kurema uduco, imyigaragamba ibujijwe mu ngoro y'inteko ishingira amategeko cyangwa mu mpande zayo, abigiriye kuzitira cyangwa kuyobya impaka z'abagize inteko ishingira amategeko.

Azahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe kugeza kuli itanu n'ihazabu y'amafranga kuva ku bihumbi bitanu kugeza ku bihumbi makumyabili cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, umuntu wese, anyuraniye n'amategeko, ku bw'ingufu cyangwa ibikangisho, uzabuza umwe mu bagize inteko ishingira amategeko kujya kurema inteko y'ubwo butegetsi cyangwa gutanga ijwi.

Ingingo ya 243.

Azahanishwa igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi atatu n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kugeza ku bihumbi bitanu cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano, umuntu wese utali uwo mu nteko ishingira amategeko n'utahafite umulimo uzinjira nta mpamvu yemewe, mu kigo cyagenewe abashingira amategeko n'abakozzi b'iyi nteko, cyangwa uziha kugaragaza ibikorwa ahantu aho aliho hose ho muli icyo kigo, ibimenyetso byose, amagambo, cyangwa imigenzereze iyo aliyo yose, bishobora guhungabanya imilimo y'inteko.

Article 244.

Il sera fait application des articles 242 et 243 si les infractions prévues par ces articles sont commises à proximité immédiate ou dans les locaux réservés à la Présidence de la République et au Conseil des Ministres.

Section IV – Du bris des scellés

Article 245.

Lorsque des scellés apposés par l'autorité publique auront été brisés, les gardiens seront punis pour négligence, d'un emprisonnement de huit jours à deux mois et d'une amende de mille à cinq mille francs ou de l'une de ces peines seulement.

Article 246.

Celui qui aura à dessein brisé des scellés de la qualité énoncée en l'article précédent et sans y être légalement habilité sera puni d'un emprisonnement de trois mois à deux ans et d'une amende de dix mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Si celui qui a ainsi brisé les scellés était le gardien lui-même ou le fonctionnaire qui les avait apposés, l'emprisonnement pourra être porté à trois ans et l'amende à vingt mille francs.

Section V – Des entraves à l'exécution des travaux publics

Article 247.

Quiconque, par voies de fait, se sera opposé à l'exécution de travaux, ordonnés ou autorisés par l'autorité compétente, sera puni d'un emprisonnement de huit jours à trois mois et d'une amende de cinq mille francs au maximum, ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'opposition à ces travaux a lieu par attroupement et violence, voies de fait ou menaces, les coupables seront condamnés à un emprisonnement de trois mois à deux ans et à une amende de dix mille francs au maximum, ou à l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 244.

Hazahanishwa ibihano bivugwa mu ngingo ya 242 n'iyi 243 niba ibyaha biteganijwe n'izo ngingo byarakorewe hafi rwose cyangwa mu bigo bigenewe Prezidansi ya Republika n'Inama ya ba Ministri.

Icyiciro cya IV – Kuvanaho ibyapa bibuza gufungura

Ingingo ya 245.

Igihe ibyapa bibuza gufungura byashyizweho n'ubutegetsi bizaba byakuweho, abalinzi, kubera uburangare bwabo, bazahanishwa igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi abili n'ihazabu y'amafranga kuva ku gihumbi kimwe kugeza ku bihumbi bitanu cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ingingo ya 246.

Uzaba yabigize nkana akavanaho bene ibyo byapa byavuzwe mu ngingo ibanziliza iyi kandi itegeko litabimuhereye ububasha azahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi cumi, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Iyo uwabivanyeho ali umulinzi ubwe cyangwa umukozi w'Igihugu wabishyizeho, igifungo gishobora kugezwa ku myaka itatu, ihazabu y'amafranga igashobora kugezwa ku bihumbi makumyabili.

Icyiciro cya V – Ugutambamira imilimo y'Igihugu

Ingingo ya 247.

Umuntu wese kubw'ugusagalira, uzabuza imilimo gukorwa, yategetswe cyangwa yemewe n'ubutegetsi bubigenewe, azahanishwa igifungo kuva ku minsi munani kugeza ku mezi atatu n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi bitanu, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.

Iyo inkomyi y'imilimo iturutse ku bantu biremye agatsiko kandi bakoresha kiboko, ugusagalira cyangwa ibikangisho, bene icyaha bazakwirwa igifungo kuva ku mezi atatu kugeza ku myaka ibili n'ihazabu y'amafranga atarenga ibihumbi cumi, cyangwa kimwe gusa muli ibyo bihano.